# NI NDE URI MU KURI?




Cyanditswe na

**Pr. MUNYAZIRINDA Juvénal**

## AMASHAKIRO

AMASHAKIRO........................................................................................................................................ 2

IGICE CYA 1. NI NDE URI MU KURI? ........................................................................................ 6

**1.1.UKO KILIZIYA GATORIKA YAGARAGAJE GUKOMERA KW'AMATEGEKO Y'IMANA** ........................................................................................ 10

**1.2.ABAGOMBA GUKURIKIZA AMATEGEKO YA MUNGU NI BANDE?** ........................... 11

**1.3. KILIZIYA GATOLIKA IHAMYA UKUDAHINDUKA KW'AMATEGEKO Y'IMANA** ........................................................................................ 12

**1.4.UKO GATIGISIMU ISENYA BIBILIYA NTAGATIFU KANDI BYOSE ARI IBY'IDINI IMWE.** ........................................................................................ 13

**1.5.TWAMENYA KUBARA IMINSI DUTE DUKURIKIJE UKURI?** ........................................ 16

**1.6.ISABATO NK'ITEGEKO RYA 4 MU MATEGEKO 10 Y' IMANA RIVUGWAHO IKI?** ........................................................................................ 18

**1.7.AMASABATO ARINDWI ABAYUDA BAZIRIRIZAGA** ........................................................ 20

**1.8.UBUHAMYA BW'ISABATO MU GITABO "UMUGENZI"** .................................................. 21

**1.9.AMASOMO 87 AVUGA KO ISABATO ARI UMUNSI WA KARINDWI W'ICYUMWERU** ........................................................................................ 23

**1.10. UBUHAMYA BWA KILIZIYA GATOLIKA KU IBYEREKEYE ISABATO DORE IBYO KIRIZIYA GATORIKA IKOMEJE KUVUGA KU ITEGEKO RYA KANE RY'IMANA. (Gatigi. p.125)** ........................................................................................ 25

**1.11. UKO AMADINI AFATA UYU MUNSI W' ISABATO** ....................................................... 26

**1.12.UKO QOROAN IVUGA ISABATO Y'UMUNSI WA KARINDWI(DJUMAMOSI, SAMEDI, SATURDAY: AHISWE KUWA GATANDATU)**…………………………………………………………………… ……27

**1. 13. ABATAZEMERA UKURI BAZARANGWA N'IKI?** .......................................................... 28

**1. 14. ESE KOKO, BYARI BYARAHANUWE?** ........................................................................ 30

**1. 15. IKIRUHUKO CY'ICYUMWERU CYAVUYE HE HE?** .................................................... 31

**1. 16. AMASOMO ICUMI AVUGA KO KU CYUMWERU ARI KUWA MBERE** .................. 34

**1.17.UBUYOBOZI BW'ITORERO BUFITE UBURENGANZIRA BWO KUVANAHO** ........ 34

**ITEGEKO RY'IMANA?** ........ 34

**1.18.ABASENGA BADASHAKA KUMVA ICYO IMANA IVUGA DORE ICYO IBABWIRA** ........ 35

**1. 19 . IRAGUYE BABULONI** ........ 35

**1.20. SE NTIYABIKOZE, UMWANA NTIYABIKOZE, N'INTUMWA NTIZABIKOZE;** ........ 37

**BYAKOZWE NA NDE?** ........ 37

**1. 21. UMUBARE 666 WO MU BYAHISHUWE 13:18 USOBANURWA GUTE?** ........ 40

**1. 22. UKO UBUPAPA BWAVUGURUYE KARINDARI (INGENGAMINSI)** ........ 43

**1. 23. UMUBATIZO W'UKURI** ........ 44

IGICE CYA 2. UBURYO "QOROAN NTAGATIFU IHAMYA UBUMANA BWA YESU KRISTO" N'UBURYO ISOBANURAMO ABATIZERA ABO ARI BO (ABAKAFILIABAPAGANI). ........ 46

**II. 1. UMURIMO WA YOHANA UMUBATIZA USOBANURWA MURI QOROAN** ........ 47

**II. 2. UGUSAMWA KWA YESU** ........ 47

**II. 3. KUVUKA KWA YESU MURI KOROAN NTAGATIFU** ........ 49

**II. 4. YAVUTSE UWO MWANYA YESU YAVUGISHIJE ABANTU** ........ 49

**II. 5. QOROAN NTAGATIFU IHAMYA UBUMANA BWA YESU KRISTO** ........ 50

IGICE CYA 3. AMATEKA Y'ITORERO RY'IMANA RYASIGAYE ........ 51

**III. 1. IGIHE ITORERO RYATANGIRIYE N'AMAZINA RYISWE** ........ 52

**III. 2. UKO SATANI YAKOMEJE KURWANYA ITORERO RY'IMANA** ........ 54

**III. 3. ITORERO RYASIGAYE RYO MU MINSI Y'IMPERUKA** ........ 55

**III. 4. AMAZINA Y'ABAYOBOYE GENERAL CONFERENCE (INTEKO NKURU RUSANGE)** ........ 57

**III. 5. UMUCYO W'UKURI UGEZWA MU RWANDA N'IRYO TORERO RYASIGAYE** ........ 58

**III. 6. ABANYARWANDA BABATIJWE BWA MBERE**: ........ 59

IGICE CYA 4. IBIHAMYA BIVUGURUZA ABIYISE ABAGOROZI ........ 61

**VI. 1. AGENTS DES SATAN =ABAKOZI BA SATANI** ........ 62
**IV. 2. KWIREMA IBICE GUTEWE NO KWANGA UKURI** ........ 63
**IV. 3. UBUTUMWA KU BANYALAODOKIYA (IBYAHISHUWE 3 :14-22)** ........ 64
**IV. 4. BABULONI YO MU BYAHISHUWE 18 NI IYIHE?** ........ 65
**IV. 5. ITORERO RY'IMANA SI BABULONI** ........ 66
**IV. 6. "IKINTU KIMWE GUSA YESU AHANZEHO AMASO YE"** ........ 67
**IV. 7. IBIRANGA ABĀKA** ........ 69
**IV. 8. ESE KOKO IBYIGISHO BY'ISHURI RYO KU ISABATO (AMIGISHO) NI IBIKERI BYO MU EGIPUTA NK'UKO BIVUGWA MU BIREGO BYABO?** ........ 71
**IV. 9.JEUNESSE ADVENTISTE DU SEPTIEME JOUR IZWI KU IZINA RYA J.A (=JIYA) NI IKI ? KOKO NI IGISIRIKARE?** ........ 74
**IV. 10. IBIHAMYA BY'UMUSARURO DUSABA ABO TUDAHUJE KWIZERA (C.A.)** ........ 75
**IV. 11. IBIHAMYA BY'AMATERANIRO MAKURU (CAMPS MEETINGS)** ........ 76
**IV. 12. ESE KUBAKA INSENGERO ZO GUTERANIRAMO BIREMEWE?** ........ 77
**IV. 13. KUZANA UMURAMBO MU RUSENGERO BIREMEWE?** ........ 81
**IV. 14. ITORERO RYASIGAYE NTIRIGOMBA GUCIKAMO IBICE** ........ 82
**IV. 15. GAHUNDA MU ITORERO RY'IMANA** ........ 83
**IV. 16. INDONGOZI Y'ITORERO (INGENGAMIKORERE) IREMEWE?** ........ 85
**IV.17.MBESE UWO ARI WE WESE WIZERA YESU KRISTO YABATIZA ABIHANNYE?** ........ 88
**IV. 18. ESE GUSENGA DUPFUKAMYE NI YO NYIFATO YONYINE YEMERWA N'IMANA?** ........ 89
**IV. 19. ELIYA WA GATATU NI NDE? AZARANGWA N'IKI? AZATANGIRA UMURIMO WE RYARI?** ........ 91
**IV. 20. KUKI ABAGOROZI BA MBERE BASOHOTSE MU ITORERO BARI BARIMO?** ........ 92
IGICE CYA 5. MBESE BIRAKWIYE KO DUKOMEZA GUTANGA ICYA CUMI MU MINSI Y'IMPERUKA? ........ 93
**V. 1. ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO** ........ 93

**V. 2. DORE UKO UMWUKA W'UBUHANUZI UBIVUGA:** ........ 94

**V. 3. KWIBA IMANA NI ICYAHA CYICISHA!!!** ........ 95

**V.4. KWIBA IMANA BIGUHOMBYA N'IBYARI BISIGA** ........ 95

**V.5. GUKORESHA ICYA CUMI MU YINDI MIRIMO Y'ITORERO NTIBYEMEWE** ........ 95

**V. 6. NTABWO ICYA CUMI GIKORESHWA MU NYUBAKO IZO ARI ZO ZOSE.** ........ 95

**V. 7. MURI IKI GIHE CYACU, ICYA CUMI NTICYAGENEWE GUFASHISHWA ABAKENE, IMFUBYI N'ABAPFAKAZI?** ........ 96

**V. 8. IMANA YABISOBANUYE NEZA, NTA RUJIJO RURIMO** ........ 96

**V. 9. IBISIGAYE (ICYENDA MU ICUMI: 9/10) BIKORESHWA BITE?** ........ 97

**V. 10. MBESE AMASENGESHO ASIMBURA GUTANGA ICYA CUMI?** ........ 97

**V. 11. KUGARURA ICYA CUMI MBERE Y'UKO UMWAKA URANGIRA** ........ 98

**V. 12. GUTANGA ICYA CUMI NI INYUNGU Z'ŪGITANGA** ........ 98

**V. 13. KUGARURA ICYA CUMI CYANYEREJWE (CYARIGISHIJWE)** ........ 103

**V. 14. KUDATANGA ICYA CUMI BITEWE NO KWIBWIRA IBY'IMIKORERE MIBI Y'ABAYOBOZI** ........ 104

**V.15.UFITE ICYA CUMI UGAHURA N'UKENEYE UBUFASHA BYIHUSE WABIGENZA UTE?** ........ 104

**V. 16. UMWANZURO: BIKORE UTARAKERERWA!** ........ 106

## IGICE CYA 1. NI NDE URI MU KURI?

Iki kibazo ***“Ni nde uri mu kuri”*** cyifashishwa iyo hari imitwe irenze umwe ihanganye; gikoreshwa iyo bashaka kumenya by’amashirakinyoma «uri mu kuri uwo ari we». Satani yakomeje guhindanya imico y’urukundo y’Imana ayerekana nabi mu biremwa byo ku isi kandi iyi ntambara imaze imyaka isaga ibihumbi bitandatu yayitangiriye mu ijuru ubwo yigomekaga ku Muremyi wa byose. Iyi ntambara ayikomereza ku isi ubwo yajijishaga ababyeyi bacu ba mbere no kwerekana Imana uko itari. Ibyiringiro dufite ni uko iyi ntambara igiye kurangira burundu. Kuva kera iki kibazo cyaribazwaga kuko hahoze haduka ibisa n’ukuri, imisengere isa n’ukuri, n’uburyo bemeragamo imana zabo ku buryo kubigisha Imana nyakuri byabaga bitoroshye kubw’ibisa n’ukuri bari barimo.

Nk’uko umwe mu bahimbyi b’indirimbo z’iyobokamana w’umunyarwanda yaririmbye ati: ***“Ukuri barakunyagiza, ikinyoma bakacyugamisha”***[4Theo umuhimbyi] niko biri koko; si igitangaza ko muri iki gihe cyacu umuntu ahakana ukuri kwanditswe kandi na we ubwe ari kukwisomera n’amaso ye cyangwa kukaba kwanditswe mu bitabo biyobora idini ye. Ntibikagutangaze ubonye uwo wagafatiyeho urugero rw’imyemerere ari we uri guhakana ukuri kumuri imbere nāwe ubireba neza n’amaso yawe. Ikibabaje ni uko akubwira ngo iri bara ni umweru kandi amaso yawe ari kukwereka ko ari umukara, nāwe ukagoragoza kugeza ubwo ibyari umweru ubihinduramo umukara kubwo kwijijisha kugira ngo udacisha ukubiri nawe kandi umweru wo ugaragarira ababireba neza n’umukara ari uko.

Iyo ukuri kuvugwa nk’uko byari biteganyijwe, bose baba barumvise iyo miburu. Iyaba abafashe iya mbere mu madini basomaga neza ibitabo bibayobora, bakabikora bagendereye kumenya no kumenyekanisha ukuri, benshi baba barumvise ukuri bakizera Umwami Yesu Kristo kandi Imana yari kubahishurira ukundi kuri bakeneye, ariko ***“kuko batakunze ukuri kugenewe kubarokora, niyo mpamvu Imana ibareka bagaterwa n’ubuyobe bubarindagiza, bakemera ibinyoma, kugira ngo abazaba baranze kwemera ukuri, ahubwo bagahimbazwa n’ubugiranabi, bose bazacirwe urubanza”.***
***(2Abanyatesaloniki 2:10-12 ; Biblia Ntagatifu).***

Uko turushaho kwegera iherezo ry’ibihe ni ko Imana igenda ihishurira abagaragu bayo ukuri kwatwikiriweho ibinyoma mu myaka y’umwijima kugira ngo twebwe abasohoreweho n’imperuka bitwiteguze ubwami bwayo.

Dufite amahirwe menshi cyane aruta ay’abatubanjirije mu binyejena bya kera kuko nta mucyo w’ukuri kw’ibyanditswe byera bagiraga. Dore uko umwe mu banditsi banditse ibitabo byinshi byayoboye benshi mu by’agakiza ari we Ellen G. White yavuze ati :**“*Icyaha***

***kitarabaho, Adamu yashimishwaga no kugirana umubano usesuye n'Umuremyi we, ariko guhera igihe umuntu yitandukanije n'Imana kubwo igicumuro, ikiremwa muntu cyabuze ayo mahirwe atangaje.*** **Kuva icyo gihe ukuri kwabangikanye n'ikinyoma kugeza na bugingo n'ubu.** ***Kubwo inama y'agakiza, habonetse uburyo buhesha abaturage b'iyi si gukomeza kugira ikibahuza n'ijuru. Imana yagiye ivugana n'abantu mu buryo bw'Umwuka Wera, umucyo w'ijuru umurikira isi binyuze mu byahishuriwe abagaragu bayo batoranijwe "abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera" 2Petero1:19-21. Mu gihe cy'ibinyejana makumyabiri na bitanu by'imyaka ya mbere, ibyabaye ku muntu nta nyandiko y'ibyahishuwe yariho. Ababaga bigishijwe n'Imana, bahererekanyaga ubwenge bwabo ku bandi, ababyeyi bakabwigisha abana babo mu bisekuruza byakurikiranye. Gutegura inyandiko y'amagambo byatangiye igihe cya Mose. Ibyahishuwe n'Imana byandikwa mu gitabo cyera*** **(Bibiliya).** ***Uwo murimo wakomeje utyo igihe kirekire cy'imyaka igihumbi na magana ane kuva kuri Mose umwanditsi w'iby'irema n'amategeko, kugeza kuri Yohana, umwanditsi w'ukuri kuruta byose kw'ubutumwa bwiza.***

Bibiliya yerekana ko yakomotse ku Mana; nyamara yanditswe n'ibiganza by'abantu; kandi mu nyandiko zitandukanye z'ibitabo byayo bitari bimwe yerekana imibereho y'abanditsi benshi. Iby'ukuri byahishuwe ***"byose byahumetswe n'Imana"(2Timoteyo 3:16),*** ariko byasobanuwe mu magambo y'abantu. Uhoraho yamurikiye ibitekerezo n'imitima by'abagaragu be mu buryo bw'Umwuka Wera. Yabahaye inzozi n'iyerekwa, ibimenyetso n'amashusho; nuko abo bahishuriwe uko kuri bagaragaza ibyo bitekerezo mu mvugo yakimuntu.**<u>Amategeko icumi yavuzwe n'Imana ubwayo, kandi yanditswe n'ikiganza cyayo bwite. Ni ay'Isumbabyose ntabwo ari imvugo y'umuntu.</u>**Ariko Bibiliya n'ukuri kuyanditswemo mu mvugo y'abantu yerekana ubufatanye bw'ubumana n'umuntu. Ubwo bumwe bwagaragaye mu mibereho ya Kristo wari Umwana w'Imana akaba n'Umwana w'umuntu. Kubw'ibyo rero uko kuri kuvuga Bibiliya ni ko kuri kuvuga Kristo ko***"Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe"***. ***(Ellen G. White, Intamba ikomeye p7 ; 2007).***

Hari ibibazo abantu benshi bibanza ndetse bamwe bakiyumvamo ko nta bisubizo, nyamara iyo ubigenzuye neza usanga ibyo bibazo bifite ishingiro. Hamaze kuboneka amadini asaga 329 yigisha Iyobokamana kandi buri dini ryivuga ko ari ryo riri mu kuri; by'umwihariko mu Rwanda hamaze kuboneka ibitabo bitatu biyobora abiga n'abigisha iyobokamana nyamara amadini yo akagwira mu gihe hakabayeho nibura amadini atatu ayoborwa na bya bitabo bitatu ari byo: **"<u>Bibiliya Ntagatifu, Bibiliya Yera na Qoroan</u> <u>Ntagatifu</u>".** Abayoboke b'aya madini nabo usanga buri wese avuga ati 'idini yanjye ni yo Imana yemera, aho nsengera ni ho hari

ukuri' n'ibindi byinshi; ariko ugasanga ibyo barimo bifite ishusho nk'iy'Abayuda bo mu kinyejana cya mbere.

**<u>Bimwe muri ibyo bibazo ni ibi</u>:** Ninde uri mu kuri? None se twese ntidusenga Imana imwe? Kuki hariho amadini menshi? Inkomoko y'amadini ni iyihe? Umugambi wayo ni uwuhe? Iriri mu kuri ni irihe? Namenya nte by'ukuri itorero ry'ukuri? Ese kuwa 6 (Vendredi-Friday) Abayisalamu bateranaho, (Umunsi shingiro w'ikiruhuko bemera); ku Isabato (Samedi-Saturday) Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bateranaho no kucyumweru (Dimanche-Sunday) ari wo munsi wa mbere w'iminsi irindwi uhuriweho na Kiriziya Gatorika n'andi madini ya Giprotestanti; Ni uwuhe munsi uhamanya n'itegeko ry'Imana rya 4 ryo mu mategeko 10 y'Imana? None se ko bose bafite iminsi shingiro y'ibiruhuko by'amateraniro yabo mu cyumweru (Ikiruhuko-ngaruka cyumweru), hari icyo bya bitabo bitatu "Bibiliya yera, Bibiliya ntagatifu na Qoroan Ntagatifu" bibivugaho? Ese uwasenga uko abonye kose ngombwa si ugusenga Imana? Ese abanyamadini ko badahuza imyizerere bari mu isi, mu ijuru niho bazahuza? None se ko buri dini turisangana inyigisho yaryo no kwizera kwaryo n'irindi bikaba uko bakaba badahuje ukwizera, hariho kwizera kungahe?

Amadini ya giprotesitanti aterana ku cyumweru (Ikiruhuko-ngaruka cyumweru) ko usanga bafite Bibiliya Yera imwe, igitabo kimwe cy'indirimbo zo gushimisha Imana n'iz'agakiza, uburyo bumwe bwo kūzura umwuka, kuvuga indimi no guhanura bikaba ari nta tandukaniro, isaha yo gutangira ikaba ari imwe; mu buryo bugaragara ko imyizerere yabo ari imwe bapfa iki ko batemerana ngo habeho urusengero rumwe rubahuje bose nk'abafite imyemerere imwe?

Bibiliya ni urufunguzo rufungura iyi nzitane y'ibibazo benshi bibaza, ndetse abenshi bakaba ari nta gisubizo babifitiye bakabirekera uko biri, ndetse bakirinda n'icyatuma bivugwaho. Mbonereho no kuvuga nti n'ubivuzeho baramwanga ngo "kuki yavuze ibi? Ese icy'ingenzi si ukwizera Imana gusa"? Ese icyangombwa si ukuba mu mwuka no kwemerwa n'Imana"? Ese twese ntidusenga Imana? N'ibindi bibazo nk'ibyo.

Ariko, twibuke ko Abahanuzi n'Intumwa batigeze babererekera inyigisho z'ibinyoma n'abazitwaye, kuko umwe muri bo yaravuze ati ***"Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana nimumukurikire, kandi niba ari Bali abe ari we mukurikira"(1Abami 18:21).***

Muri iki gihe imihango y'idini ya gipagani iri gucika ariko ubupagani bwo bukarushaho kugwira mu basenga Imana. Reka tubivugeho kuko ari byo bikūra benshi mu rungabangabo rw'inyigisho z'urudubi. Iyo tubivuzeho ntituba dutukana cyangwa gusebanya nk'uko bamwe

babyibwira, ahubwo niko ukuri kuvugwa kuko ni ukwerura ibyirengagijwe igihe kirekire no kugaragaza igikenewe gikiza umutima wa mwene muntu kandi ntabwo tuba duciye ukubiri n'ababwirizabutumwa bwiza batubanjirije kuko ari ko nabo bitwaraga ku kuri kwirengagijwe. Urugero: Mikaya ati:***"Nabonye Abisirayeli batataniye ku misozi miremire nk'intama zidafite umwungeri". Uwiteka ni ko kuvuga ati "Bariya ni impehe zitagira shebuja, nibasubire iwabo umuntu wese atahe iwe amahoro"(1Abami22:6-28).***

Yesu nawe ati:***"Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko muzererezwa mu Nyanja no mu misozi no guhindura umuntu umwe ngo yemere idini yanyu, ariko iyo ahindutse, mutuma abaruta inkubwe ebyiri kuba umwana w'i Gehinomu"(Matayo 23:15).***

Pawulo na we ntiyigeze aryamira ukuri kugira ngo abane amahoro n'abantu bose, ahubwo yavugaga ukuri gutyaye, kubatura imitima kugasenya imyizerere ipfuye bigatuma bemera ukuri nyako; nk'igihe yari ahagaze hagati ya Aleyopago yaravuze ati***:***

***"Bagabo b'Abanyatenayi, mbonye muri byose ko mukabije kwibanda mu by'idini. Ubwo nagendagendaga nitegereza ibyo musenga, nasanze igicaniro cyanditsweho ngo 'ICY'IMANA ITAMENYWA'. Nuko iyo musenga mutayizi ni yo mbabwira" (Ibyakozwe n'Intumwa 17:22-34).***

Dore uko Uwiteka yabyeretse Yesaya ati ***"Nimushake mu gitabo cy'Uwiteka musome nta na kimwe kizabura"*****(*****Yesaya 34:16).*** Yesu na we ati ***"Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura" (Yohana 8:32)***. Pawulo arabyerura ati: ***"Icyitwa igitabo gitagatifu cyose cyahumekewemo n'Imana kandi gifite akamaro mu byerekeye kwigisha no kuvuguruza ubuyobe, gukosora no gutoza umuntu iby'ubutungane"***
***(2Timoteyo 3:16; Bibiliya Ntagatifu).***

Usomye aya masomo ukoresheje Bibiliya Yera cyangwa Bibiliya Ntagatifu yagusobanurira mu buryo buruseho; **Abanyaroma 7:7-14; Abanyaroma 3:31; Yakobo 2:10-12; Matayo 5:17-19; Luka 16:17; Zaburi 119:142;Yesaya cyangwa Izayi 8:20**. Aya mategeko ni yo yanditswe muri Bibiliya, akaba yarahawe Mose ari ku musozi Sinayi, yavuzwe n'Imana ubwayo, yandikishijwe n'urutoke rw'Imana ku bisate bibiri by'amabuye. Bisome mu gitabo cyo Kuva cyangwa icy'Iyimukamisiri 20:3-17; 31:18. Reba na none Abagarayiya 3:10-11.

Imana yashyizeho amategeko agenga ingoma yayo n'abazayijyamo ayo mategeko Iyandika ku bisate bibiri by'amabuye, yandikwa no muri Bibiriya yera na Bibiriya ntagatifu

mu gitabo cyo 'Kuva' cyangwa 'Iyimukamisiri 20:3-17', icyakora abasomyi bakwiriye gusesengura neza bakareba niba uko amategeko avugwa muri Bibiya ari na ko yandukuwe mu bindi bitabo biyasobanura mu madini atandukakanye. (Urugero: muri Gatigisimu ntagatifu ya Kiriziya Gaturika).

## 1.1.UKO KILIZIYA GATORIKA YAGARAGAJE GUKOMERA KW'AMATEGEKO Y'IMANA

Dore uko Kiliziya Gaturika yari yamaze kugaragaza ugukomera n'ubudahangarwa bw'amategeko y'Imana maze impuguke zayo zibyandika mu nyandiko y'amahame yayo; nkuko tubisanga muri iki gitabo:***"Gatigisimu Isobanuye yo mu mwaka w'1952 ku p.7-8"***. Ibyanditwemo bitangizwa n'iki kibazo ngo:

***<u>AYA MATEGEKO MUNGU YAYAHAYE ABANTU RYARI?</u>***

*A. Amategeko ye, Mungu yayahaye ababyeyi bacu ba mbere akibarema. B.*
*Bukeye ayandika uko ari icumi ku mabuye abiri yahaye Musa (Mose)*
*C. Hanyuma yatwoherereje umwana we Yezu kuyatwibutsa no kuyadusobanurira. Niyo intumwa zigishije.*

*Adamu na Eva ntibari bameze nk'ibindi biremwa mu isi. Mungu yabahaye ubwenge ngo bategeke iby'isi byose kandi ngo bamenye yuko ari We ubibahaye bamushimire kandi babimukoreshereze. Amategeko ye, Mungu nibwo yayanditse mu mitima y'abantu, ni cyo gituma umuntu wese ayavukana, kandi uko akura niko ayamenya buhoro buhoro. Reba umwana utaramenya amategeko ya Mungu uko tuyiga iyo amaze gukora nabi (kwiba,kubesha,…) usanga uwo mwana ameze nabi, areba nabi, nta mahoro afite, afite ubwoba cyangwa isoni,...*

*Uwo mwana abiterwa niki? Iryo ni ijwi ry'umutimanama rimwumvisha ko yakoze ibidakwiye. N'abantu bakuru ni uko. Hari umuntu mukuru naho yaba ari umupagani, uyoberwa ko kwica mugenzi we ari icyaha? Hari usambana se uyoberwa ko yakoze nabi? Abibwirwa n'iki? Ni rya jwi ry'umutimanama ribimwumvisha, rimutonganya, rimuhana. Uko umuntu arushaho gukora icyaha niko iryo jwi ry' umutimanama riceceka, maze umuntu agasigara akora icyaha ntacyo yishisha.*

*Niko abantu bari babaye igihe Mungu yabahanishaga umwuzure akagira uburakari bwinshi akabatsemba bose pe, keretse Nowa n'urugo rwe yakijije, bo bari bacyumvira amategeko y'Imana. Mungu abonye ko abantu batacyumvira amategeko ye, yitorera umuryango w'abantu*

*bazamumenya We wenyine, Umuremyi n'Umutegetsi, kandi bazakurikiza amategeko Ye. Abo bantu bitwaga Abisirayeli (Abana ba Isirael). Hanyuma biswe Abayuda. Bageze mu ishyamba bacumbika hafi y'umusozi Sinayi, ku munsi wa gatatu Mungu ahabibukiriza amategeko ye uko ari icumi, akikijwe n'indimi z'umuriro, n'imirabyo, n'Abamalayika bavuza impanda.* ***Hanyuma Mungu ayandika ku mabuye abiri. Abisirayeli nibo bonyine bayakomeje bonyine, indi miryango yose yarayibagiwe****. Mose amaze kurakarira Abisirayeli kubwo gusenga ikigirwamana cy'inyana bari biremeye, yazabiranijwe n'uburakari amena ya mubuye abiri, Imana imusaba kubaza andi mabuye abiri, Irongera yiyandikira ayo mategeko n'urutoke rwayo kuri ayo mabuye bigaragaza agaciro Iha amategeko yayo. Soma bibiliya mu gitabo cyo Kuva cyangwa Iyimukamisiri:* ***32:19; 34:1-2).***

**ICYO GATIGISIMU IKOMEZA KUVUGA KU MYIGISHIRIZE YA YESU KRISTO N'AMATEGEKO Y'IMANA**

*Yezu yaravuze, ati: "Ntimugire ngo naje gukuraho itegeko ry'Umutegetsi n'ibyavuzwe n'abahanuzi* ***Matayo 5:17-19.*** *Niko Yezu yibukije abantu amategeko ya Mungu, ategeka intumwa n'abazazizungura bose kuyibutsa abantu bose bayibagiwe". Arongera ati: "Biroroshye ko ijuru n'isi bishira aho kugira ngo akitso kamwe kave ku mategeko". Luka16:17.*Dushingiye kuri uku kuri kuri muri Bibiriya Ntagatifu mu Iyimukamisiri20:3-17 usanga aya mategeko atigishwa uko bikwiye. Usanga amategeko aboneka muri Bibiriya ntagatifu atandukanye by'ihabya n'ayo Kiliziya yiyandikiye muri Gatigisimu bigishirizamo abakirisitu babo kandi ibyo bitabo byombi (Bibiliya Ntagatifu na Gatigisimu) ari ibyabo. Byateye benshi urujijo ari rwo twifuza gukuraho.

## 1.2.*ABAGOMBA GUKURIKIZA AMATEGEKO YA MUNGU NI BANDE?*

Gatigisimu ntagatifu ya kiliziya Gaturika ikomeza guhamya ko abantu bose bagomba kuyakurikiza: *"Ntawashobora kuvuga ko ataremwe na Mungu; ndetse n'abapagani bagomba kuyitaho kuko bazahanirwa ayo barenzeho kandi bayazi.*

### *a. AMATEGEKO MUNGU YADUHAYE ARAKWIYE SE?*

Muri iyo Gatigisimu barasubiza bati: *"Yee, arakwiye rwose. Mungu uzi neza kamere yacu yari azi ibikwiriye abantu. Ni cyo gituma abarangiza amategeko ye neza, ari bo bazaba abantu bashyitse, abantu beza bashimwa na Mungu, bashimwa na bagenzi babo, bazagira*

*ihirwe n'amahoro ndetse na hano mu isi. Abica ayo mategeko ari bo bifata busimba, bagakurura amahane n'amakuba menshi, bagawa na Mungu n'abantu".*

*"Ayo mategeko uko Mungu yayaduhaye, akwiriye kamere yacu, ntawashobora kuyahindura ukundi, ntawashobora gukuraho na rimwe. Itegeko rindi ryose riciye ukubiri n'aya Mungu, ntawarikurikiza, kuko ntawarusha Mungu itegeko".*

***b. ICYATUMYE MUNGU ADUHA AYO MATEGEKO N'IKI?***

Dore icyo Gatigisimu ikomeza kuvuga iti: *"Mungu yadushyize mu isi ngo ahaturebere kandi ahatugeragereze. Hano mu isi si iwacu rwose. Turi mu nzira aho tugana ni mu ijuru. Tujye dukurikira rero inzira y'amategeko Mungu yatweretse, kandi tuyakurikize yose".*

Gatigisimu ikomeza itugarariza ko *"tugomba gukurikiza amategeko ya Mungu tutirengagije na rimwe, tuyarangize neza, iminsi yose, n'aho turi hose, tuyarangize n'urukundo nk'abana bashaka gushimisha umubyeyi mwiza, udushakira ibyiza wemeye no kuzabiduhembera mu ijuru"*.

## 1.3. KILIZIYA GATOLIKA IHAMYA UKUDAHINDUKA KW'AMATEGEKO Y'IMANA

***a. AMATEGEKO YA MUNGU ASHOBORA GUHINDUKA SE? Soma Gatigisimu urupapuro rwa 279***

*"Amategeko ya Mungu ntashobora guhinduka. Ntawakuraho n'akadomo cyangwa ngo yongereho irindi tegeko. Dore ko na Nyagasani Yezu yivugiye ati: "**Biroroshye ko ijuru n'isi bishira aho kugira ngo akitso kamwe kave mu mategeko**" **Luka 16: 17.***

Amategeko y'Imana ntahinduka kandi ni ayera. Uretse no guhindura itegeko ry'Imana no kwirengagiza kuryumva ni ikizira k'Uwiteka. « ***Uwica amatwi ngo atumva iteko n'isengesho rye riba riteye ishozi »*** **(Imigani 28:9*Bibiriya ntagatifu*).** N'abandi bahanuzi b'Imana bagiye bagira icyo bavuga ku mategeko y'Imana: **Yesaya (Izayi) 8:20** ati: ***"Nibababaza batyo muzabasubize muti: "Amategeko n'amabwiriza y'Uhoraho nibyo mugomba gukurikiza. Baragowe abatazakurikiza iryo jambo kuko batazongera kubona umuseke weya"(Bibiriya ntagatifu).***

Ibi byose bitugaragariza ko Kiriziya Gaturika yemera ugukomera n'ubudahangarwa by'amategeko y'Imana, ariko bakarengaho bakagira ayo bakuramo, andi bakayahindura uko bishakiye, kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Daniyeli bisohore ubwo yavugaga ati: ***"Niwe uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko"* (*Daniel 7:25*).**

## 1.4.UKO GATIGISIMU ISENYA BIBILIYA NTAGATIFU KANDI BYOSE ARI IBY'IDINI IMWE.

Twese abasomyi ba Bibiliya Ntagatifu na Gatigisimu, twibaza ukwivuguruza, gusenya no gushyiraho urufatiro rw'ikinyoma byagaragariye mu miyoborere y'idini ikomeye kandi y'icyamamare nka Kiliziya Gatolika bikatuyobera. Gatigisimu yanditswemo "Amahame shingiro ya Kiliziya Gatolika (Credo)". Bibiliya yo ni ijambo ry'Imana; none niba amahame y'idini arwanije ijambo ry'Imana twakwifata dute? Twajya mu ruhande rw'amahame y'idini cyangwa twajya mu ruhande rw'Ijambo ry'Imana?

Petero na Yohana igihe bari bageze mu kibazo nk'iki dore uko babyitwayemo bati **"*Niba ari byiza imbere y'Imana kubumvira kuruta Imana nimuhitemo*" *Ibyak.4:19.* Ariko "*ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu*" (*Ibyak.5 :29*).**

**A. GERERANYA AYA MATEGEKO Y'IMANA YANDITSWE MURI GATIGISIMU ISOBANUYE p.12 (1952) N'AYANDITSWE MURI BIBIRIYA NTAGATIFU (Iyimukamisiri 20:3-17 ku rupapuro rw'119) :**

Fata Bibiliya yera na Bibiliya ntagatifu usome Iyimukamisiri (Kuva) 20:1-17 maze ujye ubigereranya n'ibyanditswe muri Gatigisimu ahavuga "Amategeko y'Imana" ariko cyane cyane utinde ku itegeko rya kabiri, irya kane n'irya cumi; urasanga itegeko rya kabiri Kiliziya Gatolika yararikuyemo kugira ngo bagire umudendezo wo kuramya amashusho, maze irya cumi barisaturamo kabiri kugira ngo bazibe icyuho cyari kivutse mu mategeko kuko yari asigaye ari icyenda.

Ikindi kandi gikomeye bigisha ni uko *"bitoreye umunsi w'icyumweru"*[6] nk'ikimenyetso cy'ububasha bwa Kiliziya Gatolika. Kubw'ibyo itegeko ryari irya gatatu rihinduka irya kabiri, iryari irya kane rihinduka irya gatatu kandi barihindurira inyito nk'uko mubyisomera ngo "Urajye utunganya umunsi w'Imana", biba bityo no ku yandi mategeko. Ndabanza kubibutsa ko inyigisho zanditswe muri Gatigisimu ari zo zatojwe abayoboke ba Kiliziya Gatolika na bugingo n'ubu cyane, nk'amahame shingiro adahinduka y'iryo dini (credo) gusumbya uko bari gutozwa inyigisho zanditswe muri Bibiliya.

Izi nyigisho zatangiye ari gahunda (Ingengamikorere cyangwa Indongozi yabo) bagera ubwo bazihindura amahame shingiro y'idini yabo. Ibi nibyo byatumye Martin Luter wari umukaridinali w'icyubahiro atandukana na Kiliziya Gatolika kubwo kwisomera Bibiliya agasanga ibyo yigishijwe kuva akiri umwana bihabanye cyane n'ibyo Imana yivugiye mu ijambo ryayo, ari byo bigomba kuyobora abaremwe bose ku Mana nta kurobanura. Nibyo

byatumye Huss, Jerome, Tainder, Boxter n'abandi bapadiri basohoka muri Kiliziya Gatorika bemera kuyoboka icyo Bibiliya yigisha babirutisha inyigisho mpimbano z'idini ziyobya.

Mu mugambi mubisha wari umaze igihe kirekire wo kurwanya ingoma y'Imana, ubu bwo wari usa n'ugezweho. Byagaragaraga ko Satani asa n'ugeze ku nsinzi ubwo yifashishaga abayobozi ba leta ya Roma mpagani bari bahagarariwe na Konsitantino mu mwaka wa 321 N.K, ndetse n'impuguke mu by'iyobokamana za Kiliziya Gatolika zari zihagarariwe na Bishop SylvestreI mu mwaka wa 325 N.K mu kurwanya, gupfobya, guhakana no gutesha agaciro itegeko rya kane ry'Isabato y'umunsi wa karindwi ngaruka-cyumweru kandi ari ryo ryerekana isano iri hagati y'umuntu n'Imana yamuremye ikanamucungura. Byari umugambi mubisha wo guhanagura mu ntekerezo z'ikiremwa muntu uru rwibutso rwo kuremwa no gucungurwa kwacu kwagaragajwe n'urukundo rw'Umuremyi wacu.

## B. AMATEGEKO Y'IMANA UKO AGARAGAZWA MURI GATIGISIMU YA KILIZIYA GATORIKA ISOBANUYE P.12 (1952)

*1. Urajye usenga Mun*
*uzabe ari we ukunda gusa.*

*2. Ntuzarahire izina ry*
*cyangwa mu binyoma.*

*3. Urajye utunganya u*

*4. Urajye wubaha abal*

*5. Ntuzice.*
*6. Ntuzasambane.*
*7. Ntuzibe.*
*8. Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi.*
*9. Ntuzifuze umugore w' undi.*
*10. Ntuzifuze kwiba cyangwa kwangizaiby'abandi* [7]

Bigereranye neza n'ibyanditswe muri Bibiliya Ntagatifu na Bibiliya Yera urebe ko hari aho bihuriye.

**Uko amategeko y'Imana agaragazwa muri Bibiliya Ntagatifu (Iyimukamisiri 20: 3-17)**

***1. “Nta mana zindi uzagira ke***

***2. Ntuzikorere ishusho ry’iri se ikindi kibonetse cyose; cyaba gisa kirere cyangwa n’ibiri hasi ku isi cya mazi akikije isi. Ntuzapfukame bigirwamana kandi ntuzabiyoboke; ari jyewe Uhoraho, nkaba Imana ifu cy’ababyeyi mu bana babo, kugeza n gatatu no mu cya kane cy’aba abankunda bagakurikiza am mbagaragariza ubudahemuka b ibihumbi.***

***3. Ntuzavuge izina ry’Uhorah bintu by’amanjwe, kuko Uhoraho uzaba yavuze izina rye mu bintu by’***

***4. Urajye wibuka umunsi w’i Imana. Uzakore imirimo yawe yose n naho uwa karindwi ni isabato y’Uho ntuzagire umurimo n’umwe ukor umuhungu wawe, ari umukob umugaragu wawe, ari umuja wawe, ari n’umusuhuke waje iwanyu. itandatu Uhoraho yahanze ijur n’ibiyirimo byose, maze akaruhuk karindwi. Nicyo cyatumye Uhorah umunsi w’isabato, akawiyegurira.***

***5. Wubahe so na nyoko, kugira ngo uzarambe mu gihugu Uhoraho Imana yawe iguhaye.***

***6. Ntuzice umuntu.***

***7. Ntuzasambane.***

***8. Ntuzatware umuntu ngo umugire uwawe ku ngufu.***

***9. Ntuzavuge ibinyoma ubeshyera mugenzi wawe.***

***10. Ntuzararikire inzu ya mugenzi wawe, ntuzararikire umugore wa mugenzi wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, mbese ikintu cya mugenzi wawe icyo ari cyo cyose.”***

Umaze gusoma uko amategeko bayanditse muri Gatigisimu, urasanga bihabanye n’uko Imana yayandikishije muri Bibiliya (**Kuva 20:3-17;Kuva 31:18 cg Iyimukamisiri 20:3-17)** nk’uko nabigaragaje muri iyi mbonerahamwe. Ngaho reba neza ko hari aho bihuriye n’ayo mategeko Imana yiyandikishirije n’urutoke rwayo. Ikigaragara ni uko itegeko rya 2 ritubuza gusenga ibishushanyo nk’uko rigaragara muri Bibiliya Ntagatifu, muri Gatigisimu ryakuwemo kugira ngo babone umudendezo wo kubyiyambaza mu myizerere yabo. Bityo kubwo kuziba icyuho ngo amategeko yuzure, baciyemo kabiri itegeko rya 10.

Ikindi kigaragara ni uko bahinduye inyito y’itegeko rya 4 ritwibutsa kweza (gutagatifuza) umunsi w’Isabato kugira ngo ababisoma badasobanukirwa uwo ari wo, barangije barigira itegeko rya 3 maze baryita ngo “***Urajye utunganya umunsi wa Mungu”.***[7]

Kugira ngo abantu bagumishwe mu kinyoma, bajijishirijwe mu kubara ngo umuntu atamenya umunsi wa Karindwi ngo ni uwuhe? Ariko birasobanutse kuko mu gitabo cy’**Abalewi 23:15** Imana yivugiye ngo: ***“Kandi mujye mubara iminsi muhereye kuri uwo munsi wa mbere w’isabato”,*** (mujye mubara iminsi muhereye ku cyumweru, ari ho kuwa mbere w’Isabato).

Kuki batinyutse gukora ikizira nk’iki cyo gukuramo itegeko rya kabiri ribuzanya “Kwikorera amashusho”? Kwari ukugira ngo bajye babikora nta gishinja bafite kandi babone

uko bayobereza benshi muri ibyo. Ijambo ry'Imana riti ***"Ibigirwamana byabo si ikindi, ni feza na zahabu, ni ibintu byabumbwe n'intoki za muntu. Bifite umunwa, ariko ntibivuge, bikagira amaso, ariko ntibibone; bifite amatwi, ariko ntibyumve, bikagira amazuru, ariko ntibihumurirwe; bifite ibiganza, ariko ntibikorakore, bikagira n'ibirenge, ariko ntibigende; nta jwi na busa riva mu muhogo wabyo. Ba nyir'ukubihanga barakamera nkabyo, kimwe n'ababyiringira bose" (Zaburi 115:4-8).***

## 1.5.TWAMENYA KUBARA IMINSI DUTE DUKURIKIJE UKURI?

Ntibigoye kandi ntibisaba kuba warize ngo uminuze, ntibisaba ubumenyi buhagije bw'iyobokamana, nta yandi mayerekwa bisaba, mvuge nti nta nubwo bisaba kubanza kumva ijwi ry'Imana ngo ubone kubyizera, icyo bisaba ni kimwe: byanditswe bite? bisaba kumenya icyo Imana ivuga maze umutima wawe ukayoboka icyo ubwirijwe na Mwuka Muziranenge.

**Bikurikirane: SomaAbalewi 23:15** umenye uko ubara iminsi nk'uko Imana yabitangaje iti: ***"Mujye mubara iminsi muhereye kuri uwo munsi wa mbere w'Isabato*"; ku "CYUMWERU"** ari ho Nyagasani Yezu yazutse.

1. Aho bise Ku cyumweru (Dimanche)…. = Bibiliya itubwira ko ari kuwa mbere
2. Aho bise Kuwa mbere (Lundi)………. = Bibiliya itubwira ko ari kuwa kabiri
3. Aho bise Kuwa kabiri (Mardi)……......= Bibiliya itubwira ko ari kuwa gatatu
4. Aho bise Kuwa gatatu (Mercredi)…..= Bibiliya itubwira ko ari kuwa kane
5. Aho bise Kuwa kane (Jeudi)……….. = Bibiliya itubwira ko ari kuwa gatanu
6. Aho bise Kuwa gatanu (Vendredi)..…= Bibiliya itubwira ko ari kuwa gatandatu **7. Aho bise Kuwa gatandatu (Samedi).= Bibiliya itubwira ko ari kuwa karindwi.**

Ibi byo kujijisha abantu ngo batamenya kubara iminsi mu buryo nyakuri nk'uko Imana yabigaragarije muri Edeni, byakozwe n'Ubupapa ku ngoma ya Papa Geregori wa 8, ari nawe mu Papa wa 226. Bisome mu gatabo ka Kiliziya Gatolika kitwa "**WOWE NKURIKIRA nimero ya 15 yitwa URUHERERE" Ku rupapuro rwa 59**; "Ubwo yahinduraga Kalendari, maze itariki ya 04KANE RW'ABAPAPA ", ku rupapuro rwa 59; " ubwo yahinduraga Kalendari, maze itariki ya 04/10/1582 ahita ayigira iya 15, iminsi yo hagati ntiyigera ibaho.***(andika aya magambo) !!!***

Ibyo Umuhanuzi Daniyeli yari yaravuze mu myaka isaga ibihumbi bibiri biba birasohoye ngo: « ***Niwe uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko » (Daniel 7:25).***

N'igihe bizamara ubuyobozi bw'ubupapa bubifitiye ububasha butavuguruzwa n'uwo ari we wese cyarahanuwe ngo: ***"kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira."(Daniel 7:25).*** Maze Yohana nawe abihishurirwa bitari byaba ati: ***"Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu*****(inyigisho za Roma nkirisitu - Babuloni)**,***kandi abami bo mu isi basambanaga nawo, abatunzi bo mu isi***(bamwe mu bigisha ba Bibiliya)***bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo(*****Inyigisho z'icyumweru, kudapfa kwa roho, no gusabira abapfuye babiringiza ko bagiye mu ijuruako kanya hamwe n'ibindi binyoma)***no kudamarara." (Ibyahishuwe18:3). "Umucyo w'itabaza (Zaburi 119:105***Umucyo w'ijambo ry'Imana)***ntuzaboneka muri wowe ukundi, kandi ijwi ry'umukwe n'iry'umugeni ntazumvikana muri wowe ukundi. Abatunzi bawe bari abakomeye bo mu isi, kuko amahanga yayobejwe n'uburozi bwawe." (Ibyahishuwe 18:23-24).***

Inyigisho za Babuloni zagereranijwe n'uburozi. Erega burya nta cyavuzwe kitazasohora! Handitswe ngo: ***"Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo » (Amosi 3:7).***

Ubuhanuzi bwose bugomba kubanza gusohora mbere yo kugaruka kwa Kristo, kandi amategeko y'Imana akongera akererezwa nk'uko byahozeho kera. Mu ***Byahishuwe 11:19*** handitswe ngo: ***"Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero habonekamo isanduku y'isezerano ryayo."*** Mu isanduku harimo amategeko 10 y'Imana yariho kuva kera kose kuko Kayini ubwo yicaga itegeko rya 6 akanga kwihana, Imana yaramugendereye, yanga kwihana arabihanirwa (***Itang.4:3-14).*** Ab'i Sodomu na Gomora ubwo bicaga itegeko rya 7 bagakabya gusambana no kugoma kandi bagasuzugura intumwa z'Imana, barabihaniwe (***Itang.18:20-21; 19:4-29).*** Dore ubuhamya Uwiteka yatanze kuri Aburahamu wavutse mu mwaka w'1951 (mbere y'ivuka rya Yesu Kristo) utari Umwisirayeli ndetse n'Abisirayeli batari babaho kuko babayeho mu mwaka 1661 (mbere y'ivuka rya Yesu Kristo) bigaragara ko hari hasigaye imyaka 505 ngo Imana itangarize amategeko yayo ku musozi wa Sinayi maze Imana imuvugaho itya iti ***"Kuko Aburahamu yanyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze" Itangiriro 26:5.***

Niba atari ubuyobe: abigisha ko amategeko cumi y'Imana yarebaga abisirayeli gusa mwaba mubikura he mu gihe tubona ayo mategeko yarahozeho areba inyokomuntu yose? Ese mbere y'uko abamisiyoneri bagera ino, ntimuzi ko uwicaga itegeko rya karindwi ribuzanya gusambana iyo yatwitaga binyuze mu busambanyi ari umukobwa bajyaga kumuroha?

Bamuzizaga iki niba amategeko y'Imana atarahozeho? Ni nde muri mwe uyobewe ko tumenyeshwa icyaha n'uko hari ho itegeko?

Keretse mu madini yanyu niba mutakiri inyokomuntu nibwo mwakwerura ko amategeko y'Imana atabareba. Ariko se niba n'abasengeramuri ayo madini bumva neza atari ukwijijisha; kuki umuyoboke wabo iyo yishe rimwe mu mategeko bamuhana? Nk'iyo yasambanye; bamuhora iki ko bigisha ko amategeko atakibareba? Iyo bamwe mu banyarwanda batica itegeko ry'Imana rya gatandatu ribuzanya kwica, na bamwe mu bari bafashe iya mbere mu kuyobora amadini iyo badakangurira abayoboke babo kwica iryo tegeko ni nde uba yarishe undi amuhoye uko asa kandi atarahisemo kuvuka asa atyo cyangwa areshya atyo? Ese ye, iyo bamwe badakangurira abandi kwica itegeko ry'Imana rya munani ribuzanya kwiba, babyita amazina atandukanye ngo ni "ukubohoza, gufuya,…" ni nde uba yaratwaye iby'abandi? Uwavuze ati "Ntukice", niwe wavuze ati "Ntukibe" kandi ni we wavuze ati "Wibuke kweza umunsi w'Isabato".

Nubwo utazigera ubona hari leta n'imwe yo ku isi ikurikirana uwishe iryo tegeko rya kane nk'uko bigendekera uwishe andi, ntibizabuza Imana nyiri amategeko guhana n'umujinya utarimo imbabazi na nke abishe iryo tegeko ryayo. Uko byamera kose Imana izarengera itegeko ryayo ryicwa.

## 1.6.ISABATO NK'ITEGEKO RYA 4 MU MATEGEKO 10 Y' IMANA RIVUGWAHO IKI?

Nta muntu wasoma Bibiliya ngo abure guhuriramo n'amasomo menshi avuga kuIsabato ngaruka cyumweru, kandi nka rimwe mu mategeko cumi y'Imana adahinduka bamwe mu basenga Imana basitaraho bitwaza amasomo avuga ku minsi mikuru nayo yiswe isabato; ibyayo turabisesengura. Iminsi itandatu yo kurema irangiye, Imana Umuremyi wa byose yaruhutse ku munsi wa karindwi maze ashyiraho isabato nk'urwibutso rw'irema ku nyokomuntu yose.

Itegeko rya kane ryo mu mategeko y'Imana adahinduka risaba kubahiriza uwo munsi wa karindwi w'icyumweru nk'umunsi w'ikiruhuko wo kuramya no kwigisha mu buryo buhamanya n'inyigisho ndetse n'imigirire ya Yesu Kristo Umwami w'isabato. Isabato ni umunsi w'umushyikirano unejeje hagati yacu n'Imana no hagati yacu na bagenzi bacu. Ni igishushanyo cyo gucungurwa kwacu muri Kristo, ikimenyetso cyo kwezwa kwacu, ubuhamya bwo kumvira kwacu, n'umusogongero w'umunezero w'imibereho yacu y'ahazaza mu bwami bw'Imana. Isabato ni ikimenyetso gihoraho cy'isezerano ry'iteka ryose hagati y'Imana n'ubwoko bwayo. Kubahiriza icyo gihe cyera unezerewe, kuva ku mugoroba w'aho bise kuwa gatanu ari ho kuwa gatandatu dukurikije ukuri kw'ijambo ry'Imana mu ndimi z'amahanga

hitwa **“Friday-Vendredi-Idjumaa”** ukageza ku mugoroba w’aho bise kuwa gatandatu ari ho kuwa karindwi, ku isabato dukurikije ukuri kw’ijambo ry’Imana mu ndimi z’amahanga hitwa **“Saturday, Samedi, Djumamosi”,** kuva izuba rirenze ukageza irindi rirenze, ni ukwizihiza umurimo w’Umuremyi wo kurema no gucungura inyokomuntu.

Mu bigaragarira amaso yacu cyangwa ubumenyi bwa siyansi nta kintu gifatika cyagutandukaniriza uyu munsi w’isabato n’indi minsi. Ntushobora kubona izuba rirashe mu buryo budasanzwe cyangwa ritinze kurenga kubw’uwo munsi; ndetse nta kimenyetso mu kirere uzabona kiwutandukanya n’indi minsi, nta kimenyetso ku kwezi cyangwa ku nyenyeri gishobora ku kwereka ko hari itandukaniro. Itandukaniro uzaribonera mu byanditswe byera.

Igihe cyose utazaha agaciro ibyo Imana yavuze, yandikishije mu ijambo ryayo, gutandukanya ibyo Imana yejeje n’ibyo itejeje bizakurushya kandi ingaruka y’ibyo ni ukurimbuka buheriheri. Ndetse nkubwize ukuri ko no mu ngoma zo ku isi uwishe iryo tegeko ntabwo uzabona akurikiranwa nk’uko bigenda ku yandi mategeko kuko niryo tegeko ritagira kirengera mu ngoma zo ku isi uretse nyiraryo wenyine uzabaza buri wese ibijyanye n’imyitwarire ye kuri iryo tegeko rya kane rivuga isabato. Ushobora kwibaza uti kuki mwafashe umwanya munini musesengura iby’iri tegeko? Ni uko ari naryo tegeko ryibasiriwe na Satani umwanzi w’Imana n’abantu bayo cyane gusumbya andi yose nk’uko byari byarahanuwe bitari byaba ngo ***“Niwe uzavuga ibyo kugomera Isumba byose, kandi azarenganya abera b’Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n’amategeko kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza igihe n’ibihe n’igice cy’igihe” (Daniel 7:25)*** kandi ari ryo tegeko rigaragariramo ikimenyetso cy’Imana Isumbabyose.

Uyu munsi w’isabato rero wakorewe ibintu birindwi biwutandukanya n’indi minsi itandatu igize icyumweru. Kugira ngo hatazagira uwitiranya uyu munsi n’indi minsi igize icyumweru, Imana yawerekanye mu ngingo zirindwi kugira ngo hatagira uwitiranya n’iyo minsi igize icyumweru bona n’ubwo nta gitangaza tubonesha amaso yacu kiwutandukanya n’indi. Abazashingira ukwizera kwabo ku byanditswe byera, bazasobanukirwa intambara iri hagati y’ikibi n’icyiza n’uburyo bagomba kwitwara nk’uko abatubanjirije kuyirwana basubizaga bati “Ibikwiriye ni ukumvira Imana gusumbya abantu.

Dore ingingo zirindwi zitandukanya umunsi w’isabato n’indi minsi; ese undi munsi wemera kandi wizera nk’ishingiro ry’ikiruhuko cy’idini ryawe, hari ingingo nk’izi Uwiteka Imana yaremye byose yawuvuzeho nk’uko yabivuze ku Isabato ye?

1. Imana yarawejeje,

2. Imana yawuhaye umugisha,
3. Imana yarawuruhutse**(Itang.2:1-3).**
4. Imana yawugize urwibutso rw'irema **(Kuva20:8-11).**
5. Iwugira itegeko n'isezerano rikomeye ku bantu bose **(Kuva 31:14-16).**
6. Iwugira ikimenyetso gitandukanya abubaha Imana n'abatayubaha **(Kuva 31:17).**
7. Isabato kandi ni urwibutso rwo gucungurwa kwacu **(Luka 23:44-56).**

Ubwo Kristo yari amaze kubonera inyokomuntu insinzi y'icyaha yaruhukiye isabato mu gituro, kuwa mbere (Sunday-Dimanche-Ku cyumweru) arazuka**.**

Mbibutse ko iyi sabato tuvuga ari isabato ngaruka cyumweru cy'iminsi irindwi ikaba itandukanye cyanye by'ihabya n'amasabato 7 yaziririzwaga mu gihe cy'Abayuda, nka gahunda yarangiranye no kubambwa kwa Yesu nk'uko ari we byashushanyaga.

## 1.7.AMASABATO ARINDWI ABAYUDA BAZIRIRIZAGA

Iyi yari iminsi mikuru baziririzaga rimwe mu mwaka kandi ku matariki atandukanye bikabafasha gusobanukirwa ibimenyetso byacureraga Kristo mu mihango y'idini bagiraga. Yarangiranye no kubambwa kwa Kristo ku musaraba we byacureraga maze hasohozwa ibyo ibyanditswe byera bivuga ngo: ***"Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza ku bw'ibyo murya cyangwa ibyo munywa, cyangwa ku bw'iminsi mikuru, cyangwa ku bwo kuziririza imboneko z'ukwezi, cyangwa amasabato kuko ibyo ari igicucu cy'ibizaba, naho umubiri wabyo ufitwe na Kristo."(*Abakolosayi 2:16-17)*"Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musalaba. Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibivuga hejuru kubw'umusalaba." (Abakolos. 2:14-15).***

**Ayo *masabato7* ni aya: Mbere ya byose banza usome Kuva 34:22 urabonamo iby'amasabato 7**

1. Umunsi wa mbere w'imitsima idasembuwe **(Abalewi 23:5-7).**
2. Umunsi uheruka w'imitsima idasembuwe **(Abalewi 23:8).**
3. Umunsi wa pentekote **(Abalewi 23:9-11, 15-16, 21).**
4. Umunsi w'amakondera **(Abalewi 23:23-25);** wabaga ku itariki ya **01/07** ya buri mwaka.
5. Umunsi w'impongano **(Abalewi 23:26-32);** wabaga ku itariki ya **10/7** ya buri mwaka.
6. Umunsi wa mbere w'ingando **(Abalewi 23:33-35).**
7. Umunsi ukurikira uheruka w'ingando **(Abalewi23:36**

Aya masabato ngaruka mwaka akaba atandukanye n'amasabato ngaruka cyumweru mu mwaka, kuko Isabato ngaruka cyumweru iboneka mu mategeko 10 y'Imana kandi amategeko akaba atararangiriye ku musalaba nk'uko abigisha b'ibinyoma bamwe babyigisha. None se niba amategeko 10 yararangiriye ku musalaba, icyaha twaba tukimenyeshwa n'iki kindi kitari amategeko 10 y'Imana? ***(Abaroma 7:7 Handitswe ngo: "Simba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n'amategeko, kuko ntaba naramenye kwifuza iyaba amategeko atavuze ngo "Ntukifuze".***

N'ibindi byaha ni uko twabimenyeshejwe n'amategeko y'Imana. Ibi bikaba bitandukanye cyane n'ibyo dusoma ngo ***"Havumwe umuntu udahirimbanira ibyanditswe mu gitabo cy'amategeko byose ngo abikore"***. Kurikirana neza ibyo bibiliya ivuga utitiranya ibintu. Hari amategeko avugwa mu migabane ibiri: Umugabane wa mbere ni amategeko yanditswe ku bisate by'amabuye bibiri (Decalogos); umugabane wa kabiri ni amategeko yanditswe mu gitabo cy'amategeko (Amategeko y'imihango); mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri 27:26 niho Mose yagaragarije iby'amategeko y'imihango yanditse mu gitabo agiha Abalewi bagishyira mu gafuka kabugenewe kari kadodewe ku isanduku y'isezerano yari irimo amategeko icumi yari ari ku bisate by'amabuye bibiri byandikishijweho urutoki rw'Imana ubwayo (Yoh.5:45-47). Aya mategeko y'imihango Mose yayahawe n'abamalayika nyuma y'imyaka 430 (Abagalatiya3:17,19). Aya mategeko y'imihango yibandaga cyane ku buturo bwera n'imirimo yabukorerwagamo, byumvikana ko yari yarashyiriweho kwigisha abana ba Isiraheli inama y'agakiza (Abalewi1:1-19;2:14-16;5:11-13;Abaheb.9:9-12). Kubyitwaza rero ugakandagira isabato ni ukudasobanukirwa ibyanditswe byera nk'uko bigendekera bamwe bakaba basohoje ibyavuzwe kera byo kugoreka inzandiko za Pawulo. ***Soma neza: 2Petero3:15-18***.

## 1.8.UBUHAMYA BW'ISABATO MU GITABO "UMUGENZI"

Iki gitabo cyitwa UMUGENZI cyanditswe na Yohana Bunyan wavukiye mu Bwongereza ahagana mu mwaka 1628. Ntabwo yari umudiventisiti w'umunsi wa karindwi kandi igitabo cye ntabwo cyandikwa ngo kigurishwe n'abaruhuka isabato, ahubwo kiboneka mu madini ataramenya cyangwa akaba yirengagiza isabato. Ni ukubera iki abigisha b'amadini bigisha bacyaha ibyaha bigaragazwa n'amategeko icyenda, icyaha cyo kwica isabato ntikigaragazwe kandi mu gitabo cy'UMUGENZI icyo cyaha cyaravuzwe izina ryacyo? Ese mwe abemera icyo gitabo uko kuri kivuga mukuvugaho iki? Kuki mukwirengagiza

<u>kwanditswemo?</u> Abanoza imyandikire yacyo, abagisoma n'abakigurisha kuki uwo mucyo w'ukuri kigaragaza muwirengagiza? Fata icyo gitabo usobanukirwe ukuri kucyanditswemo.

Mu gitabo cy'Umugenzi, dusoma aya magambo: ***"Akiri umusore, Yohana Bunyan yakundaga gukora ibyaha cyane, ariko yabikoranaga umutima umurega, azi ko Imana izabimubaza. Umunsi umwe yumvise umuntu yigisha ku cyaha cyo kwica Isabato.***

***Yumva ijwi ry'Imana mu mutima we rimubaza riti: "Urahitamo iki? Kureka ibyaha byawe ukazajya mu ijuru cyangwa kubikomeza ukazajya muri Gehinomu?"***

***Agira ubwoba bwinshi, maze ariheba, yibwira ko atagishoboye gukizwa. Bukeye ahura n'abagore batatu bakijijwe, baganira iby'Imana bahagaze ku irembo ry'urugo. Atangazwa n'ubuhamya bwabo bwo kubabarirwa ibyaha no gukizwa n'Umwami Yesu, amenya ko abo bagore babonye Umwami Yesu koko. Bimuha icyizere ko azakizwa." (Umugenzi Igitabo cya 1 p5).***

**UBUHAMYA BWA BYIRINGIRO**: ***"Nuko Mukristo atangira atya ati: 'Reka nkubaze ijambo. Ni iki cyabanje kugushakisha kugenda uru rugendo?' Byiringiro ati: 'Umbajije icyabanje kuntera gushaka icyakiza ubugingo bwanjye? Mukristo ati: 'Nicyo mbajije. Byiringiro ati: 'Namaze igihe kirekire nishimira ibiboneka bikagurirwa mu iguriro ry'iwacu. Ariko none nemeye yuko ibyo bintu byazaga kuzandimbuza iyo nkomeza kubikunda. Mukristo ati: 'Ni ibiki? Byiringiro ati: 'Ni ubutunzi bwose bw'iyi si. Nishimiraga cyane ibiganiro bibi, no gusinda, no kurahirira Imana ubusa, no gutukana no kubeshya, no gusambana no kwica isabato n'ibindi bisa bityo bishaka kurimbuza ubugingo bw'umuntu. Maze numva iby'Imana mbibwirwa nawe na mwene Data Mwizerwa wiciwe mu iguriro ry'Imburamumaro bamuhora kwizera kwe n'ingeso ze nziza. Ubwo butumwa mwambwiye bumenyesha yuko amaherezo yabya bindi ari urupfu (Abaroma6:21-23), kandi ko ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira……" (Umugenzi Igitabo cya 1 p.141).***

Murabona ko iki gitabocy'**UMUGENZI (**igitabo cya mbere)**na Gatigisimu ya Kiriziya Gatolika** yanditswe mu mwaka 1952 bishyira ukuri ahabona! Abatunze iki gitabo cy'UMUGENZI bemera icyumweru, mu gihe iki gitabo cyerura ISABATO mu kuri ko kutayiruhuka ari icyaha, kuki mutava mu kinyoma cy'icyumweru mukemera ukuri kw'Isabato iba muri Bibiliya kandi ikavugwa n'igitabo UMUGENZI? Kubw'ibi bihamya byose dusomye, dufite gushira amanga twerurira abaruhuka icyumweru n'ijwi rirenga tuti: "Mwayobejwe n'ubuyobozi bwa Kiriziya Gatorika, yo yihandagaje igasiribanga itegeko ry'Isabato ari ryo Kimenyetso cy'Imana Idahinduka, gitandukanya abumvira Imana n'abatayumvira, **maze Kiriziya ishyiraho 'Icyumweru nk'ikimenyetso' cyo gukomera k'ubutware bwa Papa,**

**(Enciclopedia of Catholic, p.356 By Cardinar Thomas Chanserier),** bityo namwe mufasha Satani mutyo kurwanya ingoma y'Imana muhanagura mu mitima y'abantu urwibutso rw'irema no gucungurwa kwabo. Maze haba hasohoye ijambo Imana yari yaravugiye mu kanwa k'intumwa yayo Pawulo ubwo yandikaga agira ati:

***"Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimūra Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana yiyerekane ko ari Imana ... Kuza k'uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe." (2 Abatesaloniki 2:3-10).***

Imana mumbabazi zayo yabihishuye bitari byaba kugira ngo nibiba tuzizere ko ibyanditswe byera ari ukuri kudahinduka kandi kudashidikanywaho. Turababwira dukomeje tuti "Mwe kwishuka mwumva ko ntacyo bitwaye, kuko mu minsi ya Loti ababigize ibikino babisobanukiwe neza bari gushya. Mbibutse ko Imana idakangwa n'ubwinshi bw'abayirwanya ngo ntibārīmbuka. Muhindukire"!

## 1.9.AMASOMO 87 AVUGA KO ISABATO ARI UMUNSI WA KARINDWI W'ICYUMWERU

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Itangiriro2:1-3 | 31 | hemiya 9:14 | 60 | Luka 4:16 |
| 2 | Kuva 12:16 | 32 | ehemiya 13:15-22 | 61 | Luka 6:6-9 |
| 3 | Kuva 16:22-28 | 34 | ya 56:2-4 | 62 | Luka 13:10 |
| 4 | Kuva 16:28-30 | 35 | ya 56:6-7 | 63 | Luka 13:14-16 |
| 5 | Kuva 20:8-11 | 36 | Yesaya 58:13-14 | 64 | Luka 14:1-5 |
| 6 | Kuva 31:12-15 | 37 | ya 66:23 | 65 | Luka 23:54 |
| 7 | Kuva 31:16-18 | 38 | Yeremiya 17:21 | 66 | Luka 23:56 |
| 8 | Kuva 34:21 | 39 | Yeremiya 17:24 | 67 | Yohana 5:9-11 |
| 9 | Kuva 35:2-3 | 40 | Yeremiya 17:27 | 68 | Yohana5:16 |
| 10 | Abalewi 16:31 | 41 | Ezekiyel 20:12-16 | 69 | Yohana 5:18 |
| 11 | Abalewi 19:3 | 42 | Ezekiyel 20:19-20 | 70 | Yohana 7:22-23 |
| 12 | Abalewi 23:1-3 | 43 | Ezekiyel 20:21 | 71 | Yohana 9:1-14 |
| 13 | **Abalewi 23:15** | 44 | Ezekiyel 20:24 | 72 | Yohana 9:16 |
| 14 | Abalewi 23:21 | 45 | Matayo 12:1-2 | 73 | Yohana 19:31 |
| 15 | Abalewi 23:30 | 46 | Matayo 12:5 | 74 | Ibyakozwe 1:12 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 17 | Abalewi 23:32 | 47 | Matayo 12:8-12 | 75 | Ibyakozwe 13:14-15 |
| 18 | Abalewi 23:38 | 48 | Matayo 20:1 | 76 | Ibyakozwe 13:27 |
| 19 | Abalewi 26:10-35 | 49 | Matayo 24:20 | 77 | Ibyakozwe 13:42 |
| 20 | Kubara 15:26-32 | 50 | Matayo 28:1 | 78 | Ibyakozwe 13:44 |
| 21 | Kubara 28:9-10 | 51 | Mariko 2:23 | 79 | Ibyakozwe 15:21 |
| 22 | Kubara 28:25 | 52 | Mariko 2:24 | 80 | Ibyakozwe 16:13 |
| 23 | Gutegeka 5:12-15 | 53 | Mariko 2:27 | 81 | Ibyakozwe 17:2 |
| 24 | Gutegeka 9:9-11 | 54 | Mariko 2:28 | 82 | Ibyakozwe 18:4 |
| 25 | Gutegeka 16:8-11 | 55 | Mariko 3:1-3 | 83 | Ibyakozwe 18:11 |
| 26 | 1Ngoma 9:32 | 56 | Mariko 3:4 | 84 | Abaheburayo 4:4 |
| 27 | 1Ngoma 23:31 | 57 | Mariko 6:1-2 | 85 | Abaheburayo 4:8-9 |
| 28 | 2Ngoma 36:21 | 58 | Mariko 15:42 | 86 | Ibyahishuwe 1:10 |
| 29 | 2Abamakabe 6:6 | 59 | Mariko 16:1-2 | 87 | Yakobo 2:10-12 |
| 30 | 2Abamakabe6:10-11 | | | | |

Soma neza aya masomo yose, urasanga Isabato ngaruka cyumweru ari wo munsi Imana yategetse abantu bose bari ku isi yose, mu mahanga yose, amoko yose, imiryango yose n'indimi zose ngo bajye bayiruhuka, ibibutse ko Imana ari we Muremyi, Umucunguzi n'Umwami wabo bwite We wongera kuturemera imitima mishya binyuze mu kumwizera.

Tubwizanye ukuri kandi twirinde gufana idini twavukiyemo, twajyanywemo n'inyigisho twumvise cyangwa ikindi cyose cyaba cyaratujyanyemo ntacyitayeho; usomye aya masomo, urabonamo Icyumweru cyangwa urabonamo Isabato iba ku munsi wa Karindwi ngaruka cyumweru, aho bise kuwa gatandatu? Ese hari isomo nibura rimwe wabona rivuga ko Imana yasimbuje itegeko ry'Isabato Icyumweru? Uti: ***"Imana yongera gutoranya undi munsi". Abaheburayo4:7.*** Uyu munsi ni kuwa kangahe? Mu isezerano rya kera n'irishya Imana yeruye iby'umunsi wa Karindwi ko ari wo Sabato; none uyu munsi wo ni kuwa kangahe? Ubyumve neza, n'aho iri Jambo uryumviye, nturagirize; wizarira gufata ibyemezo byo gusohoka mu idini yayobye iseguye Babuloni utarimbuka nk'uko Imana ibyivugira mu ***Byahishuwe 18:1-6***. Hindura uburyo wumvamo ibintu ugarukire ukuri kwanditswe utitaye ku bukererwe umazemo igihe kirekire cyangwa ngo wite ku bihembo n'ibyubahiro, "kuko iminsi yo kujijwa Imana yarayirengagije" Ibyak.17:30.

## 1.10. UBUHAMYA BWA KILIZIYA GATOLIKA KU IBYEREKEYE ISABATO DORE IBYO KIRIZIYA GATORIKA IKOMEJE KUVUGA KU ITEGEKO RYA KANE RY'IMANA. (Gatigi. p.125)

Uko umugaragu agira iminsi yo gukorera shebuja no kumuhakwaho niko umuntu wese akwiye kugira iminsi yo guhakwa kuri Mungu arushijeho.

**MUNGU UBWE YABITUBWIRIJE AKIREMA ISI**

Dusoma mu gitabo cya Bibiliya yuko Mungu yaremye ibintu byose mu mibyizi itandatu, umunsi wa Karindwi akaruhuka. Uwo munsi wa Karindwi akawuha umugisha, akawutagatifuza." (**Intang. 2: 3)**

**NI ITEGEKO RIKOMEYE**

Ndetse mu Bayahundi Mungu yari yavuze ati: ***'Uzica umunsi wanjye azacirwa urubanza rwo gupfa. N'ubu ni uko; uzica umunsi wa Mungu azapfa, si urupfu rw'umubiri ahubwo ni urupfu rwa roho. Abiganzuye Mungu batyo Mungu na we azabiyegura ntazakunda kubongerera inema ze n'umugisha, roho yabo izapfa koko." (GATIGISIMU p.125).*** Bamaze guhamya batya gukomera kw'itegeko ryera ry'Imana, bongera kubirimanganya ngo abigishwa babo n'isi yose duhendwe ubwenge. Mumfashe dushimire Imana yabihishuye ngo tutayobagurika.

**Dore uko bongeye kwandika muri Gatigisimu yo mu mwaka w'1952 ku rupapauro rw'126: UMUNSI WA MUNGU N'UWUHE?**

**"Mu Bayahudi umunsi wa Mungu wari ISABATO Kiliziya Gatorika yatoye umunsi w'icyumweru."** Ni nde wari ubahaye uburenganzira bwo kwivuguruza kubyo bari bahamije ku rupapuro rw'125? Ni Satani (Kuko ari we wabibye urukungu mu mbuto nziza ***Mat.13:24-30***). Ni nde wabibagije ibyo Yesu yivugiye ati: "Icyoroshye ni uko ijuru n'isi byashiraho, aho kugira ngo agace k'inyuguti imwe kave mu mategeko"? Ni Satani nk'uko ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe bubivuga, ***Ibyah.13:4-8.***

Bibiriya ntagatifu nayo ibisobanura neza muri ariya masomo 86 twabonye; ariko dufate Iyimukamisiri 31:14-15 hagira hati: ***"Muzakurikize rero Isabato kuko ari wo munsi mutagatifu kuri mwe utazayubahiriza azicwe, umuntu wese uzakora umurimo kuri uwo***

***munsi wa Karindwi azicwe”***. Dusoma mu gitabo cy’umuhanuzi Yesaya (izayi) 58:13-14 ngo: ***“Niwirinda kwica isabato no guharanira inyungu zawe ku munsi wanjye mutagatifu, ukita isabato umunsi w’umunezero, umunsi mutagatifu w’Uhoraho ukakubera umunsi w icyubahiro ukawubaha, wirinda kugira umurimo ukora, wirinda guharanira inyungu zawe ku munsi wanjye mutagatifu, cyangwa guhihibikana mu bucuruzi bw’urudaca; niho uzagira umunezero muri Uhoraho, maze nzakujyane mu igare hejuru y’imisozi y’isi, ngutungishe umunani wa Yakobo umukurambere wawe. Nibyo rwose uwo ni Uhoraho ubivuze”.***

**UBUHAMYA BWA KILIZIYA GATOLIKA KU BYEREKEYE ITEGEKO RYA KANE RISESENGURA ISABATO**

**Mugitabo cyitwa “WOWE NKURIKIRA, N° 11, urupapuro rwa 21-23” handitswe ngo**: ***“Imana yasanze Musa mu mpinga y’ umusozi wa Sinayi iramubwira iti: “Uzajye wibuka umunsi wa Sabato wibuke ko ari wo munsi mutagatifu, ujye ukora imirimo yawe mu minsi itandatu urangize umurimo wakoraga, umunsi wa karindwi ube uwo kuruhukaho; ube isabato umunsi wo kubaha Nyagasani Imana yawe.***

***Kuri uwo munsi ntuzagire umurimo ukora, wowe ubwawe cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, ndetse n’amatungo yawe, n’abazindukiye k’umusozi wawe. Imana Nyagasani mu minsi itandatu yaremye ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose ku munsi wa Karindwi araruhuka, arawutagatifuza”.***

**NB:** Icyumweru kigizwe n’iminsi irindwi kuko Bibiriya ivuga ko Imana yaremye ibintu mu minsi itandatu naho ku munsi wa karindwi ikaruhuka. Bityo rero dore uko Bibiriya itwigisha kubara iyo minsi**. Soma Abalewi 23:15 ngo: “Mujye mubara iminsi muhereye kuri uwo munsi wa mbere w’Isabato”.** Si kuwa mbere washyizweho n’abantu, ahubwo ni kuwa mbere w’Isabato (w’iminsi irindwi). Ni ukuvuga ko ari bukeye bw’isabato, isabato yaraye ibaye. Imana imenyera iherezo mu itangiriro, yabonaga ko abantu bazagwa bakava mu byizerwa, bakigisha amahame atari aya Bibiliya, maze Ibisobanura neza mbere y’uko biba ngo tutazayoba.

## 1.11. UKO AMADINI AFATA UYU MUNSI W’ ISABATO

Dore ubuhamya impuguke mu iby’iyobokamana za Kiliziya Gatolika zatanze ku ibyerekeye Isabato n’uko amadini afata iryo tegeko ry’Uwiteka Imana Nyiringabo bati:

***“Abadiventisiti b’umunsi wa karindwi baruhuka kandi bakeza umunsi w’Isabato ku munsi wa karindwi ariwo mu gifaransa twita “Le Samedi”. Ku bakristu basigaye ari***

***abaprotestanti ari abagatolika (N'andi madini yose yemera icyumweru) si ko bigenda. Bahimbaza umunsi wa Nyagasani ku munsi w'icyumweru mu gifaransa tukawita "Le Dimanche"* "*WOWE NKURIKIRA", №11, p.22.***

Icyakora ntaho tubisoma muri Bibiliya ko Umuremyi yasabye ko twizihiza umunsi w'umuzuko tuwusimbuje itegeko rye rya kane ry'Isabato. Bityo buri wese arwana ku itegeko rye igihe riteshejwe agaciro, ari na yo ntandaro y'akarengane k'Abera b'Isumbabyose batazemera ikiruhuko cy'icyumweru cyategetswe n'umuntu ngo bagisimbuze iby'Imana yahamije, kuko ntaho tugisoma muri Bibiliya yera cyangwa Ntagatifu.

## 1.12. UKO QOROAN IVUGA ISABATO Y'UMUNSI WA KARINDWI(DJUMAMOSI, SAMEDI, SATURDAY: AHISWE KUWA GATANDATU)

**QOROAN NTAGATIFU Suulat 'AL-FAATIHAH.'Aya ya 65 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.20)*«NA KWA YAKINI MMEKWISHA KUJUWA HABARI ZA WALE WALIO ASI MIONGONI MWENU KATIKA AMRI YA KUIHESHIMU DJUMAMOSI, BASI TUKAWAMBIYA KUWENI MANYANI»*** Kandi mwamenye bamwe muri mwe banze kubahiriza itegeko ry'Isabato (iba aho bise kuwa gatandatu, samedi) ni uko turababwira tuti mube Inkende z'ibicibwa {Inkobe, Inkima, Inkende, Impundu, Ingagi, biri mu bwoko bumwe}.

**QOROAN NTAGATIFU Suulat «AL-A'ARAAF» Aya ya 163-166 (Koroan y'ikinyarwanda ni p.171)** Soma neza urasanga ko Isabato ari umunsi wo gusengwaho gusa. Abataruhuka ISABATO iba kuri Djumamosi (Samedi, aho bise kuwa gatandatu) bameze nk'inkobe; Si uko ari inkobe ku mubiri, ahubwo ni mu bwenge. Ariko hari bamwe bajyaga kuroba amafi kuko bari bafite ikigeragegezo ku isabato iba ku munsi wa DJUMAMOSI kuko ari ho hazaga amafi menshi cyane bagombye kuba baroba ku cyumweru {DJUMAPIRI}.
Ariko IMANA yarabahannye kuko bari barahawe imiburo ntibayiteho.

**QOROAN NTAGATIFU Suulat «AN-NAH'L» Aya ya 124 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.269) *«HAKIKA ADHABU YA KUVUNJA DJUMAMOSI ILIWEKWA JUU YA WALE WALIOHITALIFIANA KWA JILI YA HIO DJUMAAMOSII NA KWA MDA WAKO ATAWAHUKUMU BAYINA YAO SIKU YA KIAMA.»***

"Ni uku igihano cyo kwica ISABATO iba ku munsi wa DJUMAMOSI cyashyizwe kuri bamwe bajya impaka kubera iyo SABATO (batazi) kandi Umuremyi wabo azabacira urubanza ku munsi w'imperuka"

**QOROANI TAKATIFU SULATI 'AN-NISAA'U' Aya ya 47 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.89)** ***"ENYI MLIPEWA KITABU AMININI TULIO YANAYO SADIKISHA YALE YALIO NANYI KABLA HATUJYAZIGEWUZA NYUSO TUKAZIPELEKA KISOGONI AU KABLA YA KUWALANI KAMA TULIVYO WALANI WATU WALIO HARIBU UTUKUFU WA DJUMAMOSI, NI AMRI YA MWENYEZI MUNGU, NI LAZIMA KUFANYWA".*** "Yemwe abahawe igitabo mwizere ibyo twahanuye byemeza ibyo mwari mufite mu gihe tutarahindukiza amaso tukayerekeza mu irugu cyangwa mugihe tutarabavuma nkuko twavumye abantu bononnye ukwera kw'isabato iba ku munsi wa DJUMAMOSI = SAMEDI; aho bise kuwa Gatandatu. Ni itegeko ry'Uwiteka IMANA ni ngombwa ko muryubahiriza".

Qoroan Ntagatifu y'ikinyarwanda ku rupapuro rwa 20 byanditswe muri aya magambo ngo: "Kandi mwamenye bamwe muri mwe barengereye isabato, tukababwira tuti: nimube inkende z'ibicibwa". **Qoroan Ntagatifu Sulat "Al'Baqarah" aya ya 65.**

Qoroan Ntagatifu y'ikinyarwanda ku rupapuro rw' 171 ALLAH yavuze iby'Isabato muri aya magambo ngo: "Ubabaze ku mudugudu wari wegereye inyanja ubwo barêngêraga isabato. Amafi yabo ku munsi w'Isabato yazaga ari menshi ari menshi naho ku munsi batagize isabato ntabagaragarire. Uko ni ko tubagerageza kubera ko bigomekaga". **Qoroan Ntagatifu Sulat "Al-A'araaf[1]" aya ya 163.**

Qoroan Ntagatifu y'ikinyarwanda ku rupapuro rwa 269, ALLAH yavuze iby'Isabato muri aya magambo ngo: "Rwose isabato yagizwe ikigeragezo ku bayitandukanyeho" (Abatayiruhuka). **QoroanNtagatifu Sulat "An-Nah'l" aya ya 1**

Ari Bibiriya Ntagatifu, ari Qoroan Ntagatifu, ari na Bibiriya yera byose bihamya ko uwica itegeko ry'Imana ridutegeka kuruhuka ku munsi w'Isabato iba ku munsi DJumamosi = Samedi, azisobanura mu rubanza rwo mu ijuru. Ikiruhuko IMANA yategetse ni Isabato iba ku munsi wa DJumamosi (samedi, aho bise kuwa gatandatu). Ese kuki izi nyigisho zitigishwa mu nsengero no mu misigiti? Hari ibikwiriye kwigishwa ibindi ntibyigishwe kandi byanditswe mu bitabo biyobora amadini? Shishoza neza utazarimbuka.

## 1. 13. ABATAZEMERA UKURI BAZARANGWA N'IKI?

Nk'uko byagendekeye Abeli ubwo yeruriraga umuvandimwe we iby'ukuri kw'imisengere nyakuri Imana yabahishuriye bikamuviramo kwicwa n'uwo bavukana, kandi nk'uko Mikaya

yeruriye ukuri umwami wari waratandukanye n'ukuri kw'Imana ndetse n'abahanuzi be bahanuriraga ubucancuro Mikaya akababahamiriza ukuri bari barirengagije igihe kirekire ndetse bakamwingingira kuvuga nkabo ngo abane nabo amahoro, we abyanze bikamuviramo kwicishwa inzara muri gereza y'ibwami, kandi nk'uko byagendekeye Yohana Umubatiza ubwo yeruraga ukuri kudakebakeba acyaha kwica itegeko rya 7 ribuzanya ubusambanyi bwakorwaga n'umwami Herodi ubwo yacyuraga Herodiya muka Filipo, kuvuga ukuri bikamushyirisha mu nzu y'imbohe, mu mwanya yarekuwe agacibwa umutwe, niko bizagendekera agatsiko gato kasigaye gakomeza amategeko y'Imana. Ntibazemera guceceka ukuri, ingaruka zabyo bazazishyira mu maboko y'Imana; kandi nk'uko Umwami wacu Yesu Kristo yabihanuye bitaraba ati: ***"Bazabaca mu masinagogi, kandi igihe kigiye kuza, uzabica wese azibwira ko akoreye Imana umurimo". Yohana 16:2-4,*** niko bizaba mu minsi y'imperuka ubwo ukuri kuzavugwa nk'uko kuri; kandi nta gishya muri ibyo kuko ni amateka azaba yisubiramo nk'uko byanditswe ngo: ***"Ibyahozeho nibyo bizongera kubaho, kandi ibyakozwe ni byo bizongera gukorwa". Umubwiriza 1:9.***

Nk'uko byagendekeye bamwe mu bayobozi b'ishyanga rya Isirayeli ubwo bizibaga amatwi ngo batumva ukuri Yohana umubatiza yigishaga nk'uwari integuza ya Yesu, byatumye bihakana n'Umwami wabo bavuga bati: "***Nta Mwami dufite keretse Kayisari". Yohana19:15***[c] baba bahisemo batyo umwami w'isi kumusumbisha Umwami w'ubugingo bwabo. N'ubu ni uko; benshi mu bakomeye banga guhara ibyubahiro bafitiye mu madini babamo bona n'ubwo ukuri baba bakubo koko ko ari ukuri. Bamwe bahitamo umushahara w'igihe gito bakawurutisha umunezero w'ubugingo buhoraho bari kuzabona ubwo Umwami wacu azahindura byose bishya. Abandi batinya igitsure cy'ababayobora bibaza bati: 'Ese baragira ngo iki'? Abandi batinya gusiga inshuti bakundaga, ababyeyi babo, imiryango yabo bafatanyaga mu myizerere yabo. Maze abandi nabo mu gucecekesha ikidodo kiba kiri ku mitima yabo kubw'ukuri, baribaza bati: "Ese Imana izarimbura imbaga nyamwinshi ingana itya iruhuka ku cyumweru? Turabizi koko ko ikiruhuko cy'icyumweru nk'itegeko risimbura isabato ntaho waribona muri bibiliya; ariko se koko abemera icyumweru bose ntibazajya mu ijuru? Nshuti, reka nkubwire: 'Nta mucamanza dufite ku isi uretse ijambo ry'Imana.

***Niba Imana itarababariye abo mu minsi ya Nowa, hakarokokamo abantu umunani gusa ku isi yose (bisome aha 2Petero 2:4-5 )***; urumva izakwihanganira ite koko mu gihe ukomeje gusiribanga nkana isabato yayo umaze kubisobanukirwa ko ari bibi? Ese ko wishingikiriza ku bwinshi bw'abantu ukanga gufata ibyemezo byo kwihana, ugira ngo ukuri kuba ukuri ari uko gushyigikiwe na benshi gusa? None se utekereza ko isi yo mu minsi ya Nowa yari ituwe n'abantu bangahe? Ese Imana yigeze itinya ubwinshi bw'abasuzuguraga amategeko yayo

bagakerensa ijambo ryayo kugeza ubwo bashyira hejuru amagambo yavuzwe n'abakomeye bo ku isi bagatesha agaciro ijambo ry'Umusumba byose n'ibyo yahamirishaga akanwa ka Nowa? Wowe ufite byiringiro ki ko itazahana ab'iki gihe kibi kandi kigoranye birengagiza ibyo nabo ubwabo bisomera? Abantu bakerensa imiburo y'intumwa z'Imana izabihanganira igeze ryari? Ese niba itarababariye imijyi y'i Sodomu na Gomora n'imidugudu yari ihereranye naho" Yuda1:7, 2Petero 2:6-10 ugira ngo izirengagiza ibyaha by'agasuzuguro biri gukorerwa muri iki gihe cyacu? Mu isi: mu miryango, mu kazi kacu ka buri munsi, aho dusohokera,… iyo wishe rimwe mu mategeko icyenda ugaragara nabi; ndetse iyo bibaye akamenyero urabihanirwa n'ubyitegereje ubikora arabikugayira; ariko nta muntu wica itegeko rya kane rivuga iby'Isabato uhanwa. Niryo tegeko ritagira kirengera mu ngoma zo ku isi; nta leta n'imwe yo ku isi yashishikazwa no guhana abica iryo tegeko nk'uko andi mategeko bayaha agaciro; ibinyuranye n'ibyo ahubwo uryubahiriza bamubona ukundi; ese mubona Imana izakomeza kurēbēra itegeko ryayo rigakomeza kwicwa nkana pe, ikicecekera gusa? Hifashishijwe bibiliya ijambo ry'Imana, handitswe ngo: ***"Ntimwishuke, Imana ntikinishwa. Imbuto umuntu abiba nizo azasarura. Ubiba imbuto z'ibishimisha kamere ye, azasarura urupfu. Naho ubiba imbuto z'ibishimisha Mwuka w'Imana azasarura ubugingo buhoraho". Abanyagalati 6:7-8***

## 1. 14. ESE KOKO, BYARI BYARAHANUWE?

Mbere y'uko Imana iza guhana abayigomeye no guhemba abayikoreye, abanyabibi bafite imyumvire nk'iya Kayini wishe mwene nyina amuhoye kumvira ukuri kw'imisengere nyakuri Imana yari yarahishuriye ababyeyi bacu ba mbere ubwo bari bacumuye (Itang.3:15; Abaheb.9:22), Sedekiya mwene Kenani wari umuhanuzi w'ibinyoma mu gihe cya Mikaya akagirira ishyari Mikaya warimo umwuka w'ukuri, bamwe mu bakuru b'Abayuda nka Kayafa n'abandi batifuzaga ko abo bayobora bamenya ukuri ngo batabacika, abameze batyo bose bazarakazwa n'ukuri kuzaba kuvugwa mu mbaraga z'ijwi rirenga n'abagaragu b'Uwiteka ari bo torero ryasigaye, maze basohoze batyo imigambi yari imaze igihe kirekire ihishwe mu mitima yabo nk'uko ibyanditswe byera bihamya ibyabo ngo

***"[10]Nimureke turenganye intungane ikennye, umupfakazi ntitukamugirire impuhwe, umusaza wamazwe n'imvi twoye kumureba n'irihumye,[11]Maze ingufu zacu abe ari zo tugenderaho, kuko intege nke ntacyo zimaze. [12]Twibasire intungane kuko itubangamiye, ikarwanya ibikorwa byacu, ikanadushinja ko twarenze Amategeko, tugahemukira umuco mwiza badutoje.[13]Yirata ko yifitemo ubumenyi bw'Imana, Ikaniyita umwana wa Nyagasani.[14]Ntītūza kutugayira ibitekerezo, no kuyirabukwa byinyine biratubangamiye; [15]kukoimibereho yayo idasa n'iy'abandi, Imyifatire yayo ikaba idasanzwe.[16]Yo ibona turi nk'ikintu cyataye ibara, ikitaza inzira zacu nk'aho zuzuye imyanda. Itangaza ko amaherezo y'intungane ari amahirwe, ikirata ko ifite Imana ho umubyeyi. [17]Nimureke turebe niba ibyo***

***ivuga ari ukuri, dusuzume uko ibyayo bizarangira.[18]Niba intungane ari umwana w'Imana koko, Izayitabara iyigobotore mu nzara z'abanzi bayo…."***
***(UBUHANGA 2:10-20, p. 1154, Bibiliya Ntagatifu, 4ème edition 1997).***

**Dusoma muri Bibiliya Ntagatifu mu gitabo cya 2 ABAMAKABE 6:6,10-11 ku rupapuro rwa 822, ngo: *"Ntibabemerera ndetse no guhimbaza Imana ku munsi w'isabato, guhimbaza iminsi mikuru ya ba sekuruza babo, cyangwa se ngo ube wakwemerera ku mugaragaro ko uri Umuyahudi. Bukeye bazana abagore babiri bashinjwa ko bagenyesheje abana babo. Babazererana umujyi wose imbere ya rubanda babaziritse ibibondo byabo ku ijosi, mbere y'uko bahananturwa hejuru y'inkike. Abandi nabo bari bateraniye mu buvumo bwari hafi aho, kugira ngo bahimbaze rwihishwa umunsi w'isabato. Niko kubaregera Filipo maze batwikirwa icyarimwe, birinda kwirwanaho na gato kubera icyubahiro bari bafitiye uwo munsi mutagatifu."***


Ibi bikaba bihamya neza ibyo Daniel yari yareretswe by'uzahindura ibihe n'amategeko. Soma Daniel l7:25. Umuhanuzi yakomeje agira ati: "Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye" Dan.8:12[b]. Kandi Daniyeli nk'uko yakeneraga gusobanukirwa amashirakinyoma, ahishurirwa iby'ubupapa bitari byaba, arandika ati: "Kandi uwo Mwami ntazita ku mana za ba sekuruza cyagwa ku gushaka abagore" Daniel 11:37. Abayisiramu bo bahimbaza umunsi w'Imana ku munsi Imana yaremyeho abantu ari wo wa gatandatu (Vendredi- Idjuma). Niko tubisoma mu isezerano rya kera cyangwa muri Qoroan mu cyarabu bawita IDJUMA.

## 1. 15. IKIRUHUKO CY'ICYUMWERU CYAVUYE HE HE?

Kugira ngo iki kinyoma gihame Kiriziya Gatolika yabujije abantu kwisomera Bibiriya hamwe n'ibindi bitabo birimo ukuri. **Dusomye muri gatigisimu isobanuye yo mu mwaka w'1952 page 403-404 haragira hati: "**Hari ibitabo birimo ibituka Mungu bihinyura cyangwa birwanya inyigisho za Kiriziya hari n'ibitabo by'abaprotestanti nka Bibiriya na Gatigisimu yabo n'ibindi bivugwamo impamvu z'indini umukristu abuzwa kubisoma kuko bishobora kuyobya ubwenge bwe umukristu ntashobora kubitunga ndetse cyangwa kubiha undi, ategetswe kubitwika cyangwa kubizanira padiri mukuru".

"Mu bitabo byose bya Kiriziya Gatorika nka Bibiriya cyangwa gatigisimu usangamo iri jambo "IMPRIMATUR" n'umukono w'umwepisikopi cyangwa w'uri mu cyimbo cye; ibyo n'uruhushya rwo gusoma icyo gitabo kuko ibirimo bihuye n'inyigisho za Kiriziya Gatorika. Iyo usanze iri jambo "IMPRIMATUR" ritarimo ni ikimenyetso cy'uko ari igitabo cy'abaprotestanti utabasha kugisoma udahawe uruhusha na Musenyeri." Ibi rero byatumye

imbaga nyamwinshi badasoma Bibiliya kuko kuyisoma byari byagizwe Sakirirego. **Gatigisimu. Isobanuye P.403-404 Edition 1952**



*we ntirikoreshwe; ndetse n'umushyitsi ucumbitse mu rugo ntakoreshwe. Bityo wowe n'umugaragu wawe n'umuja wawe mubone uko muruhuka. Kandi ujye wibuka ko wabaye imbohe mu gihugu cya Misiri, aho Umutegetsi Imana yawe yagukuye, ikoresheje ububasha bw'amaboko akomeye. Ngiyo impamvu yatumye Umutegetsi, Imana yawe, yagutegetse kumenya umunsi wa Sabato.' " (Ivugururamategeko 5, 9-15)*

Abayahudi ndetse n'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi bahimbaza Sabato, ari wo uhwanye n'umunsi wa karindwi (le samedi). Koko baracyakurikiza Ikiragano cya kera, aho bavuga ko Sabato ari Umunsi w'Imana. Nanone, ntibyoroheye abantu guhuza Umunsi w'Imana. Iminsi iranyuranye bikurikije n'uko amadini na yo atari amwe, kandi anyuranyije n'inyigisho. Dore uko uwo munsi w'Imana bamwe bawuhimbaza.

***Iminsi irindwi.***

Icyumweru kigizwe n'iminsi irindwi, kuko Bibiliya ivuga ko Imana yaremye ibintu n'abantu mu minsi itandatu, naho ku munsi wa karindwi ikaruhuka.

*ABAYAHUDI bahimbaza Umunsi w'Imana, ku munsi wa karindwi, ari wo Sabato, kuko Imana ari wo yaruhutseho kurema. Bakurikiza koko Ikiragano cya kera. Mu gifaransa tuwita SAMEDI, mu kinyarwanda UMUNSI WA NYUMA cyangwa KU WA GATANDATU.

*ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI na bo ni kimwe n'Abayahudi. Bakurikiza mu by'ukuri Isezerano rya kera.

22

*KU BAKRISTU, ari abaprotestanti, ari abagatolika, si ko bigenda ku byerekeye Umunsi wa Nyagasani. Ntabwo bakurikiza Isezerano rya kera; ntabwo bahimbaza Umunsi wa karindwi.

Twe abakristu, duhimbaza UMUNSI WA NYAGASANI YEZU KRISTU, ku munsi wa mbere w'icyumweru, tukawita KU CYUMWERU; mu gifaransa, LE DIMANCHE, kuko ari wo munsi mukuru YEZU YAZUTSEHO.

Ni yo mpamvu, twebwe abakristu, tudashobora kumvikana n'Abayahudi n'Abadivantisiti ku byerekeye umunsi w'Imana.

*ABAYISILAMU bo bahimbaza Umunsi w'Imana ku munsi Imana yaremye abantu, ari wo munsi wa gatandatu, ni ko tubisoma mu Isezerano rya kera cyangwa muri Korowani. Mu gifaransa tuwita VENDREDI, mu kinyarwanda KU WA GATANU. Mu cyarabu, bawita IDJUMA.


***Icyumweru cya Gihanga.***

Mu Rwanda, kera bakurikizaga icyumweru cya Gihanga. Icyo cyumweru cyari kigizwe n'iminsi ine yo gukora, naho uwa gatanu ukaba uwo kuruhuka. Uwo munsi wa gatanu ngo witwaga "ICYUMWERU CYA GIHANGA"! Ijambo rya gikristu KU CYUMWERU rituruka kuri ibyo... Abakristu b'ubu batuye mu migi n'ahandi bagombye kubyibutswa: gukora no kuruhuka birajyana. Mu kinyarwanda, baca umugani ngo "Ikitavuzwe ku cyumweru cyica umubyizi", cyangwa ngo "Icyo badahannye ku cyumweru cyica uwa mbere".

23

***WOWE NKURIKIRA N° 11, p.22-23 Kiliziya Gatolika yasesenguye iby'isabato y'Uwiteka.***

Impuguke mu by'iyobokamana za Kiliziya Gatolika zahamije ukwera kw'Isabato y'umunsi wa karindwi muri ubu buryo. Basohoza ubuhanuzi iyo bivuguruje bagacisha ukubiri n'icyo Imana yivugiye, bigaragara koko ko satani yakoresheje iyi dini kugira ngo agree ku migambi ye yo kurwanya ingoma y'Imana.



Itegeko lya gatatu

*Ingingo zilimo*

A Imizi y'ilyo tegeko
B Lidutegeka gusenga Mungu
C Litubuza imilimo imwe n'imwe

- Dimanche = Sunday
- Lune = Lunadi = Lundi
- Marsi = Mardi
- Mercure = Merchredi
- Jupiter = Jeudi
- Venus = Vendredi
- Saturne = Samedi

Dan 7:25

q. 151 125

Itegeko lya gatatu.

**151.** *Itegeko rya gatatu lidutegeka iki?*

Itegeko rya gatatu : Urajye utunganya umunsi wa Mungu, lidutegeka gusenga Mungu ku munsi we, likatubuza gukora no gukoresha kuli uwo munsi.

A) Imizi y'ilyo tegeko.

IGITUMA HABAHO UMUNSI WA MUNGU NI IKI?

Uko umugaragu agira iminsi yo gukorera shebuja no kumuhakwaho, niko umuntu wese akwiye kugira iminsi yo guhakwa kuli Mungu arushijeho.

MUNGU UBWE YABITUBWILIJE AKIREMA ISI.

— Dusoma mu gitabo cya Bibiliya, yuko Mungu yaremye ibintu byose mu mibyizi itandatu, umunsi wa kalindwi akaruhuka. Uwo munsi wa kalindwi akawuha umugisha, akawutagatifuza (Gen. 2,3)

NI ITEGEKO LIKOMEYE.

Ndetse mu Bayahudi Mungu yali yavuze, ati : «Uzica umunsi wanjye, azacirwa urubanza rwo gupfa.»

— N'ubu ni uko ; uzica umunsi wa Mungu azapfa, si urupfu rw'umubili, aliko ni urupfu rwa roho. Abiganzuye Mungu batyo, Mungu na We azabiyegura, ntazakunda kubongerera inema ze n'umugisha. Roho yabo izapfa koko.

**Dore uko Kiliziya Gatolika y'i Roma yasesenguye ukudahinduka kw'isabato itegeko rya kane bahinduye irya gatatu kuko irya kabiri bari barikuyemo ngo babone umudendezo wo kwiyambaza no kuramya amashusho ribibuzanya.**

Bityo rero uzubahiriza itegeko ry'Imana ry'isabato nk'uko Imana ibishaka, azarenganywa nk'uko babyeruye mu gitabo cy'UBUHANGA 2:10-20 (Bibiliya Ntagatifu p.1154) "*Muri icyo gihe cy'akarengane, kwizera kw'abagaragu b'Imana kuzagera mu kigeragezo gikomeye. Bazaba baratanze umuburo ku buryo buzira amakemwa bishingiye gusa ku Mana no ku Ijambo ryayo. Bemeye kuvugishwa n'Umwuka w'Imana, buzuye umuhati wera no kubwo gusunikwa n'imbaraga y'ijuru, bazaba barakoze inshingano yabo batitaye ku ngaruka z'ibyo bavuze. Ntibazaba barigeze batekereza haba kuby'inyungu zabo z'ibintu bishira, haba kuvugwa neza kwabo, haba n'imibereho yabo… Ariko kubera ko bitabashobokera gusubira inyuma, bazijugunya mu maboko y'Isumbabyose, bazibuka ko amagambo bavugaga atavaga kuri bo, ahubwo ko Imana ari yo yashyize mu mitima yabo uko kuri, ko nta kundi bari kubigenza uretse kukwamamaza.* ***TRAGEDIES DES SIECLES; p.661***

Bityo rero sohoka muri Babuloni nk'uko tubisabwa na Malayika wundi mu **Byahishuwe 18:1-4** handitswe ngo: *"Hanyuma mbona undi mumarayika amanutse mu ijuru afite ububasha bukomeye, maze isi imurikirwa n' ububengerane bw'ikuzo rye.*

*Nuko atera hejuru mu ijwi riranguruye ati: "Iraridutse! Iraridutse Baburoni, umurwa w' icyamamare: yahindutse intaho ya za Sekibi, indiri ya za roho mbi zose, n' iyi bisiga byose byahumanye kandi by' ibuvume. Kuko yuhiye amahanga yose divayi y' uburakari bukaze bw' ubuhara bwayo, abami b'isi bakohoka mu buhabara hamwe nayo, kandi abacuruzi b'isi bagakungahazwa n'ubukire bwayo butagira ingano. Nuko numva irindi jwi ryavugiraga mu ijuru, riti: "Nimusohoke muri uwo murwa Muryango wanjye (Torero ryanjye), hato mutaza kugira uruhare ku byaha byawo, bityo mugasangira nawo ibyorezo byawugenewe, kuko ibyaha byawo birundanyijwe kugera ku ijuru, maze Imana ikibuka ibikorwa bibi byawo" Ibyah. 18:1-*4Uzagira umugisha niwigobotora ingoyi y'ikinyoma ukemera ukuri kuko utari uzi igihe cyaregekewe.

## 1. 16. AMASOMO ICUMI AVUGA KO KU CYUMWERU ARI KUWA MBERE

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. Kuva 12: 16<br>2. Abarewi 23:15<br>3. Matayo 28:16 | 4.Luka 24:1-2<br>5.Mariko 16:1-2<br>6. Mariko 16:9 | 7. Yohana 20:1<br>8. Yohana 20:19<br>9. 1Abakorinto 16:2 | 10. Ibyokozwe 20: 11 |

Noneho rero, wibuke ko Kiriziya Gatorika yemera ko icyumweru ari ikimenyetso cy'ububasha bw'idini yabo muri Gatigisimu isobanuye yo mu mwaka w'1952 page 126-282 handitswe ngo: "Iminsi ya Mungu: ni umunsi w' icyumweru. Mu itegeko rya gatatu mu ya Mungu twasobanuye uko Kiriziya yakuyeho umunsi wa Sabato, n'impamvu zo gutora umunsi w'icyumweru."

## 1.17.UBUYOBOZI BW'ITORERO BUFITE UBURENGANZIRA BWO KUVANAHO ITEGEKO RY'IMANA?

Dore uko Kristo yabyivugiye muri Luka 16:17 ngo: "Biroroshye ko ijuru n'isi bishira aho kugira ngo akitso kamwe kave ku mategeko. **Matayo 5:17-19 handitswe ngo** *"Ntimukeke ko naje kuvanaho Amategeko cyangwa Abahanuzi; sinaje gukuraho, ahubwo naje kunosora. Koko rero, ndababwira ukuri: kugera igihe ijuru n'isi bizashirira, nta kanyuguti, nta n'akadomo kazava mu Mategeko ibyo byose bitarangiye.*

*Nuko rero, uzarenga kuri rimwe muri ayo Mategeko yoroheje, kandi akigisha abandi kugenza batyo, azitwa igiseswa mu Ngoma y'ijuru."* Kuvanaho itegeko ry'Umuremyi bakarisimbuza iryabo bwite ni ukwihandagaza gukomeye kandi iryo tegeko kuryubahiriza ni "ukuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo". Ibyahishuwe 14:9-11.

## 1.18.ABASENGA BADASHAKA KUMVA ICYO IMANA IVUGA DORE ICYO IBABWIRA

Imana irababwira Iti:*"Mwa ndyarya mwe Yesaya yabahanuyeho neza, igihe avuze ati: 'Uyu muryango unyubahisha ururimi gusa, naho imitima yabo indi kure. Icyubahiro bampa ni amanjwe: inyigisho bigisha n' amategeko y'abantu gusa'."**Matayo 15:7-9.* **Imigani 28:9** Handitswe ngo: "Uwica amatwi ngo atumva itegeko, n'isengesho rye riba riteye ishozi." **Zaburi 119:104** Handitswe ngo: "Amategeko yawe yampaye gusobanukirwa bituma nanga inzira zose z'ibinyoma." **Zaburi 119:165** Handitswe ngo: "Abakunda amategeko yawe bagira amahoro yuzuye kuri bo ntakibakoma imbere."

## 1. 19 . IRAGUYE BABULONI

Turashimira cyane byimazeyo impuguke mu by'iyobokamana ziyobora Kiriziya Gatorika kuko batahishe ukuri. Banditse iby'Imana ishaka ngo buri wese amenya ukuri, ameye n'ikinyoma cyamurimbuza, abone uko ahitamo inzira y'ubugingo abiheshejwe na kwa kuri yamenye, cyangwa ngo ahitemo kuguma mu kinyoma atitwaje ko batabimubwiye kuko ntako batagize bagaragaza ikinyoma bemera n'ukuri banze ngo buri wese ahitemo mu byo bamwandikiye.

**DORE UKO BABYANDITSE MURI BIBIRIYA NTAGATIFU YA KIRIZIYA GATULIKA.**

Usome isomo ujye ureba n'ubusobanuro bwaryo munsi y'umurongo utambitse: urajya uhasanga umubare uranga umutwe n'umurongo n'amagambo asobanura iryo jambo rikomeye wasanzeho AKANYENYERI iryo jambo urarisanga ryandikshijye inyuguti zihengetse.

**<u>Urugero</u>**: Reba ku p.2172: 17,1 *ihabara ry'icyamamare:* ni umurwa wa Roma( reba na 17,5 n'igisibo

**<u>Urundi rugero:</u>Intangiriro 2:1-3** cyane cyane ku murongo wa 3 wanditswe ngo Imana iha umugisha umunsi wa karindwi* irawiyegurira, kuko ari wo munsi yaruhutseho umurimo wose yari imaze gukora". Reba ubusobanuro bwa ka kanyenyeri **(*)** munsi y'umurongo kuri urwo rupapuru rwa Bibiriya ntagatifu ngo: 2,3 *umunsi wa karindwi*: ***Abayisiraheri bawitaga Isabato. Umwanditsi aratubwira ko Imana yawuruhutseho, ngo bibere abantu urugero: kuri uwo munsi bari bategetswe kuruhuka imirimo, no gusenga Imana kurushaho. Umuntu narangiza ubugingo bwe hano ku isi, azinjira mu buruhukiro bw'Imana".***

**MU GUHUNGA IKINYOMA KWAWE, REBA UKU KURI NK'UKO BAKUTWANDIKIYE.**

Ibyhishuwe 18:1-3 Isenywa rya Babuloni***: "**Hanyuma mbona undi mumarayika umunutse mu ijuru afite ububasha bukomeye, maze isi imurikirwa n'ububengerane bw'ikuzo rye. Nuko atera hejuru mu ijwi riranguruye ati**: "Iraridutse! Iraridutse Baburoni, umurwa w'**icyamamare: yahindutse intaho ya za Sekibi, indiri ya za roho mbi zose n'iy'ibisiga byose byahumanyekandi by'ibivume. Kuko yuhiye amahanga yose divayi y'uburakari bukaze bw'ubuhabara bwayo, abami b'isi bakohoka mu buhabara hamwe nayo, kandi abacuruzi b'isi bagakungahazwa n'ubukire bwayo butagira ingano". **BABILONI (Roma**) yahindutse intaho ya za Sekibi (Amashitani) na za roho mbi zose (Abadayimoni). **Gute?** Reba igisubizo mu gitabo cy'Ibyahishuwe 2:13. Soma munsi kuri urwo rupapuro rw'2158 handitswe 2,13. Ibyahishuwe 12:7-9 yahindutse umwami w'Abanyaroma ryari? Soma igisubizo mu gitabo cy'ibyahishuwe13:1-8.Tekereza cyane ku murongo wa mbere n'uwa kabiri. Soma ibisobanuro munsi y'umurongo kuri urwo rupapuro rwa 2168.

**NB:** Ibande cyane cyane ku murongo wa 2: ni uko cya gikoko (Roma) gihabwa ububasha bwacyo, intebe yacyo n'ubutegetsi n'ubutegetsi burambuye na cya Kiyoka (Shitani). Burya uguhaye ububasha uramwumvira ukamuyoborera. Niyo mpamvu Satani urwanya amategeko y'Imana atera n'abayoboke be kutayemera, naho abayoboke ba Yesu bemera kandi bakumvira Amategeko ye. Byisomere. Muri **Luka 16:17; Yohana 14:15; 1Yohana 2:3-4. N**iyo mpamvu satani yifashishije idini ashaka guhanagura urwibutso rw 'Umuremyi ngo umuntu abeho asuzugura Imana. Twongeye gushimira Imana yo yakoresheje abayoboye Kiriziya Gatorika mukugaragaza ikinyoma n'ukuri ngo buri wese mu basomyi ave mu rungabangabo.

Dore uko babyiyandikiye muri Gatigisimu isobanuye (1952), urupapuro rw'126. **Umunsi wa mungu ni uwuhe?** Mu Bayahudi umunsi wa Mungu wari Sabato, Kiriziya Gatorika yitoreye umunsi w'icyumweru.

**UBUHAMYA BWA KILIZIYA GATOLIKA KU BYEREKEYE ISABATO, Wowe Nkurikira, N°: 11, p.21-23.**

Impuguke mu by'Iyobokamana za Kiliziya Gatolika dore uko zagaragaje imyitwarire y'amadini ku itegeko ry'Imana rya kane; byanditswe ngo: *"Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bo n'ubu bagumanye uwo munsi wa sabato kuko batemera Kiriziya, ntibemere n'umunsi Kiriziya yashyizeho ari wo w'icyumweru."*

Ibi burumvikana neza ko tudakwiriye kumvira umuntu kuruta Imana. **Ibyakozwe n'intumwa5:29.** Igihamya na none tukibona muri iyo Gatigisimu ku rupapuro rwa **10** ko: *"Ayo mategeko uko Mungu yayaduhaye Akwiriye kamere yacu; ntawashobora kuyahindura ukundi,*

*ntawashobora gukuraho na rimwe. Itegeko rindi ryose riciye ukubiri n'aya Mungu, ntawarikurikiza kuko ntawarusha Mungu Itegeko."* Ibi bivuguruza ibyo na none bavuze ngo Abadiventisiti barabanga, kandi ari bo bagaragaje ko nta wakurikiza irindi tegeko rinyuranye n'ayo Imana yategetse. Na none **Gatigisimu p.134** Handitswe ngo*: "Abica umunsi wa Mungu bakora imirimo, Mungu azabahana, ndetse uwabigize akamenyero azavumwa. Ni ubupfu butavugwa gukurikiza ifayida y'isi, itazakugirira akamaro, kuko uzi ko uzavumwa na Mungu kubera* *ibyo."* *(Kwica itegeko ry'Imana).* Kurupapuro rw'125 batwibutsa ko *"Mungu yaremye ibintu byose mu minsi itandatu uwa Karindwi:* ***1.Araruhuka, 2.Awuha umugisha, 3.Arawutagatifuza. NI itegeko rikomeye. N****a n'ubu uzica umunsi wa Mungu (Isabato) azapfa si urupfu rw'umubiri ariko ni urupfu rwa roho. Abiganzuye Mungu batyo, roho yabo izapfa koko".*

## 1.20. SE NTIYABIKOZE, UMWANA NTIYABIKOZE, N'INTUMWA NTIZABIKOZE; BYAKOZWE NA NDE?

**Mu gitabo cyitwa WOWE NKURIKIRA nimero ya 15 yitwa URUHEREREKANE RW'ABAPAPA p.11**, tuhasanga iby'uwategetse icyumweru yihandagaje. Byanditswe ngo: "MUTAGATIFU SILIVESITIRI WA1 yavukiye i Roma atorwa kuya 31/01/314 atanga kuya 31/12/335. Niwe wa mbere wambaye ikamba ry'ubupapa. Ni nawe wakoranyije konsiri ya mbere y'i Nice ya yindi yashyizeho iyi ndangakwemera dukoresha mu misa (credo).

**Kugira ngo izuka rya Nyagasani Yezu abe ari ryo rihimbazwa, yashyizeho icyumweru**."
Nyuma yo gusubira mu ijuru kwa Kristo ari nawe watangije idini ya Gikristo, hari aho bigaragara ko intumwa ze zaba zararuhutse icyumweru ngo tuzikurikize? ***Efeso2:1922***



29. MUTAGATIFU MARISELINI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 30/6/296, atanga ku ya 25/10/304. Ku ngoma ye, Diyoklesiyani yatoteje Kiliziya bikomeye, za Kiliziya n'inyandiko ntagatifu biratwikwa. Mu bo ryahitanye, harimo ba mutagatifu Lusiya, Anyesi, Bibiyana, Sebasitiyani, Saturunini, Fiburuse na Lusiyani.

30. MUTAGATIFU MARISELI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 27/5/308, atanga ku ya 16/1/309. Ku ngoma ye, yabayeho hashize imyaka ine nta mupapa uriho, yakemuye ikibazo gikomeye cy'ababaga bihakanye ukwemera kwabo mu itotezwa. Ni bwo byemejwe ko nta konsili ishobora guterana idatumiwe na Papa.

31. MUTAGATIFU EWUZEBU:

Yavukiye i Kasano Joniko. Yatowe ku ya 18/4/309, atanga ku ya 17/8/309. Ku ngoma ye habayeho impaka zikaze ku byerekeye ubuhakanyi zenda guca ibice muri Kiliziya. Yanze kwivuguruza akomeza imbabazi. Yaguye muri Sisiliya ahowe Imana.

32. MUTAGATIFU MILITIYADI:

Yavukiye muri Afrika, atorwa ku ya 2/7/311, atanga ku ya 2/1/314. Yabonye ugutsinda k'ubukristu ku ngoma y'umwami Konsitantini, buba idini ya Leta. Ni we washyizeho ibyo gukoresha umugati wahawe umugisha kandi yubakisha Kiliziya nini yitiriwe Mutagatifu Yohani.

10

33 MUTAGATIFU SILIVESITIRI WA 1: ICYUMWERU

Yavukiye i Roma, atorwa ku'ya 31/1/314, atanga ku ya 31/12/335. Ni we wa mbere wambaye ikamba ry'ubupapa. Ni na we wakoranyije Konsili ya mbere y'i Nise, ya yindi yashyizeho iyi ndangakwemera dukoresha mu misa (credo). Kugira ngo izuka rya Nyagasani ribe ari ryo rihimbazwa, yashyizeho icyumweru. Yacurishije ikamba ry'icyuma akoresheje umusimari wo ku musaraba. Ku ngoma ye ni ho Kiliziya ya Mutagatifu Yohani yabaye Katedarali ya Diyosezi ya Roma.

34. MUTAGATIFU MARIKO:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 18/1/336, atanga ku ya 7/10/336. Ni we washyizeho ko Papa azajya yimikwa n'umwepisikopi wa Ositi. Ashyiraho n'igishura cyitwa "pallium", ategeka ko kizajya kidodwa mu bwoya bw'intama y'umweru izajya ibanza igahabwa umugisha, kandi kuri icyo gishura hakabaho imisaraba ibiri y'umukara. Kalendari ya mbere y'iminsi mikuru ya Kiliziya yabayeho ku ngoma ye.

35 MUTAGATIFU YULI WA 1: NOHELI

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 6/2/337, atanga ku ya 12/4/352. Mu Kiliziya y'iburasirazuba, ni we washyize umunsi wa Noheli ku ya 25/12; ubusanzwe bawuhimbazaga ku ya 6/1 hamwe n'umunsi w'ukwigaragaza kwa Nyagasani. Ni we washinze ubushyinguranyandiko bw'intebe ya Papa kuko ari we wategetse ko ibikorwa by'abapapa bizajya bishyingurwa.

36. MUTAGATIFU LIBERIYUSI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 17/5/352, atanga ku ya 24/9/366. Impaka zatewe n'abayoboke b'uwitwa Ariye bari baritoreye ingirwapapa yitwa Feligisi wa II zarakomeje ku ngoma ye. Ni we watangiye fondasiyo ya Kiliziya yitiriwe Mariya Mutagatifu, ubwe aba ari we uyipimira nyuma y'urubura rwaguye ku ya 15/8.



11

**WOWE NKURIKIRA N^O^ 15 "URUHEREREKANE RW'ABAPAPA," p.11 UWATEGETSE ICYUMWERU N'UWASHYIZEHO NOHELI**

Papa Sylvestre wa mbere ugaragara ku nimero ya 33 mu rutonde rw'abapapa nk'uko mubibona kuri iyi paji ya 11 ya WOWE NKURIKIRA no 15 niwe wihandagaje kuvuguruza ibyo Imana yavuze ko itazivuguruza cyangwa ngo ihindure ijambo ryayo (Zab.89:34 cg35), maze bihinduka ihame riyobora idini gatolika. Ibi rero bigaragaza kwihandagaza gukomeye cyane, kandi bigasohoza ubuhanuzi Imana yari yarahishuye mbere y'uko biba: **Ibyahishuwe13:1-18;** hasome neza urebe. Dore icyo Malayika wa gatatu atangazanya imbaraga mu ijwi rirenga ati: *"Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo* (Icyumweru hamwe n'ubundi buyobe bwose) *mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo niwe uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'Abamalayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo. Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu."* **Ibyah.14:9-12.**

Kuramya ni ugutanga icyubahiro, kubaha, kubarara, kumvira biherekejwe no kwicishiriza bugufi imbere y'itegeko ry'uwo uramya. Ibi byose bikaba bikorwa mu buryo bwo

gusenga. Iri rikaba ari ijambo rigomba gukoreshwa gusa ku Mana Nyiri icyubahiro giheranije kuko ari yo ikwiriye gusengwa yonyine no kuramywa. Iyo habayeho kumvira irindi tegeko rivuguruza iryo Imana yitegekeye kandi naryo rikaba ritujyana mu misengere, ni byo byitwa kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Kubera iki? Kuko ubwo buyobozi buba buduhamagarira kuburamya twubahiriza itegeko ryabwo ry'imisengere ngo turisimbuze iry'Imana Isumbabyose yategetse isi ikiremwa. Ibi biratujyana ku munsi w'imperuka aho buri wese azahamya uwo yumviye uwo ari we. Nk'uko wabibonye muri iki gitabo ku rupapuro rwa 35 mu gatabo cyitwa WOWE NKURIKIRA No 15, urupapuro rwa 11 rwayo, "Papa SyIvestre wa mbere niwe washyizeho icyumweru nk'umunsi shingiro w'itegeko ry'idini Gaturika", yirengagiza itegeko shingiro ry'Umuremyi wa byose ari ryo Isabato iba aho bise Saturday-Samedi. Ibi byaje gukurura akarengane kamaze imyaka 1260 nyuma yo gusubira mu ijuru kwa Kristo, kahitanye miriyoni zisaga 50 z'abakirisito b'inzirakarengane hirya no hino ku isi no kuko bari banambye ku kuri kwa bibiriya banze kunamira Roma. I Roma ho bishwe urw'agashinyaguro, bamwe bahabwaga inyamaswa ngo zibatanyaguze, abandi batwikwaga ari bazima, abandi bagatamurwaho uruhu bumva, bazira ukwizera kwabo. Ikimenyimenyi babyiyemerera muri Bibiriya Ntagatifu mu gitabo cy'**Ubuhanga 2:10-20; 2Abamakabe 6:10-11.**



Nta gitangaje kirimo kuko Imana yari yarabihishuriye Pawuro mu gitabo cy'**Abaheburayo 11:35-40** Handitswe ngo: «**…**Abandi bakicishwa inkoni ntibemere kurokorwa, kugira ngo bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza. Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y'imbohe. Bicishwaga amabuye bagakerezwa inkerezo, bakageragezwa bakicishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'intama n'izihene, banyazwe byose, bakababazwa, bakagirirwa nabi. Yemwe, n'isi ntiyarikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mubihanamanga, no mumavumo no musenga».

Ibi byose ni Satani wabikoze (Yoh. 8:44) yifashishije abica Amategeko y'Imana. Dore uko Bibiriya Ntagatifu ibisobanura: **Ibyahishuwe 12:15 "Nuko ya Nzoka ivundereza ibintu bimeze nk'uruzi rw'amazi* inyuma ya wa mugore, kugira ngo atwarwe n'imivu y'ibyo bizi".**<u>**Reba ubusobunuro bw'uruzi rw'amazi*** kuri urwo rupapuro rwa 2167 muri Bibriya ntagatifu munsi y'akarongo gato gatambitse.</u>

**Umugore:** Itorero ry'Imana (reba Ibyahishuwe12:1) kuri urwo rupapuro, reba munsi y'umurongo ubusobanuro bw'umugore muri Bibiriya Ntagatifu p.2167. **Ikiyoka:** Sekibi, Satani. (Reba ibyahishuwe12:7-9) **Umugore wicaye ku gikoko gitukura** (Reba ibyahishuwe17:1-5) **Igikoko gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe icumi** (Reba ibyahishuwe13:1) kuri urwo rupapuro.

Reba ibyanditswe munsi y'umurongo: ibisobanuro byo muri Bibiriya ntagatifu, aho basobanura ko Igikoko mu Nyanja ari ingoma y'Abanyaroma, bityo rero Umugore mwiza n'itorero ry'Imana ryitondera amategeko y'Imana rifite guhamya kwa Kristo, kuko guhamya kwa Yesu ari Umwuka w'Ubuhanuzi (Ibyah.12:17; 19:10). **Umugore; maraya wicaye ku gikoko ( Itorero ) Ibyahishuwe 17:1-5.** None urumva ari irihe Torero rifite icyicaro gikuru i Roma**?** Abana ba **Maraya (Ibyahishuwe 17:5)**: Amadini yose yemeye kudapfa kwa roho hamwe n'itegeko ry'icyumweru, akarisimbuza itegeko rya kane ry'Isabato y'umunsi wa karindwi ngarukacyumweru, aba amaze guhinduka abakobwa ba Baburoni. Kuko Kiriziya gatorika yivugiye iti: "Twitoreye umunsi w'icyumweru kugira ngo ube ikimenyetso cy'idini yacu". Nk'ayo madini yakuye he uburenganzira bwo kuvanaho rimwe mu mategeko y'Imana akarisimbuza Icyumweru nk'ikimenyetso cy'i Roma? Na vendredi **(IDJUMA),** mu gihe Qoroan Ntagatifu yemera Isabato iba ku munsi wa Samedi? **Dore uko Koroani ntagatifu, Aya y' 124 (QOROAN NTAGATIFU sulati "AN-NAH'L" Aya ya 124) Ibivuga: "**Hakika adhabu yakuvunja djumamosi (samedi) iliwekwa juu ya wale waliohitalifiana kwa jili ya hio Djumaamosi (samedi) na kwa ya kini mda wako atawahukumu bayina yao siku ya kiama". Ni uku igihano cyo kwica **ISABATO IBA KU MUNSI WA DJUMAMOSI (SAMEDI)** cyashyizwe kuri bamwe bajya impaka kubera iyo SABATO (batazi) kandi Umuremyi wabo azabacira urubanza hagati yabo ku munsi w'imperuka.

## 1. 21. UMUBARE 666 WO MU BYAHISHUWE 13:18 USOBANURWA GUTE?

Uyu mubare watitije amahanga ariko cyane cyane abasenga Imana kuko ari umubare uranga inyamaswa n'igishushanyo cyayo bikaba ari amarenga gihanuzi bisesereza ku butegetsi bw'idini yihaye ububasha bwo "guhindura ibihe n'amategeko" mu gihe cy'imyaka 1260

y'akarengane kakozwe b'ubupapa. Kwisomera Bibiliya ntibyabagaho kuko yasomwaga n'umuyobozi mukuru muri iryo dini. Mu bijyanye n'iyobokamana rya gikristo, idini Gatolika ni ryo dini ryariho rifite ingufu kuko ryifashishaga imbaraga za leta ngo ryemeze abataryemera bose. Ibi byahaye ubupapa icyubahiro gisuzuguza Imana nyamana, ndetse kugeza ubwo bujuje ibyari byarahanuwe kera na Pawulo mu kinyejana cya mbere ubwo yerekezaga ku bizaranga umunsi w'imperuka ati: *"Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimūra Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome (Umugomeramana cyangwa NyamurwanyaKristo) atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana".* ***2Tes.2:3-4.*** Maze baba biyise: "Papa" bisobanura "data-Umubyeyi w'umugabo"; "Musenyeri-
Monsegneur" bisobanura ngo "Nyagasani wanjye-Nyagasani Imana yanjye"; n'andi mazina nk'ayo.

Ibi bigahamywa n'uko bigamba ko bafite ububasha bwo kubabarira abantu ibyaha byabo no kubaca icyiru cyabyo.

Ubu bubasha bufitwe n'Imana yonyine nta wundi Ibusangiye nawe. ***WOWE NKURIKIRA, no 15, p.12 yitwa "URUHEREREKANE RW'ABAPAPA***

Mu igazeti yanditswe na Kiliziya Gatolika igasohoka ku itariki ya 18/04/1915 handitswemo aya magambo ngo "Mbese inyuguti ziri ku ikamba rya Papa ni izihe? Zisobanurwa gute"? Igisubizo: "Inyuguti ziri ku ikamba rya Papa ni izi: **"VICARIUS FILII DEI".** Iyi ni imvugo y'ikilatini isobanurwa ngo: **"URI MU CYIMBO CY'UMWANA W'IMANA".** ***Our Sunday Visitor/Aplir, 18,1915.***

Turashimira Imana bitangaje kuko yayoboye ukuboko kw'abanditsi ngo ukuri kudahishwa burundu, kutarimburwa burundu cyangwa ngo tukubure burundu kuko umwanzi we icyo yashakaga kwari ukubona abo azisasira ariko Imana iragoboka ntiyemera ko ukuri kurimburwa buheriheri.

**<u>DORE UKO NYIRUBUTUNGANE PAPA YIYITA</u> (Soma Ibyahishuwe 13:15-18.**

Koresha Bibiriya Ntagatifu)

Umusimbura w'Umwana w'Imana kw'isi: Mu Kiratini bisobanurwa ngo: **"VICARIUS FILII DEI."**

**TUBISOBANURE NEZA URUJIJO RUVEMOIgiteranyo**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **V=5** | **F=O** | **D=500** | **112** | **Ihutire gusoma:** |
| **I=1** | **I=1** | **E=O** | **53** | *- Ibyahishuwe 14:6-12* |
| **C=100** | **L=5O** | **I=1** | **5O1** | *- 2Timoteyo 3:16* |
| **A=O** | **I=1** | **5O1** | **666** | *- Yohana 8:32* |
| **R=O** | **I=1** | | | *- Ibyahishuwe 18:4* |
| **I =1** | **35** | | | *- 2Tesalonike 2:3-12* |
| **U=5** | | | | |
| **S=O** | | | | |
| **112** | | | | |




Uko ibinyejana byasimburanye, idini gatolika ryagiye rikurikiza imyizerere ya gipagani, iminsi mikuru n'ibimenyetso. Igihe abantu benshi bahagurukiraga kurwanya ibyo bizira, Kiliziya y'i Roma yahise yiyemerera ko ari yo yonyine ifite ububasha bwo gusobanura Bibiliya. Bibiliya yashyizwe ku ruhande, maze idini riba ari ryo rihabwa ubuyobozi bw'ikirenga. Inyigisho nyinshi zitari iza Bibiliya nko gusenga abapfuye, penetensiya, kuramya abatagatifu n'amashusho, kwizihiza misa, Kwambaza Bikira Mariya, purigatori, amazi y'umugisha, kutarongora kw'Abasaseridoti, rozari (Ishapure), guhana abatavuga rumwe n'idini gatolika, kwizera ko umugati na divayi bihindutse umubiri nyamubiri wa Kristo iyo Padiri amaze kubyeza, ugusigwa amavuta, gukurikiza imigenzo ya gipagani, n'ibindi byahawe intebe kandi byigishwa rubanda. Kuva ubwo ijambo ry'Imana baryigisha barigoreka *"kuko batemeye gukunda ukuri" 2Tes.2:10*.

**KILIZIYA GATOLIKA Y'I ROMA YATEGETSE KURAMYA AMASHUSHO NO**

**KWIYAMBAZA BIKIRA MARIYA**






73. PAPA TEWODORI WA 1:

Yavukiye i Yeruzalemu, atorwa ku ya 24/11/642, atanga ku ya 14/5/649. Ni we wongeyeho amazina y'ikirenga agenewe Papa anaboneza amategeko agenga abapadiri. Yagiranye ubwumvikane buke n'iburasirazuba n'umwami w'abami Konsitansi wa 2. Bakeka ko yapfuye arozwe.

74. MUTAGATIFU MARITINI WA 1:

Yavukiye i Todi, atorwa ku ya 5/7/649, atanga ku ya 16/9/655, ahowe Imana. Yaçiye abepisikopi b'iburasirazuba bari bashyigikiwe n'umwami w'abami. Yarabanje arafungwa, hanyuma acirirwa ishyanga, agwa mu kirwa cya Sherise. Ku ngoma ye ni bwo umunsi mukuru wa Bikira Mariya wo kuri 25/3 watangiye gutagatifuzwa.

75. MUTAGATIFU EWUJENI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/8/654, atanga ku ya 2/6/657. Yatowe hasigaye umwaka umwe gusa ngo Maritini wa 1 atange. Yarwanyije ubutiriganya bw'umwami w'abami, amenyesha ibihugu by'i Burayi urwo umusimbura we yapfuye. Ni we wategetse ko abapadiri bagomba gukurikiza ubumanzi.

76. MUTAGATIFU VITALIYANI:

Yavukiye i Senyi, atorwa ku ya 30/7/657, atanga ku ya 27/1/672. Ni we washyizeho intumwa za Papa mu gihugu cy'Abafra, muri Hisipaniya no mu Bwongereza. Ni we washyizeho amategeko agenga ziriya nanga bacuranga mu Kiliziya. Muri 671 abalombaridi bayobotse ubukristu.

21

## 1. 22. UKO UBUPAPA BWAVUGURUYE KARINDARI (INGENGAMINSI)



221. PAPA YULI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/2/1550, atanga ku ya 23/3/1555. Mu ikingura rya Konsili y'i Tarante, yakomeje kurwanya inyigisho za Luteri. Yohereje intumwa mu Bwongereza kugira ngo ijye gusubizaho imihango gatolika, igihe Mariya Tudoro yari agiye ku ngoma. Ni we wahimbaje yubile ya 10 mu 1550.

222. PAPA MARISELI WA 2:

Yavukiye i Montepulciano, atorwa ku ya 10/4/1555, atanga ku ya 1/5/1555. Ni we mupapa wa nyuma wagumanye izina rye bwite rya batisimu. Yategetse ko mu butegetsi bw'i Roma, hakoreshwa umukanda n'ubutabera. Yitaye by'umwihariko ku bwoko bw'abarusiya n'abamongoli. Uwitwa Petero-Ludoviko w'i Palesitina yahimbye "Misa yitiriwe Papa Mariseli" ku ngoma ye.

223. PAPA PAWULO WA 4:

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 26/5/1555, atanga ku ya 18/8/1559. Yahinduye uburyo bwo kwambara, anarwanya ubuyobe bwa Luteri. Yategetse abayahudi gutura ukwabo.

224. PAPA PIYO WA 4:

Yavukiye i Milano, atorwa ku ya 6/1/1560, atanga ku ya 9/12/1565. Ni we wongeye gutumiza Konsili y'i Tarante aranayisoza. Yagize uruhare mu gutuma intara za Piyemo zisubizwa Emanweli Filibereti, bityo Savuwa ijya ku butaka bw'u Butaliyani. Yababariye abanyabyaha bose.

225. MUTAGATIFU PIYO WA 5:

Yavukiye ahitwa Bosiko, atorwa ku ya 8/1/1566, atanga ku ya 1/5/1572. Yarwanye ku muco w'igihugu, ngo abone uko akumira ubuyobe. Ni we wafungiye amasakramentu Elizabeti w'u Bwongereza. Ni we watumye abakristu batsinda abasaraze ahitwa i Lepante. Ni we washyizeho ibyo gukoresha Miseli ndomani.

226. PAPA GERIGORI WA 8:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 25/5/1572, atanga ku ya 10/4/1585. Ni we wakinguye semineli i Viyene, i Prage, i Gratsi no muri Yapani. Ni we wahimbaje Yubile ya 11 mu 1575. Ni we wavuguruye ibyerekeye karendali, maze itariki ya 4/10/1582, ihita iba iya 15, iminsi yo hagati ntiyigera ibaho.

227. PAPA SIGISITI WA 5:

Yavukiye i Grotamare, atorwa ku ya 1/5/1585, atanga ku ya 27/8/1590. Yakoze ivugurura rya Kiliziya, kandi agakunda ibintu biciye ku murongo. Ni we watumye imirimo yo kubaka umunara wa Kiliziya ya Mutagatifu Petero n'inkingi yo ku rubuga rwamwitiriwe yuzura. Ni we wubakishije Ingoro ya Papa y'ubu agira ngo atwikire neza amadarajya matagatifu (Ingazi Ntagatifu).

228. PAPA URUBANI WA 8:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 15/9/1590, atanga ku ya 27/9/1590. Yari umuntu ugwa neza kandi wuje urukundo. Yari agambiriye gukurikiza amabwiriza ya Konsili ya Tarante, ariko indwara y'umuriro imuvuga umwe. Umutungo yawuraze ibigo byitangira urukundo. Yatanze amaze iminsi 13 gusa ku ngoma.

59

***Ku ngoma ya Papa GREGOIRE wa VIII wayoboye mu mwaka kuva 25/05/1572-10/04/1585 niho bahinduye ibihe (Karindari yarahinduwe).***

Ibi ni icyubahiro ubupapa bwihaye ku ngoma ya Papa **GREGOIRE wa VIII,** ari nawe mupapa wa 226. ***(Soma Wowe Nkurikira: Uruhererekane rw'Abapapa; nº 15, p.59).*** Yavuguruye karindari maze itariki ya 04/10/1582 ahita ayigira iya 15/10/1582 iminsi yo hagati ntiyigera ibaho." Aha niho iminsi igize ukwezi yatangiriye guhinduka iba 28,29,30,31 mu gihe Imana yo yagennye ko ukwezi kugirwa n'iminsi 30 Ntabwo babihawe n'Imana ubwayo. Niyo mpamvu byanditswe ngo: "Umubare w'Inyamaswa kuko uhwanye n'umubare w'izina ry'umuntu, kandi uwo mubare ni **666. (Ibyah.13:18),** maze bisohoza ubuhanuzi bwari bwarahanuwe imyaka amagana yari ishize kera bwo ***"Guhindura ibihe n'amategeko"*** Daniyeli yari yeretswe bitaraba (Danieli 7:25), k'uko yahanuye ati "Iby'ukuri ribijugunya hasi". Dan.8:12.

## 1. 23. UMUBATIZO W'UKURI

Umubatizo nyakuri ni uwo Kristo yabatijwe ari nawo Yohana yabatizaga: uwo mubatizo ni uwo mu mazi menshi. Wabatijwe ku gahanga ubisomye he he muri Bibiliya?
Uwakubatije ku gahanga se we yari abisomye he muri Bibiliya? Dore uko Bililiya ibisobanura: (Matayo 3:15-16; Yohana 3:3. Abefeso4:4-5 "Nyagasani umwe, Ukwemera kumwe, **Batisimu ni imwe** n'Imana ni Imwe). Soma iyi Batisimu imwe mu rwandiko Paulo yandikiye Abanyaroma 6:4. Reba ubusobanuro muri Bibiriya Ntagatifu munsi y'umurongo kuri urwo rupapuro. Handitswe ngo*: "Kubatizwa bivuga kwinika. Ubatizwa yajyaga mu mazi bakamwinikamo, akabona kuburuka. Uwo muhango ukerekana icyo Imana iba iwukoresha mu mutima w'ubatizwa :Nka Kristo ku musaraba, umunyabyaha aba apfuye kucyitwa icyaha cyose agahambanwa na Kristo kugira ngo hamwe nawe azukire kubaho mu buzima bushya; ari ikiremwa gishya (2Abanyakorinto 5:17); ari umuntu mushya.* ***Byakuwe muri BIBILIYA NTAGATIFU p.1980.***

Kubw'ibi bihamya byose, ndavuga nti: "Wowe wasutswe amazi ku gahanga, uwakubatije, uwakubyaye muri batisimu n'abatashye ubwo bukwe muzisobanura mu rukiko rwo mu ijuru". Imana ntizabura kubabaza iyo mwabikuye, keretse mwihannye mugahinduka, nibwo Imana yababarira iminsi yo kujijwa kwanyu ntiyiteho, nkuko yabivuze iti: *"Izaduhindukirira kutugirira ibambe, izaribatira ibicumuro byacu munsi y'ibirenge byayo. Kandi uzarohera imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose."* ***MIKA 7:19.***

Ushobora kwibaza uti: "Ko nsinzwe n'ukuri, nkomeje Isabato gusa simbatizwe kuko nabatijwe mu mazi menshi hari ikibazo"? Ikibazo kirahari kuko **umubatizo ni UBUHAMYA.** Ni

ubuhamya uhamiriza ab'isi ko utagifatanyije nabo kwica rimwe mu mategeko cumi y'Imana. Ni ubuhamya uhamiriza abo mwafatanyaga kwica rimwe mu mategeko cumi y'Imana, ubahamiriza ko mutagifatanyije kuyica. Ni ubuhamya uhamiriza Satani n'abayoboke be ko uri Umana w'Imana utakiri umugaragu we. Byanditswe mu ijambo ry'Imana ngo: *"Na n'ubu amazi niyo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa, icyakora si uko akuraho ico ryo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticira urubanza, ribakirisha kuzuka kwa Yesu Kristo."* ***1PETERO 3:2***

Iyo umaze gutsindwa n'ukuri, kandi ikimenyetso cy'uko wemeye uko kuri ni icyo Yesu Kristo yivugiye ati: "Uwizera akabatizwa azakizwa. Ariko utizera azacirwaho iteka". ***MARIKO 16:16.*** Yongera kubishimangira mu kiganiro cy'umwuka yari afitanye n'umwe mu bayobozi b'idini ari we Nikodemu ati: *"Ni ukuri ni ukuri ndakubwira y'uko umuntu utabyawe n'amazi n'umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana."* ***YOHANA 3:5.*** Wakwibaza uti "Narabatijwe, ese umubatizo wa kabiri hari aho uboneka muri Bibiliya ngo mbatizwe?" Yee! Umubatizo wa kabiri uboneka muri Bibiliya mu gitabo cy'***Ibyakozwe n'Intumwa 19:1-5*** *handitswe ngo:"Apolo ari i Korinto, Pawulo anyura mu bihugu byo haruguru asohora muri Efeso, asangayo abigishwa bamwe. Arababaza ati: "Mwahawe Umwuka Wera mutangiye kwizera?" Baramusubiza bati: "Ntabwo twari twumva yuko Mwuka Wera yaje". Arababaza ati: "Mwabatijwe mubatizo ki?"* <u>Baramusubiza bati:</u> *<u>"Umubatizo wa Yohana</u>." Pawulo ati: "Yohana yabatizaga umubatizo wo kwihana, abwira abantu kwizera uzaza hanyuma ye, ari we Yesu."* <u>Babyumvise batyo babatizwa mu izina</u> *<u>ry'Umwami Yesu</u>.* Murabona ko yabahuguye bamara gutsindwa n'ubutumwa bwiza kakabatizwa mu mazi menshi kandi ari yo Yohana yari yarababatirijemo ubwo bemeraga inyigisho ze. Ubwo umaze kumenya itandukaniro ry'Isabato n'Icyumweru, ukaba umaze no kumenya ibihano bizahanishwa abica rimwe cyangwa menshi mu mategeko cumi y'Imana kandi ariyo amenyekanisha icyaha, urahamagarirwa kuva muri iyo myumvire, ugahindukira, ukihana, ukabatizwa mu izina rya Yesu Kristo ***(Mat.28:19-20).*** Tsinda Dayimoni Soni, Dayimoni Bwoba na Dayimoni Gasuzuguro maze uhamye Ibya Yesu Kristo kuko nawe yavuze ko "*Azaguhamiriza mu ijuru imbere ya Se n'imbere y'Abamalayika bera."****(Soma Mat.10:32-33; naLUKA 9:25-26; Ibyahishuwe 12:11)***. Imana ishimwe ko yatwitangiye ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. Kumwakira biduhesha ubugingo buhoraho muri twe, kandi bikaduhesha uburyo bwo gusohoza neza amategeko ye kuko tumwizeye.

**Igice cya 2. UBURYO "QOROAN NTAGATIFU IHAMYA UBUMANA BWA YESU KRISTO" N'UBURYO ISOBANURAMO ABATIZERA ABO ARI BO (ABAKAFILIABAPAGANI).**

Mu buryo butandukanye n'ubundi bumenyi, kumenya Imana ni igikorwa cy'umutima n'ubwenge. Bisaba impagarike yose y'umuntu, si intekerezo gusa. Bidusaba kugururira umutima Mwuka Muziranenge no kwemera gukora dukurikije ubushake bw'Imana (Yohana7:17; Matayo11:27). Abatizera ntibashobora gusobanukirwa Imana. Pawulo yaravuze ati "Mbese umunyabwenge ari he? Umwanditsi wo muri iki gihe ari he? Ubwenge bw'iyi si Imana ntiyabuhinduye ubupfu? Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwategetse ko ab'isi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa"1Abakorinto1:20-21. Kwiga kumenya Imana dukoresheje uburyo bwa Bibiliya bitandukanye n'uburyo busanzwe bumenyerewe. Ntabwo dushobora kwishyira hejuru y'Imana cyangwa ngo tuyifate nk'ikintu cyo gusesengurwa, cyangwa ikintu twabara. Mu gushaka kumenya Imana, tugomba kwita ku buryo Imana yatanze bwo kuyimenyeraho ari byo-Bibiliya. Bitewe n'uko Bibiliya yisobanura ubwayo, tugomba kugendera ku mahame yayo n'amabwiriza iduha. Tudakurikije ayo mabwiriza ya Bibiliya ntidushobora kumenya Imana. Kuki abantu bo mu gihe cya Yesu batamubonye nk'uwavuye ku Mana? Ni ukubera ko banze kuyoborwa na Mwuka Muziranenge binyuze mu Byanditswe Biziranenge, bahinduye ubusa ubutumwa bw'Imana kandi babamba Umukiza wabo. Ikibazo cyabo ntabwo cyari gishingiye ku kutagira ubumenyi (bari bafite ibihamya byinshi bimuhamya). Ahubwo kubudika k'umwijima mu mitima yabo byateye intekerezo zabo kuba mu icuraburindi kandi bituma bagira igihombo cy'iteka ryose.

I Kalvari, abantu hafi ya bose banze kwemera Yesu. Bake gusa ni bo bamenye uwo yari we. Muri abo bake bamumenye, harimo igisambo ku musalaba cyamwise Umwami (Luka 23:42) hamwe n'umusirikare w'umunyaroma wavuze ati "Koko uyu yari Umwana w'Imana" (Mariko 15:39). Igihe Yohana yandikaga ku bya Yesu, yaravuze ati "Yaje mu bye ariko abe ntibamwemera" (Yohana1:11), ntabwo yatekerezaga gusa ku bantu bari aho mu nsi y'umusaraba cyangwa kuri Isirayeli, ahubwo yerekezaga no ku bantu bazabaho n'ababayeho b'ibihe byose. Kimwe n'itsinda ry'abantu bari i Kaluvari, usibye bake gusa, inyokomuntu muri rusange yanze kwemera Yesu nk'Imana n'Umukiza wayo. Urwo rwango rukabije abantu bagaragajerwerekana neza ko inyokomuntu ibuze rwose ubwenge bwo kumenya Imana.

Uzabigenzure neza uzasanga Yesu bamugereranya n'izindi ntumwa zabayeho cyangwa abahanuzi, ariko bakirengagiza ibimuhamya nk'Imana kuko nta wundi wavutse nkawe, nta wundi wakoze ibitangaza nk'ibye, ndetse n'urupfu rwe rwagize itandukaniro n'urw'abandi (Matayo27:32-66). Umuzuko we wabaye igitangaza (Matayo28:1-10) kandi ntiyagumye ku isi

ngo azongere apfe, ahubwo nyuma y'iminsi mike yazamutse mu ijuru bamureba (Ibyakozwe1:6-11), kandi azagaruka ashagawe n'ingabo zitabarika z'abamalayika, aje kugororera umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.

Bityo rero inyigisho nyinshi zigerageza gusobanura Imana, kimwe n'impaka zikorwa zigamije kwemeza cyangwa guhakana kubaho cyangwa kutabaho kw'Imana, byerekana ko ubwenge bw'umuntu budashobora kwiyumvisha iby'ijuru. Gushaka kwiga iby'Imana ukoresheje ubwenge bw'abantu ni nko kwiga iby'imitwe y'inyenyeri uzirebera mu ndorerwamo yakorewe kuzitubura. Ku bantu benshi ubwenge bw'Imana ni "ubwenge buhishwe" (1AbaKorinto2:7). Kuri bo ni iyobera. Pawulo yaranditse ati "Mu batware b'iki gihe nta wabumenye; kuko iyo babumenya ntibaba barabambye Umwami w'icyubahiro" (1Abakorinto2:8).

## II. 1. UMURIMO WA YOHANA UMUBATIZA USOBANURWA MURI QOROAN

Qoroan ivuga ibya Zekariya ***(Zakariyyaa)*** umutambyi ubwo yari mu Buturo bwera ***(Mih'raab)*** Malayika akamuhishurira uko azabyara integuza ya Yesu Kristo ***(ari we bita Isa=Yesu)*** kandi we yari ageze mu za bukuru, yaracuze, atakibyara; ashidikanyije, Malayika amubwira ko abaye ikiragi kugeza umwana avutse. Niko byagenze, kandi Yohana ***(Yah'yaa)*** *y*abaye umukiranutsi wicisha bugufi, waje abatiza abizeye Yesu Kristo**.** Kuki Qoroan Ntagatifu imwemera, abemera Qoroan Ntagatifu ntibemere ubutumwa bwo kwihana no kubabarirwa ibyaha binyuze muri Kristo bihamywa no kubatizwa mu mazi menshi nk'uko Yohana yakoraga? ***(Soma Bibiliya: Luka 1:57-80; 3:1-22).QOROAN NTAGATIFU Suulat "MARIAM" Aya ya 2-15 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.292-293).*** Bibiliya iti:

*"ABASHAKA BOSE KWIHA IGIKUNDIRO KU BY'UMUBIRI NIBO BABAHATA GUKEBWA. NTA YINDI MPAMVU IBIBATEYE, KERETSE KUGIRA NGO BATARENGANYWA BAZIZE UMUSARABA WA KRISTO. Ndetse abakebwe ubwabo nubwo badakomeza amategeko, nyamara bashaka ko mukebwa ngo babone uko birata kubw'imibiri yanyu. Ariko jyeweho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe".**Abagalatiya 6:12-15.***

## II. 2. UGUSAMWA KWA YESU

Isamwa rya Yesu ryavuzwe n'abahanuzi benshi; ntiyasamwe nkatwe kuko twe binyura mu ntanga-ngabo ihura n'intanga-ngore. We yasamwe kubwa Mwuka Wera nk'uko Maria yabivuze mu kiganiro yagiranye na Malayika Gabriel cy'ubutumwa Imana yari imutumyeho ati "Ibyo byashoboka bite ko ntararyamana n'umugabo? Malayika aramusubiza ati 'Umwuka

Wera azakuzaho, n'imbaraga z'Isumbabyose zizagukingiriza". Luka 1:26-38; 2:1-14. Matayo 1:18-25. Yesaya nawe yari yarahanuye isamwa rya Yesu muri aya magambo ati "Dore umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu, amwite izina Emanweli". Yesaya 7:14. Qoroan Ntagatifu ihamya mu buryo budasubirwaho iby'Ubumana bwa Yesu ko yasamwe hatabayeho guhura kw'intanga-ngabo n'intanga-ngore (nk'uko twavutse). Bisome muri ***"Qoroa Ntagatifu suurat Mariam aya ya19-34"*** urabonamo ko Yesu yasamwe kubwa Mwuka Wera; byahanuwe ko azaba umuziranenge. *Qoroan ihamya ko Yesu yavuze akiri ku kiriri, ari uruhinja maze****"arababwira ati: Mu by'ukuri jye ndi umugaragu wa ALLAH, yampaye igitabo angira umuhanuzi***. Aya ya 34 iti: "***Uwo ni Isa mwene Mariam, ijambo ry'ukuri ryo bashidikanyaho***. Ibi bikaba bihuye neza n'ibyo Biblia ivuga iti: ***Dore uyu ashyiriweho kugira ngo benshi mu Bisirayeli bagwe, benshi babyuke, abe n'ikimenyetso kigirwa impaka, ngo ibyo abantu benshi batekereza mu mitima bizahishurwe, kandi nawe (Mariya) inkota izagucumita mu mutima", Luka2:33-35***. Niba ushaka kumenya byinshi kuri Yesu, soma **QOROAN NTAGATIFU Suulat "MARIAM" Aya ya 16-37 (KOROAN y'ikinyarwanda, p.292-293).**

**QOROAN NTAGATIFU Suulat 'MARIAM' Aya ya 34 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.294)**

Havuga ko yesu (ISA) ariwe Jambo ry'ukuri bashidikanyaho..

**QOROAN NTAGATIFU Suulat 'MARIAM' Aya ya 21 (KOROAN y'ikinyarwanda, p.293)**"

Mariya yashidikanyije ko atazabyara nta mugabo bahuye, Malayika Gabriel yaramubwiye ati: "Imana iravuga ngo 'Ibyo biranyoroheye ngo avuke'. Kandi Yesu Imana yamugize ikimenyetso ku bantu n'imbabazi ziturutse ku Mana". (Gereranya n'ibyanditswe muri Bibilia muri Yesaya 7:14; 9:5).

**QOROAN NTAGATIFU Suulat "AL'BAQARAH" Aya ya 10 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.12)**

ALLAH naramyaga yakwitegereza abamwizera, kandi abamwizera agasanga bafite uburwayi, hejuru y'uburwayi bwabo yabongerera ubundi burwayi hejuru y'ubwo basanganywe; (Yesu Kristo ni we wenyine ukiza abantu indwara zabo zose).

**QOROAN NTAGATIFU Suulat 'AAL IMRAAN': Aya ya 55 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.62)**

Zirikana ubwo ALLAH yavugaga ati: Yewe Isa (Yesu)! Mu by'ukuri Jye nzakuzura nkuzamure iwanjye ngukize abahakanye (Abahakanye urupfu n'umuzuko wa Isa), nshyire abagukurikiye hejuru y'abahakanye kugeza ku munsi w'imperuka." Abatizera ibyanditswe aha: **YOHANA:3:16.**

**Qoroan ntagatifu ivuga ko abatizera Kristo (Batizera imbaraga iva mu rupfu no mu kuzuka bya Yesu Kristo) ko ari Abakafili. Abakristo bo bemera gupfa no kuzuka bya Yesu Kristo. None ubwo abakafiri ni bande? Kuki ibi bitigishwa nk'uko biri?**

## II. 3. KUVUKA KWA YESU MURI KOROAN NTAGATIFU

**QOROAN NTAGATIFU (Iy'ikinyarwanda ni p.61) SUULAT "AAL IMRAAN": Aya ya 45-47**

"MalaikaGabriël yasanze Maria aramubwira ati "Uwiteka akuzaniye ijambo ryiza: Uzabyara Umwana kandi izina ry'uwo mwana azitwa "MESIYA" Uwo Yesu uzabyara, yahawe ubushobozi bwose mu ijuru no mw'isi". Kandi uwo yesu niwe uzacira abantu urubanza ku munsi w'imperuka, (kugena aho buri wese azaherera bitewe n'amahitamo ye akiri muzima). "Azavugisha abantu akivuka no mu bukwerere kandi azaba mu ntungane". "Mariam ati: "ayi Nyagasani wanjye! Ni gute nagira umwana kandi ntarakorwaho n'umuntu? Aravuga ati ni uko bimeze, ALLAH arema icyo ashatse. Iyo yemeje ikintu, mu by'ukuri arakibwira: Ba! Ubwo kikaba". Ibi byose byerekana koko ko Yesu ari Imana. **Qoroan Ntagatifu (Iy'ikinyarwanda ni p.61) Suulat "Aal Imraan": Aya ya 45-47**

## II. 4. YAVUTSE UWO MWANYA YESU YAVUGISHIJE ABANTU

Kugira ngo dushobore kwemera ikintu bidusaba ubuhamya kuri cyo. No kuri Yesu ni ko biri nubwo Satani yari yarayobeje imitima myinshi ngo batamumenya, ibye ntibyatambutse gutyo gusa kuko byashyizwe ahagaragara.

Ni ryari kandi ni hehe umwana wavutse uwo mwanya avugisha abaje kumubaza amavu n'amavuko ye? Ariko Qoroan yerekana igitangaza gikomeye kitigeze kiboneka mu mateka y'ikiremwamuntu ko Yesu we yavugishije abantu uwo mwanya yavutse, akiri ku kiriri. Iki ni ikindi gihamya cyerekana ubumana bwe butagishwa impaka, keretse kwiyobagiza kwihandagaje.

**QOROAN NTAGATIFU Suulat "AL-MAA'IDAH":Aya ya 110 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.12**

Handitswe ngo: "Zirikana ubwo ALLAH yavuze ati: yewe Isa Mwene Mariam! Ibuka inema zanjye kuri wowe no ku mubyeyi wawe; ubwo nagushyikirizaga *Ruuhul-Qudus* uvugisha abantu ukivuka no mu gihe cy'ubukwerere n'ubwo nakwigishaga kwandika, ubushishozi, Ta'uraat na In'jiil. N'igihe wabumbaga mu cyondo igisa n'inyoni ku bushake bwanjye ugahuhamo kikaba inyoni ku bushake bwanjye, ukavura impumyi n'ababembe ku bushake bwanjye. N'igihe wazuraga abapfuye ku bushake bwanjye. N'igihe nakurindaga abana ba Israa'iil ubwo wabazaniraga ibitangaza".

Nta wundi ufite ubu bubasha bwo kurema Inyoni mu cyondo ngo zibe nzima, kuko byananiye abahanga bo ku isi, yemwe n'abanyamadini bemerwa gusumbya abandi, bapfuye ari nta kiremwa baremye. Bagiye bagira umumaro bamarira isi, ariko nta wundi wagize icyo arema keretse Isa (YESU) uvugwa ko ari mwene Mariya; we Muremyi wa byose, wapfuye akazuka akajya mu ijuru aho arigucira imanza abamwizera n'abatamwizera uwo niwe *"Nzira Ukuri n'Ubugingo" Yohana 14:6.*

- **NB: -*Ta'uraat*** = Ni ibitabo bitanu byanditswe na Mose (Musa) ari byo: Itangiriro, Kuva (Iyimukamisiri), Kubara, Abalewi no Gutegeka kwa Kabiri.
- ***In'jiil* =** Ni ubutumwa bwiza 4 bw'Umwami wacu Yesu Kristo bwanditswe n'antu bane ari bo: Matayo, Mariko, Luka na Yohana.

Yesu yavutse uwo mwanya, yaravuze ati: *"ALLAH yampaye igitabo kandi yangize umuhanuzi".* **QOROAN NTAGATIFU Suulat "MARIYAM" Aya ya16- 30 (Kinyarwanda, p.294)**

## II. 5. QOROAN NTAGATIFU IHAMYA UBUMANA BWA YESU KRISTO

**(Soma aya masomo neza: Yesaya 7:14; 9:5; 1Timoteyo :3:16).**

"Yesu yagendereye abahungu ba Israyeli (Abahungu ba Yakobo: Abaheburayo) arababwira ati: Ninjye wabaremye. Amaze kubibabwira basobanukirwa ko ariwe Mana". Yesu yongera kubwira abana ba Islayeli ati: "Maze kubarema nabahumekeyemo umwuka w'ubugingo". "Yesu (Isa) arababwira ati: Mu by'ukuri njye mbazaniye ibitangaza biturutse kwa Nyagasani wanyu: Ndababumbira mu cyondo igisa n'inyoni, nkagihuhamo kikaba inyoni ku bushake bwa ALLAH; Yesu afite ubushobozi bwo gukiza ibibembe no guhumura impumyi Yesu afite ubushobozi bwo kuzura abapfuye bakaba bazima **(Yohana 11:25-26; 5:25-29).**

***QOROAN NTAGATIFU Suulat "AAL IMRAAN":Aya ya 49 (KOROAN y'ikinyarwanda ni p.62)***

None se hari undi muyobozi w'idini wakoze nk'ibi? Keretse uwaturemye ariwe Yesu Kristo. Pasitoro, Papa, Muhamedi, cyangwa undi muyobozi w'idini uwo ari we wese hari uwakoze nk'ibi Yesu yakoze ngo tumwemere ko ari we **"Nzira, Ukuri n'Ubugingo?" Yoh.14:6.**

Nshuti uyu niwe wavuganye na MOSE (Muusa) ku musozi wa Sinayi ari mu gihuru cyaka kidashya, (Kuva 3:13-14) aramubwira ati: **"*Ube ariko uzabwira Abisirayeri uti 'NDIHO' yabantumyeho*".** Na Yohana dore uko yanditse, Yohana 8:56-58 ***"Aburahamu ataravuka NDIHO*"**. Abakomeye bo ku isi barapfuye kandi bari mu bituro byabo, abayobozi b'amadini barapfuye bari mu bituro byabo, abandi bari mu mazu ndangamurage, ariko Yesu Kristo we yarapfuye arazuka ari mu ijuru kandi ni we uzaza kuzura abapfuye bose na Muhamedi ari mo. Kugira ngo buri wese agenerwe aho yahisemo akiri muri ubu buzima.

Emera Yesu Kristo nk'Imana, Umwami wawe n'Umukiza wawe bwite aragushaka kuko ari we ***'Nzira, ukuri n'ubugingo'. Yohana14:6.*** Yarivugiye ati "Ntawe ujya kwa Data ntamujyanye". Mu babayeho ku isi nta wundi wavuze atyo, kandi nta n'uzabivuga kuko batabifitiye ububasha. Mvuge nti n'uzagerageza kubisezeranira abayoboke be azasanga yaribeshye. Ikibabaje ni ukubimenya wakererewe utagifite andi mahitamo. Guhitamo ni ubu: **"IKI NI CYO GIHE"!**

## Igice cya 3. AMATEKA Y'ITORERO RY'IMANA RYASIGAYE

Mbere yo kwibaza ku itorero ryasigaye, tubanze twibaze "Inkomoko y'Itorero"; ryaturutse he? Ryahanzwe na nde? None ubu kuki ryitwa "itorero ryasigaye"? ryasigaye ryari? Kubera iki? Ntekereza ko ibi bibazo bizakugirira akamaro nk'umusomyi ushaka kumenya ukuri nyako kuko kwizera gukomoka ku kumenya. ***Abaheburayo 11:1, 6; Abaroma10:17***

Bibiliya itwereka itorero nk'ikintu cyahanzwe n'Imana kandi ikaryita "Itorero ry'Imana" (Soma Ibyak.20:28; 1Kor.1:2). Dushobora gusobanukirwa inkomoko n'imiterere y'itorero rya Gikristo dusuzuma inkomoko n'imizi yaryo mu isezerano rya Kera, tunareba n'amashusho atandukanye akoreshwa mu isezerano rishya arivugaho. Isezeranorya Kera ritwereka

Itorero ni ijambo rituruka ku rurimi rw'ikigiriki: **<u>EKKLEO►ΣΚΚλΣW</u>** bisobanura ngo: Guhamagara uvana hanze winjiza, **(Yoh.10:16; Ibyah.18:4).** Yesu yakoresheje iri jambo bwa

mbere muri Matayo 16:18 handitswe ngo: ***“Nanjye ndakubwira nti ‘uri Petero’ (g), kandi nzubaka Itorero ryanjye kuri urwo rutare, kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishora.”*** Bisobanuke neza: ***PETERO*** biva ku ijambo ry’Ikigiriki ryitwa **“*PETROS*”** ari naryo **“*KEFA*”** mu Runyaramaya, bisobanura ***IBUYE*** (Soma **Yohana 1:42b**; **Matayo 16:18g**); naho ***URUTARE*** bituruka ku ijambo ry’Ikigiriki ryitwa **“*PETRA*”** (**Matayo16:18**). **Ntabwo Yesu yavuze ko azubaka Itorero rye kuri*Petros (Petero)*;** ahubwo yavuze ko azaryubaka ku ***URUTARE (PETRA)***, kandi urutare ni Yesu Kristo nk’uko tubisoma mu**1Petero 2:4-6, 8; na Yesaya 8:14-15.**

## III. 1. IGIHE ITORERO RYATANGIRIYE N’AMAZINA RYISWE

Itorero ryatangiriye muri Edeni, igihe Imana yari imaze kurema Adamu na Eva mu mwaka w’**4,004 M.K.;** bityo baruhukana Isabato nayo atari uko yari inaniwe ahubwo kuko yifuzaga ko batangirira muri Yo urugendo rw’ubuzima bwabo bwose bityo nayo ikaba umuyobozi w’Itorero ryayo nk’uko biri mu gitabo cy’Itangiriro **2:1-3; Yesaya 40:28; Yohana 5:17.** Nyuma gato y’icyaha cy’abakurambere bacu (Adamu na Eva),Imana yakomereje itorero ryayo mu isezerano yabahaye ryo mu Itangiriro **3:15** aho yavuze iby’umugore n’urubyaro byagombaga guhangana na Satani. Kayini amaze kwica Abeli itorero ryakomereje kuri Seth n’urubyaro rwe bakomokaga kuri Adamu kandi bakurikizaga by’ukuri gahunda y’Imana, rihangirwa ku bantu batatu ari bo: Adamu, Abel na Seth maze ryitwa **“Abana b’Imana” (Itang.6:1-2).** N’ubwo nabo batashoboye kurangiza inshingano yabo neza bitewe no kubyarana n’abo kwa Kayini, ari nabyo byabyaye umwuzure wabaye mu mwaka wa **2,348 M.K** harokoka 8 gusa, abo bitwa ***abasigaye*** kuko ari bo bumviraga Imana by’ukuri **(bisome mu gitabo cy’Itangiriro 6:13-9).** Nyuma y’umwuzure Imana yarikomereje kwa Nowa, n’ubwo abamukomotseho nabo bagerageje kwiyubakira umunara muremure ngo bibere hamwe kandi umugambi w’Imana wari uko Itorero ryayo rikwira ku isi yose; bisome mu gitabo cy’**Itangiriro11.**

Imana ibonye ko umugambi w’Itorero ryayo udashyirwa mu bikorwa nk’uko ibyifuza; yatoranije Aburahamu wavutse mu mwaka w’**1,951 M.K.** ngo akomeze umurongo wa gahunda yayo kuva mu Edeni (soma ibice 12 byo mu gitabo cy’Itang.**12-24).** Imana yamusabye gusiga ibintu3, Yo imusezeranira7 (Itang.12:1-3). Yageze i Kanani mu mwaka w’**1876 M.K,** aba mu gihugu yasezeraniwe ari umusuhuke. Itorero ryakomereje kuri Isaka na Yakobo n’urubyaro rwe ryitwa **“Abisirayeli”**; ariko riza gukomwa mu nkokora no gusuhukira muri Egiputa kw’urubyaro rwa Yakobo bitewe n’inzara yari yateye i Kanani mu mwaka w’**1661 M.K**, bityo nyuma y’urupfu rwa Yosefu rwabaye mu mwaka w’**1590M.K**, bakoreshwa uburetwa bwinshi

na Farawo Ramesesi ari nawe wasutsweho bya byago 10 byatejwe Egiputa kubwo kwinangira kwe, bituma gahunda y'itorero ry'Imana isa n'aho idindiye kuko imisengere yari yahindutse.

Nyuma y'imyaka isaga **430 (Kuva 12:40-41),** mu mwaka wa **1446 M.K,** Imana yafashe icyemezo cyo gukura itorero ryayo muri Egiputa ikoresheje Mose wavutse mu mwaka w'**1526 M.K,** apfa mu mwaka w'1,406 M.K. ari nawo mwaka bagereyemo i Kanani, na Aron wari mukuru we (Itang. **43-50; Kuva 3-15**). Igihe iri torero ryari rigeze i Kanani mu mwaka w'**1406M.K,** Imana yari yarihaye ubutumwa bwose bwarifasha kuzuza inshingano zaryo mu myaka **40** ryamaze mu butayu **(1446-1,406 M.K),** dore ko yari yararyibukije amategeko yayo yari yaribagiranye bitewe n'uburetwa bamazemo **imyaka 430** . Kanani yari mu ihuriro ry'inzira nyabagendwa y'abava mu Bulayi, Aziya na Afurika yacu.

Nyamara hirya gato, rya torero ryanze ko Imana ikomeza kuribera umuyobozi yonyine; basaba Samuel kubimikira umwami ngo nabo base n'andi mahanga yari abazengurutse **(1Samweli 8)**. Ibyo byabaye mu mwaka w'**1050.** Benshi muri aba bami b'ishyanga rya Israyeli ari nabo bari ku ruhembe rw'imbere rwo kuyobora Itorero ry'Imana ntibagendeye ku mabwiriza yari yabahaye kuko bamwe muri bo nka Rehobowamu yaciyemo kabiri itorero mu mwaka wa **931 M.K**. haboneka ubwami 2 bukomotse kuri we; imiryango 10 iba ubwami bw'Abisirayeli baherera mu majyaruguru; umurwa mukuru wabo uba Samariya. Indi miryango 2 ihanga ubwami bw'u Buyuda baherera mu majyepfo; umurwa mukuru wabo uba i Yerusalemu.

Amahanga yari abakikije nayo ntiyari aboroheye kuko mu mwaka wa **721 M.K** Abashuri bahanguye Isirayeli ihinduka abacakara babo bikozwe **na SHALMANASER wa 5** kuko yagose umurwa mukuru Samariya bawuheramo imyaka 3 **(2Abami 18:1-12).**Bigeze mu mwaka wa **605 M.K** Umwami **Nebukadinezarimwene Nebopolazari** wari umugaba w'ingabo za se atera Yerusalemu mu gitero cya mbere ajyana abasore b'imfura ari bo bene Hezekia i Babuloni mu murwa; bagenze urugendo rwa **1,500 kms mu mezi atatu.** Ubwa kabiri yahateye mu mwaka wa **594 M.K** ajyana Ezekiel n'abandi baturage mu cyaro cyo ku kagezi ka **Kebari**. Mu mwaka wa **586 M.Kyagabye igitero cya 3** ari cyo cya nyuma asenya urusengero rwari rwarubatswe na Salomo mu mwaka wa **940 M.K** atwara n'ibikoresho byari bisigaye byo muri rwo byerejwe imihango year yakorerwaga mu rusengero rw'Imana ya Isirayeli abishyira mu ngoro **y'ikigirwamana cye cyitwa BEL-MAR-DUH** (**Daniel 1:1-2; 2Abami 25:8-15; 2Ngoma 36:5-21; Yeremiya 44:2-6**). Muri uyu mwaka wa **586 M.K** ni cyo gihe ubwami bw'Abayuda bwahangutse.

## III. 2. UKO SATANI YAKOMEJE KURWANYA ITORERO RY'IMANA

Hari ingingo 4 zitugaragariza uko Satani yakomeje kurwanya Itorero ry'Imana ngo ritagera ku mugambi wayo:

1. Banze kwitandukanya n'ingeso zose za gipagani bamaramaje (**Jer.25:5-11; 2Chron.36:14)**
2. Banze gukomeza isabato uko bikwiriye **Yer.17:19-27**
3. Banze kwita ku buhanuzi Imana yabatumyeho **2Ngoma 36:15-20; Yer.25:3-11**
4. Abami babo nibo bashayishaga mu bibi bakabera ishyanga urugero rubi **2Abami 17:7-23; 2Abami 21: 1-23**; bituma bajyanwa ari imbohe i Babuloni ku ngoma y'umwami Nebukadinezari

Kurwanya itorero ry'Imana Satani ntabwo abyize ubu, yabitangiriye muri Edeni.

Ubu bwami bukaba **bwaratangiye muri 605-539 M.K (bwamaze imyaka 66 ku ngoma).** Bwasimbuwe n'ubw'Abamedi n'Abapersi bwari buyobowe na Darius, bukaba bwarabayeho muri **539-331M.K (bwamaze imyaka 208 ku ngoma**). Ubu nabwo bwaje gusimburwa n'ubwami bw'Abagiriki bwari buyobowe na Alexandre mukuru; **kuva muri 331-168 M.K. (bwamaze imyaka 163 ku ngoma);** buza gusimburwa n'ubw'Abaroma **mu 168 MK kugeza 476 N.K. (bwamaze imyaka 664 ku ngoma);** nabwo busimburwa n'Ubupapa kuva muri 476 kugeza ubu kuko nibwo buzakurwaho na Yesu Kristo agarutse nk'uko Imana yari yarabyerekanye mu nzozi Umwami Nebcadnetsar yarose zigasobanurwa na Danielbyose bikaba byari umugambi w'Imana wo kugaragaza ahaza h'Itorero ryayo n'iherezo ryaryo n'uko ubwo bwami buzabangamira itorero ryayo n'uburyo abera b'Isumbabyose bazanesha bagahabwa ubutware **(Daniel 2).**

Muri buriya bwami bwa kabiri bwategetse isi rero; ahagana muri **457M.K**, niho **ARITAZERUSI(Artaxerxes Longuemain),** umwami w'abami (Empereur) w'Abamedi n'Abaperesi yaritanze *yuzuza irya Dariyo* ***(Ezira 6:1-12)***na we yari yarahamije itegeko rya Kuro **(*Ezira 1:1-11)***we yari yararitanze kera cyane;  yatanze itegeko ryo gusana Yerusalemu (**Nehemiya 2:1**) yari yarashenywe na Nebcadnetsar, akaba ari wo wari umurwa mukuru w'Itorero ry'Imana mu gihe cy'Abayuda. Iryo tegeko turisoma na none mu gitabo cya ***Ezira 7:12-26.*** Hakaba rero hari hatangiye ubuhanuzi bw'imyaka **2,300** nk'uko tubisoma **muri Daniel 8:14 ngo «Hazashira iminsi 2,300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa»;** kandi umunsi umwe ukaba uhwanye n'umwaka nk'uko biri **muri Ezekiyeli 4:6**. Iyi myaka **2,300** ikaba yari igabanijemo imigabane **2** y'ingenzi; umwe ukaba ugizwe n'ibyumweru **70 (Imyaka 490)** yari yarahariwe Abayuda n'umurwa wera; undi

ukabaugizwe **n'imyaka 1810** yari yaraharìwe abatari Abayuda (abitwaga abanyamahanga ku Bayuda kandi nayo ikubiyemo **1,260; 1,290 n'1,335; soma Daniel 12:7-12).** Ubutumwa rero bwakomeje kuvugwa na Yesu, abusigira intumwa n'abigishwa kugeza bwanzwe ku mugararagaro n'Abayuda ahagana muri 34 igihe Stefano yaterwaga amabuye. Iri torero ryiswe **"Iry'Intumwa" rihangiwe kuri Yesu, Intumwa n'abigishwa;** bityo bwimukira mu batari Abayuda ku ruhu.

## III. 3. ITORERO RYASIGAYE RYO MU MINSI Y'IMPERUKA

Kubera ibihe binyuranye Itorero ryakomeje guhura nabyo kandi ibyinshi birwanya umugambi waryo, umucyo w'ubutumwa wakomeje kugenda wibagirana, ibyo bigafatanywa no guhindura ibihe n'amategeko y'Imana nk'uko byari byaravuzwe muri **Daniel 7:25.** Mu mwaka w'i **1517 N.K** Umwuka w'Imana yahagurukije abantu bamwe nka Martin Luther, John Calvin, John Hus na Jerome (baje nyuma ya Jonh Wycliffe) batangira kwiga ibyanditswe ndetse bakarwanira ukuri Kiliziya Gatorika yari yarirengagije icyo gihe uyu ukaba wari umugambi w'Imana wo gukomeza itorero ryayo.

Hagati yo mu mwaka w'1,843—1,844 uwitwa **WILLIAM MILLER wavukiye muri kuwa 15/02/1782 N.K.** wo mu muryango w'abahinzi, nyuma yo kwinjira mu gisirikare cy'Amerika akakibonamo ipeti rya Capiteni; yaje gutangira gusoma Biblia ashimikiriye mu gihe cy'imyaka 2, ari kumwe n'itsinda bise **Mouvement Millerité**, bahagurukanye ubutumwa buvuga ibyo kugaruka kwa Yesu; bashingiye kubuhanuzi bw'imyaka 2,300 yavuzwe haruguru yagombaga kurangira mu mpera z'1,844 N.K, ihereye muri 457 M.K. Nyuma yo kurwana intambara yo mu 1,812 N.K, yatangiye kwigisha inyigisho ze no kuzandika mubinyamakuru (urwibutso n'integuza) mu 1,813 afatanije n'uwitwa **Josuah HIMES, JOSIAS RITCH, CHARLES FITCH, JOSEPH BETES, JAMES WHITE na SAMUEL SNOW**. Uyu mugabo w'umunyamuhati cyane yinjiye mu itorero ry'Ababaptiste mu 1816.

Mu gukomeza gusoma kwe rero, yaje kwemeza ko Yesu azagaruka hagati ya **21/03/1843 na 21/03/1844 N.K.** akurikije imibare y'Abayuda. Abandi barimo uwitwa: **Samuel SNOW**, bemeje ko Yesu azaza kuri **22/10/1844 N.K; MILLER** nawe aza kwifatanya nabo bose bemeranya kuri iyo tariki, bityo batangira kuyamamaza hose ko ariho Yesu azagaruka. Iyo tariki rero yaje kugera Yesu ntiyaza; bityo abagera ku 250,000 bose baragwa ntibongera kwifatanya na ba Miller hasigara itsinda ry'abantu bagera kuri 50 baba aribo bakomeza gusenga no kwiga ibyanditswe ari nako bibaza ibibabayeho ibyo ari byo. Muri abo harimo n'uwitwa **HILAM EDSON** wari waravuye mu itorero ry'Abametodiste akaza kwakira ubutumwa bwa

ba Miller mu mwaka w'1843; maze mugihe bari bavuye gusura abo babwirije ubutumwa ari kumwe na **CROISIER** mu murima w'ibigori ahabwa iyerekwa; abona Yesu yinjira ahera cyane ho mu ijuru bityo asobanukirwa neza ko ari ubuturo bwera bwo mu ijuru bwejejwe mu 1,844, ko atari ubwo mu isi. Basobanukirwa n'ibyandtswe mu **Ibyahishuwe 10:11 "Ukwiriye kongera guhanura iby'amoko menshi (imbere y'amoko menshi) n'amahanga menshi, n'indimi nyinshi n'abami benshi".** Imana yakomeje gushaka uburyo yahishurira Itorero ryayo ubutumwa bwiza; uwitwa HOSSEN FOCS na WILLIAM banga kuba imiyoboro Imana yabunyuzamo; bityo yitoraniriza ELLEN HARMON mwene Robert Harmon na Euneck wari ufite imyaka 17 y'ubukuru kandi ari n'umunyantege nke;  akaba yari yarakiriye ubutumwa bwo kwihana afite imyaka 12 y'amavuko. We yemeye kuba igikoresho cy'Imana muri iyo nshingano itoroshye yo kuvuga ubutumwa mu gihe gikomeye bari barimo. Uyu yari yaraturutse mu itorero ry'Abametodiste kandi yari atunzwe no kuboha ingofero. **Mu kwezi kwa 12/1844,** yahawe iyerekwa ryatumye itsinda ryabo rikomeza gushikama.

**Mu mwaka w'1847** nibwo yagize iyerekwa ryabakanguriye gukomeza ISABATO. Yagize amayeyekwa agera ku 2,000 arimo ubutumwa butandukanye kandi bwose bukomeza Itorero ry'Imana. Ellen Harmon yaje gushyingiranwa na JAMES WHITE nawe wafatanyaga nabo cyane muri uyu murimo w'ivugabutumwa; bashyingiranwe ku itariki ya **30/08/1846;** uyu James White akaba yaravutse mu mwaka w'1821.

Nyuma y'iryo yerekwa ryabakanguriraga kuruhuka Isabato, uwitwa JOSEPH BATES niwe watangiye kubwiriza ibyo kuyiruhuka mu w'1845 afatanije n'aba bakurikira: URIAH SMITH & ANIE SMITH, JOHN M. ANDREWS, JOHN M. LOUGHBOROUGH, DANIEL BOURDEAU na GEORGE I BUTHER bari inararibonye mu murimo.

**Mu mwaka w'1851** hashyirwaho amwe mu mahame y'itorero akurikira: Kugaruka kwa Yesu; Ubuturo bwera; Isabato y'umunsi wa 7; Umwuka w'ubuhanuzi; Umubatizo n'Ifunguro ryera. **Mu kwezi kwa 9/1860**, habaye inama yahuje abayobozi n'abalayiki ngo bashyireho gahunda, banatangiza ishyirahamwe ryo gucapa ibitabo no kubikwirakwiza; iryo shyirahamwe ryitwaga Association de publication d'Adventiste du 7eme jour. **Ku itariki ya 01/10/1860 habaye inama rusange ya 1 ibera i Battle Cleek, ari nayo yatoye izina ry'itorero; baryita: Seventh Day Adventist Church.** Mu w'1861, abizera bashyizeho Association (Field) yabo akaba ari nayo yagiyeho bwa mbere; iyoborwa na Joseph BATTES.

**Mu wi 1862,** andi matorero yo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika (U.S.A) nayo yashyizeho za Federations. Ku matariki ya **20-23/05/1863,** niho intumwa ziturutse muri ayo ma Fields na Federations zahuriye i Batle Creek bashyiraho inteko nkuru rusange (General Conference)

iyoborwa n'uwitwa **JOHN BYINTON**.Iyi akaba ariyo Session yabaye bwa mbere kandi icyo gihe itorero rikaba ryari rifite abizera bagera ku 3500.

**Mu wi 1882,** hashyizweho amabwiriza agenga itorero (INGENGAMIKORERE-INDONGOZI). Itorero ryahanzwe mbere nyuma y'ayo muri Amerika ni iry'ahitwa **TRAMELAN** (mu Busuwisi), rihanzwe na **CECHOWSKI mu wi 1867** Misiyoneri wa 1 woherejwe n'inteko nkuru rusange ni **John ANDREWS** hari mu w'1888, kandi yari azi isezerano rishya ryose mu mutwe. Niwe werekanye gahunda yo gutanga 1/10; kandi avumbura ko Isabato itangira kuwa nyuma (Vendredi- Aho bise kuwa gatanu) izuba rirenze ikageza bukeye (Samedi soir) nimugoroba izuba rirenze aho bise kuwa gatandatu, kandi niwe washyizeho ikinyamakuru ibimenyetso by'ibihe.

Umupasitori wabyerejwe bwa mbere ni **WASHINGTON MORSE.**Nyuma y'aha ubutumwa bwakomeje gukwirakwizwa hirya no hino ku isi, bityo bugera no mu Rwanda rwacu; akaba ari nabwo twahamagariwe kwamamaza muri iki gihe giheruka kugira ngo hasohore ibyo Kristo yivugiye ati: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose bube ubuhamya nibwo imperuka izaherako ize" Mat.24:14.

## III. 4. AMAZINA Y'ABAYOBOYE GENERAL CONFERENCE (INTEKO NKURU RUSANGE)

Nk'uko Imana yahamagaye abakurambere bacu (Adamu, Abeli, Seti, Nowa, Aburahamu n'abamukomotseho) kugira ngo bayobore itorero ryayo, ikabatoranya kubw'icyizere n'imbabazi zayo zitarondorereka (1Tim.1:12-14), ikabagira amaronko n'ishyanga ryera (Kuva 19:4-5), ni ko byakomeje kuba uruhererekane rwo gutoranya mu bantu abazumvira Imana kugira ngo bahagararire umurimo wayo ku isi (Ibyak. 13:1-4); aba nabo niko batoranijwe mu gihe cyabo kugira ngo bahagararire itorero ry'Imana.

1. **JOHN BYINGTON: 20/05/1863—17/05/1865**
2. **2. JAMES WHITE: 17/05/1865—14/05/1867**
3. **JOHN ANDREWS: 14/05/1865—18/05/1869**
4. **JAMES WHITE: 18/05/1869—29/12/1871**
5. **GEORGE J.BUTLER: 29/12/1871—10/08/1874**
6. **JAMES WHITE: 10/08/1874—06/10/1880**
7. **GEORGE J.BUTLER: 06/10/1880—17/10/1888**
8. **O.A. OLSEN: 17/10/1888—19/02/1897**
9. **G.A. IRWIN: 19/02/1897—02/04/1901**
10. **A.G. DANIELLS: 02/04/1901—11/05/1922**
11. **W.A. SPICER: 11/05/1922—28/05/1930**

12. **C.H. WATSON: 28/05/1930—26/05/1936**
13. **J.L. MC ELHANY: 26/05/1936—10/05/1950**
14. **R.R. FIGUHR: 24/05/1954—16/06/1966**
15. **ROBERT H.PIERSON: 16/06/1966—03/01/1979**
16. **NEAL C. WILSON: 03/01/1979—05/07/1990**
17. **ROBERT.S.FOLKEMBERG: 05/07/1990—28/02/1999**
18. **JAN PAULSEN: 05/03/1999—25/06/2010**
19. **TED NEAL C. WILSON: 25/06/2010----**

## III. 5. UMUCYO W'UKURI UGEZWA MU RWANDA N'IRYO TORERO RYASIGAYE

Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi rimaze imyaka igera kuri mirongo icyenda rigeze mu Rwanda. None iri torero ryaturutse he, ryageze mu Rwanda rite, ryazanywe nande? Iri zina ryatoranijwe ku itariki ya 1/10/1860,ryemezwa kumugaragaro ku itariki ya 21/05/1863 bashingiye ku isohozwa ry'ubuhanuzi Imana yari yarahaye Daniyeli na Yohana umuhishuzi (Daniel 12:7-12; Dan.8:14; Dan.7:25-26).

Icyo gihe itorero ryari rifite abayoboke 3,500 gusa. Hari impamvu ebyiri zatumye iri zina ritoranywa:

**1.Ni uko byari byarahanuwe:** Nyuma yo gutegereza Yesu ntaze ku itariki ya 22/10/1844 (Dan.8:14) William Miller na bagenzi be basanze ari ngombwa gukomeza gutegereza Yesu ariko ntagushyiraho amatiriki. Nibwo busobanuro bw'ijambo Adventiste (Dan.12:12).

**2.Basanze amategeko cumi y'Imana yose agomba kubahirizwa** harimo n'irya kane rivuga iby'isabato ryari ryarasiribanzwe na Kiliziya Gatolika mu gihe gisaga imyaka 1260; nicyo cyatumye bongeraho ngo b'umunsi wa karindwi ( maze bitwa "Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi").

## 2. UKO ITORERO RYAGEZE MU RWANDA

Ubutumwa bw'abadivantisti bwageze mu Rwanda nyuma y'intambara ya mbere yisi yose, buhagejejwe n'umugabo witwa Elie Delhove w'umubirigi. Se umubyara yitwaga Yohani Fransisco Delhove, nyina yitwaga Yozofina Gisilene, bakaba bari aborozi. Delhove yavutse ku itariki ya 9/06/1882 ari uwa kane mu muryango. Yize amashuri abanza n'ayisumbuye mu mujyi wa Jumet, yiga gusana inkweto, nyuma aza no kugira iduka rizicuruza, aza no kuba umusirikare aho yakimazemo amezi 20. Delhove yabatijwe 1906, ashyingirwa ku itariki ya 22/4/1909 ashyingiranwa na Virginie.

## 3. DELHOVE AGERA MURI AFURIKA

Delhove yagambiriye kuzabwiriza ubutumwa mu bihugu bitari iby'iwabo, yandika asaba uburenganzira. Mugihe yarabutegereje yatangiye imyiteguro yimenyereza kubwiriza, gukora amavuna no kubwiririsha ubutumwa ibitabo. Yagiye kwiga iby'ubuvuzi mu Bwongereza umugore we yiga kuvurisha amazi. Nyuma y'umwaka ni bwo yabonye uburenganzira, ahamagarirwa kujya gukorana na A.A.Carscaller bafite gahunda yo gufungura misiyoni i Kamagambo muri Kenya hafi ya Victoria, bahubaka amashuri na misiyoni banabwiriza ubutumwa. Intambara ibaye yahamagawe n'igihugu cye kujya mu gisirikare, ariko asaba ko yakorera muri Afurika, arabyemererwa. Hafi yo kurangira kw'intambara, yahawe ikiruhuko agifatira mu Bwongereza aho yahuriye na Henry Monnier w'umusuwisi wari ufite umugore w'Umwongerezakazi bahanoganiriza gahunda yo kuzajyana kuvuga ubutumwa bwiza muri Afrika.

## 4. DELHOVE AGARUKA MURI AFURIKA

Mu iherezo rya Werurwe 1919 bamaze kubona inzandiko zibaha uburenganzira, nibwo iyo miryango yombi yafashe ubwato mu Bwongereza berekeza i Dakar barakomeza bagera i Banana bityo bahinguka Bomana na Matadi bakomeza iya Kinshasa baraza bagera Kisangani na Ponthierville barakomeza bagera Lualabo na Kindu na Kabalo na Kalemi na Uvira barambuka bagera i Cyangugu. Kuva Uvira bajya i Cyangugu baje n'amaguru abantu babikorereye imitwaro yabo, abandi bahetse abagore n'abana babo mu ngobyi z'isuri. I Cyangugu bahavuye n'ubwato bwa moteri berekeza ku Kibuye, barekeza i Rubengera. Urugendo rwabo rwamaze amezi atanu mu nzira. Umwami wayoboraga u Rwanda icyo gihe ni Yuhi wa V MUSINGA.

## 5. UMULIMO WA DELVOVE, MONNIER NA METER

Ku itariki ya 24/08/1919 umugore wa Monnier yabyaye umwana w'umukobwa, mu kwezi kwa cyenda 1919 umugore wa Delhove nawe abyara umukobwa wa gatatu. Muri uwo mwaka w'1919 Delhove yimukira i Kirinda, Umugore wa Monnier yapfiriye mu bitaro bya Kirinda ari kubyara, asiga umwana we w'uruhinja arerwa n'umuryango wa Delhove. Mu mwaka w'1920 Monnier ajya Remera Rukoma. Rezida yemereye Delhove gushinga misiyoni i Gitwe ku itariki ya 30/01/1921. Delhove ahashinga ihema rye muri uwo mwaka.

### III. 6. ABANYARWANDA BABATIJWE BWA MBERE:

Mu murimo utoroshye bakoraga bigisha ukuri kwa Bibiliya, banyagirwa n'imvura, barwana n'inyamaswa zashakaga kubarya, abaturage babahunga kuko bwari ubwa mbere babonye

abazungu ndetse nabo ubwabo batamenyereye ururimi n'imico by'abanyarwanda bo hambere, bagenda n'amaguru kuko nta terambere ryariho (uwabaga akomeye bamuhekaga mu ngobyi) ariko barihangana bageza ukuri ku bari mu mwijima mu bya Mwuka. Abemeye ubutumwa bwiza bakabatizwa ni icumi: **1.Lazaro Miruho, 2.Mose Segatwa, 3.Dawidi Nturo, 4.Elizabeti Nyambwana, 5.Esiteri Makayire, 6.Lidiya umukobwa wa Delove, 7.Daniel Kagegera, 8.Samuel Karekezi, 9.Yohana Munyampundu, 10.Rasheri Nyiramukamisha.**

Bakoreshaga kuvura indwara, kwigisha gusoma, kwandika no kubara, kubaha ubufasha bukenewe nk'imyambaro (Bambaraga impuzu, inkanda n'impu) bakabasaba kuvanamo ubutega, ibikomo n'inigi bambaraga ku maguru, amaboko no mu ijosi ari naho havuye iri jambo **"Abahirika",** kuko uwabaga atabyambaye bamwitaga "umuhirika", kubaha ibikoresho by'isuku, ibirungo: nk'umunyu, kuko abanyarwanda b'icyo gihe bakoreshaga umunyu bitaga uwo muziko (gutumbika ivu ryo muziko ngo rivemo umusenyi ayo mazi bakayatekesha), Isabune kuko bamesheshaga ibyatsi,…

**Mu mwaka w'1922 hashingwa Misiyoni ya Rwankeri; naho mu mwaka w'**1923 hashyirwaho Ivuriro rya Rwankeri maze ritangira gukora kuko umurimo w'ivugabutumwa washyigikirwaga n'uburezi, Amavuriro no kubaka insengero. Mu myaka ibiri Henri Monier wari umenyerewe ku izina rya Munnyeri hari mu mwaka 1924 nibwo yabatije abakristo batatu ba mbere bo mu Rwankeri bari bamaze kwizera ubutumwabwiza yababwirizaga. Abo ni: 1.Petero Rukangaranjuga, 2.Yohana Ruvugihomvu, 3.na Mariya Nyirabigwagwa baba abizera ba mbere bo mu Rwankeri. Ku itariki ya 24/6/1929 Delhove yimuriwe muri congo atumweho bitunguranye. Nyuma yafashwe n'indwara ajyanwa mu bitaro bya Rutshuru, ku itariki ya 12/3/1949 nibwo yasinziriye aba yushije ikivi cye. Mu mwaka w'1931 nibwo habaye ishingwa rya misiyoni ya Ngoma bikorwa na Meter. Dr Sturges niwe wabaye bwa mbere umuyobozi wa mbere w'ibitaro bya Mugonero. Ku itariki ya 20/12/1933: habatijwe abakristo ba mbere aribo: 1.Petero Rukaranjuga na 2.Barinabasi Bisomimbwa. Umurimo w'ivugabutumwa wakomeje kwaguka kugeza ubwo hasohoye ijambo Kristo yavuze ati "Ibisarurwa bireze, musabe Nyirimyaka yohereze abasaruzi". Hari hakenewe abagabura b'abanyarwanda bo gufatanya n'abo bamisiyoneri ngo bihutishe umurimo. **Mu mwaka w'1,934 nibwo habonetse Abapasitoro 2 ba mbere b'abanyarwanda mu gihugu cyose ari bo:** 1.Daniel kagegera, na 2.Eliazari Semutwa.

Mu mwaka w'1936 habonetse bapasitoro 2 ba mbere bo mu Rwankeri berezwa ubugabura; abo ni: 1.Yohana Ruvugihomvu, 2.Paulo Rwangezeho biyongera kuri 2 bari barerejwe

ubugabura mu Rwanda. Mu mwaka w'1958 hatangizwa akanyamakuru k'itorero kitwa "Huguka, Ibihe bihibindi". Mu mwaka wi 1961 havutse Filidi eshatu ari zo: Rwankeri, Gitwe na Ngoma. Mu mwaka w'1965 havuka **Filidi ya Kigali** iyoborwa na Pasitoro Baraburiye.

Mu mwaka wi 1970 havuka **Filidi ya Butare** iyoborwa na Pasitoro Sebujisho. **Mu mwaka w'1984 ha**huzwa Filidi ya Ngoma, Rwankeri, Gitwe na Butare havukamo **Yunyoni y'u Rwanda** iyoborwa na Pastoro Peck R.G. w'umuzungu; yari ifite abizera 142,381, Musaza Natanayeli aba umunyamabanga nshingwabikorwa, SERAYA MBANGUKIRA aba umubitsi, Ntabana Onesphore we aba umubitsi. Mu mwaka w'1993 Filidi zisubira kuba eshanu. Iya Kigali iyoborwa na Pr. Sembeba, Amajyaruguru iyoborwa na Pr. Karekezi, Gitwe iyoborwa na Pr. Amon Rugerinyange, Ngoma iyoborwa na Pr. Elisafan Ntakirutimana. Mu mwaka w'1941 ni bwo urusengero rwa Rwankeri rwuzuye maze bararutaha. Mu mwaka w'1989 hatangizwa semineri ihugura ababwiririsha ubutumwa ibitabo ku Kimihurura iyoborwa na H. Skugensi, hatangizwa n'umushinga wo kubaka L.M.S (Leturature Ministry Seminer). ….. Uko umurimo warushagaho kugenda waguka, niko abizera bagendaga biyongera maze bisohoza ibyo Kristo yari yaravuze mbere gato yo kubambwa kwe ati: *"Ubwami bw'Imana bugereranywa n'umuntu ubibye imbuto mu butaka, akagenda, agasinzira, akabyuka nijoro na ku manywa, zikuze. Ubutaka bwimeza ubwabwo, ubwa mbere habanza kuba utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto. Ariko iyo imyaka yeze, uwo mwanya nyirayo ayitemesha umuhoro, kuko igihe cyo gusarura kiba gisohoye". **Mariko 4:26-29.***

Kuva muri Mata 2,011 Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda (Yunyoni y'u Rwanda) yibarutse amafiridi abiri yaje yiyongera kuri 5 yari asanzwe. Ayo mafilidi ni iy'Iburasirazuba bw'Urwanda (East Rwanda Field-ERF) ifite icyicaro mu Karere ka Kayonza mu mujyi na Filidi y'Amajyaruguru y'Iburengerazuba bw'u Rwanda (North West Rwanda Field-NWRF) ifite icyicaro mu Karere ka Rubavu mu Ntara y'

Iburengerazuba.

## Igice cya 4. IBIHAMYA BIVUGURUZA ABIYISE ABAGOROZI

*Ibi bihe turimo birahura neza n'amateka y'ubuhanuzi. Amateka yacu aragenda yisubiramo mu buryo buhura neza n'ibyavuzwe n'Umukiza wacu ubwo yavugaga at: **"Bazayobya n'intore niba bishoboka" Mat.24:24[b].** Kurikirana neza iyi nyandiko, urabona ubuyobe bukomeye bwitwikiriye kumwe mu kuri dutwaye nyamara inyuma yako hihishe Umurimbuzi kabuhariwe w'imitima. Muri uru rugendo rwo kujya mu ijuru twatangiye, Umwanzi wacu Satani yashyize inkomyi nyinshi mu nzira kugira ngo aturiganye, duhendwe ubwenge, dukererezwe cyangwa se abatabaye maso bagwe bateshurwe inzira y'ukuri twandikiwe izatugeza mu bwiza*

*twasezeraniwe. Ba maso mu buryo bwose kuko ibyo wita inyigisho z'ukuri, ushobora gusanga zivanzemo ikinyoma rurangiza cyakubuza ibyo waruhiye igihe kirekire.*

***Byavuzwe mu buryo bweruye n'Umuja w'Imana Ellen G. White mu mayerekwa ye menshi yanditse mu bitabo bye byinshi nko mu IBIHAMYA BY'ITORERO, vol. I, pp. 182 ati*** "Muri iki gihe hari urujijo mu Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Bamwe bavuye no mu itorero ntibafitanye ubumwe n'itorero. Kandi nibakomeza kuba muri iyo nyifato yabo, bazajya mu bishuko bya Satani, kandi bazagira umwuka w'ubwaka n'amafuti. Hari inyenyeri ziri kuzerera zivuga y'uko ari intumwa zatumwe n'Imana, kandi barigisha Isabato hirya no hino. Ariko igitangaje, baravanga ukuri n'ibinyoma." **T1, p.182.**

***IBIHAMYA BY'ITORERO, Vol.I, pp.189*** "Ariko umurimo w'Imana uzakomeza kujya mbere nta nkomyi. Nubwo hari ibihamya byinshi byerekana ko Uwiteka ayoboye ubwoko bwe, habayeho abantu kandi bazabaho mu gihe kiri imbere, bazaba bakomeza Isabato ariko bazaba bakorera hanze y'itorero. Kandi bazahitamo imyizerere yabo n'uburyo bazakora umurimo nabo." *Ubu ni ubuhanuzi bukomeye ku bice bisohoka mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa7 kandi byihamya ko ari byo biri mu kuri. Ntuhendwe ubwenge n'Umubi ngo akujyane mu nzira y'irimbukiro agushuka ngo uri mu nzira y'ukuri.* **T1, p.189.**

## VI. 1. AGENTS DES SATAN =ABAKOZI BA SATANI

**TEMOIGNAGE POUR L'EGLISE, Vol.II. P.37 « CHAPITRE: ADENTS DES SATAN »**

***ELLEN G. WHITE, IBIHAMYA BY'ITORERO Vol. II pp.37 "Abagabo baza bavuga y'uko bafite umucyo mushya, kandi bazaba biyita "ABAGOROZI" bazagira ingaruka mbi ku gatsiko k'abantu runaka bazaba bizera ibinyoma, kandi bazayoba muri iki gihe cyacu, kandi bazitwaza inyifato y'iby'Umwuka itari nziza iboneka mu matorero yacu. Hari imitima izaba irimo ikiranuka, imitima itaryarya, iyo mitima iri mu itorero ihora yifuza ko muri ryo habamo impinduka y'ibyiza; bakumva ko habamo iby'umwuka biri hejuru. Iyaba abagaragu b'Imana bareretse abo bana b'Imana ukuri kuzuye kandi kudatebye, bari kukwakira kandi bari kwihutira kumvira kuriya kuri. Ariko Satani uhora ari maso, ntabwo ajya avirira imitima ishakisha ijuru cyangwa ishaka Yesu. Hari igihe kigera umugabo akaza yiyise umugorozi, akaza imbere yabo nka Satani wihinduye nka Malayika w'umucyo igihe yasangaga Yesu, maze uwo muntu akabakura mu nzira y'ukuri." Ellen G. White, Temoignage pour l'Eglise, Vol. II, pp.37.***

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.228 "****Imana iranyuza ubwoko bwayo mu ishungura, irifuza kubabona batunganye kandi bera. Ntabwo dushobora gupima mu mutima w'umuntu; ariko Uwiteka yateguye uburyo bwo kurinda itorero ry'Imana. Ubwoko bwanduye bwarahagurutse kandi ubu bwoko ntibuzabana n'abana b'Imana. Aba bantu nubwo wabacyaha ntibabyemera, ntibashaka no gukosorwa. Babonye igihe gihagije cyo kwihana amakosa yabo, ariko banze kureka ubwibone bwabo. Babaye abibone (bahaze ubwibone) ku buryo batandukanye n'ubwoko bw'Imana (barasohoka) aribwo bwoko bwihariye. Dushimire Uwiteka ko yateguye inzira zo kurinda itorero rye.* ***Uburakari bw'Imana bwari kuza ku itorero ryayo iyo aba bantu batarisohokamo. (****Kuba barasohotse ni urukundo Imana ikunda itorero ryayo. Turashimira Imana ko aba bantu basohotse ).*

*Imitima itaryarya yayobejwe n'aba bahakanyi izākīra Abamalayika b'Imana kandi bazayimurikira. (Abantu bose bariyo bazamurikirwa; ab'imitima itaryarya kandi umugambi wabo ari agakiza gusa, bazamurikirwa n'umucyo w'ukuri maze bave muri ibyo bice byayobye bigasohoka mu itorero). Ntabwo abizera bacu bagomba gutinya (ngo bumve ko igikuba cyacitse ngo ni uko abo bagereranywa n'inkumbi basohotse mu itorero. "Ni amahirwe y'umunyabyaha kwifatanya n'itorero, ariko ryo ryajya mbere ritamufite").****Ellen G. White et le Don de Prophetie, pp.228.***

***ELLEN G. WHITE, INTAMBARA IKOMEYE, p.443 (Kiny.2007 Titre: IMITEGO YA SATANI:Les pièges des Satan).*** *"Hari itsinda ry'abantu biyita abakristo beza, mu cyimbo cyo gushaka kumenya ukuri, idini ryabo barihinduramo ubushakashatsi bw'amafuti aboneka mu mico y'abantu, cyangwa ibyaha mu myizerere y'abo badahuje ibitekerezo. Bene abo ni abafasha ba Satani. Abo barezi ba bene Data ntibagira ingano, bahora bakorana umwete, cyane cyane igihe Imana ikora n'igihe abagaragu bayo baje kuyiramya. Bagoreka amagambo kandi bagahindura ibikorwa byiza by'abakunda ukuri bakakumvira."* ***Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.443***

## IV. 2. KWIREMA IBICE GUTEWE NO KWANGA UKURI

Mu butumwa Kristo yasigiye abigishwa be hamwe « n'abazizezwa n'ijambo ryabo » Yoh.17:20-24, ni Ubumwe. Ubumwe ni cyo kimenyetso kizaranga itorero rye ryo mu bihe byose. Nta na rimwe yigeze yishimira ko mu bagize itorero habamo ibice no kudahuza amahame. Ni umugambi w'Umwanzi kutumvikana no kudahuza, kuko bizana intege nke nogusenya umurimo. Turahamagarirwa kuba umwe.

***ELLEN G. WHITE, PREMIERS ECRITS pp.69****"Tariki ya 7 z'ukwezi kwa 9 mu mwaka w'1850 i Oswego (New York), Uwiteka yanyeretse ko umurimo ugomba gukorwa n'ubwoko bwe niba bashaka kuzahagarara badatsinzwe mu ntambara y'umunsi w'Umwami. Neretswe*

*abiyitaga Abadiventisiti, ariko bakanga ukuri kw'iki gihe. Nabonye yuko bari barimo kwirema ibice kandi ukuboko k'Uwiteka kwari muri bo kugira ngo kubagabemo ibice kandi ngo kubatatanye,* ***nyamara kandi ubu turi mu gihe cyo kwihuriza hamwe.*** *Ibyo byabereyeho kugira ngo abameze nk'amabuye y'igiciro cyinshi bari muri bo kandi bakaba barashutswe, bahumuke amaso bamenye uko bameze. Noneho iyo intumwa z'Uwiteka ziberetse ukuri, baba biteguye kukwemera mu kwera kwako kose na gahunda yako, no kureka abo bafatanyaga mbere n'amafuti yabo kugira ngo bahagarare mu ruhande rw'ukuri".* ***Ellen G. White, Premiers Ecrits, pp.69***

## IV. 3. UBUTUMWA KU BANYALAODOKIYA (IBYAHISHUWE 3 :14-22)

***ELLEN G. WHITE, MESSAGES CHOISIS Vol.II pp.75-76*** **"Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe maze dusangire." Ibyah.3:20.** Umukiza ameze nk'umucuruzi ugendagenda kuri buri duka akomanga ku mitima y'abizera kugi ngo bakingure asangire nabo. Imana irayobora ubwoko bwayo. Ni abantu Imana yatoranyije ku isi. Ni itorero Imana yahaye ubutunzi bwose bw'ukuri ; yarihaye kubwira isi ukuri kw'iteka ryose. Imana irarihana kandi iraricyaha. Ubutumwa bw'i Laodokiya burareba Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bakiriye umucyo mwinshi ariko ntibawitayeho. Abantu bose birata ko bari kumwe n'Umukiza ariko ntibagendere mu bushake bwe bazarukwa. **Ubutumwa buvuga yuko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bari muri Babuloni cyangwa babaye Babuloni bukararikira abana b'Imana kurisohokamo, si ubutumwa buturutse mu ijuru, kandi si ubutumwa bukoreye mu gikoresho cyuzuye Mwuka Wera w'Imana** *(Uwo muntu wigisha atyo si igikoresho cyejejwe).* Ahubwo reba ibyo umuhamya ariwe Mwuka w'Imana avuga ati: ‵Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho n'umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane.″ Ndahana kandi ngacyaha. Yesu arifuza guha umugisha buri mwizera wese uzamukingurira umutima. Ntiyigeze yita itorero rye Babuloni, nta nubwo asaba abizera baryo kurisohokamo. Ibiri amambu (Ibinyuranye n'ibyo) aravuga ati: 'Ndahana kandi nkagira inama abankunda ngo bumve ubutumwa buri mu Byahishuwe 3:19'»

« Ndabisubiramo: Uwiteka ntiyigeze akorera mu gikoresho muntu kigaragaza ko itorero rikomeza amategeko y'Imana riri mu matorero agize Babuloni. Ni iby'ukuri koko harimo urukungu ruvanze n'amasaka. Ariko Yesu yavuze yuko azateranya Abamalayika bagakoranya imbuto nziza zigashyirwa mu kigega, urukungu rugatwikwa. *(Ibi bizaba ryari ?)* Nzi yuko

Uwiteka akunda itorero rye ; ntirikwiriye gucikamo ibice kandi ngo habonekemo udutsiko twigenga. Nta n'ikindi gisa n'ibyo ngibyo cyerekana ko ibyo bikwiriye kubaho. Abategera amatwi ubwo butumwa bupfuye , bakihatira kurandura abandi bizera mu itorero baribeshya, kandi bitegure n'ibindi bishuko kuko nibiza bazatsindwa. Abagize itorero bafite ubwibone, bafite gukiranuka kwabo kwihagije, bafite kutizera kudashobotse, nta nubwo bashaka kuva ku bitekerezo byabo bipfuye. Nubwo babereka ko ubuhamya bw'i Laodokiya ari ubwabo, ariko mureke urukungu rukurane n'amasaka kugeza igihe cy'isarura. Abamalayika ni bo bazitoranyiriza.

Ndararikira Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi kuba maso mu buryo bakira ubutumwa bushya, n'abantu bazaza bavuga ko bafite umucyo mushya; ubarebye inyuma mu buryo bugaragara, umurimo wabo gusa ni ukurega no gusenya, bene Data muzagire amakenga. Ntutere intambwe n'imwe mu nzira wari ugiyemo *(kubasanga wibwira ko ari bo bari mu kuri ukabarutisha itorero ryasigaye n'ukuri ryigisha ni ubuyobe) ».**Ellen G. White, Messages Choisis, Vol.II, pp.75-76.***

***EVENEMENTS DES DERNIERS JOURS pp.45.*** «Uwiteka ntiyabahaye ubutumwa bwo kwita Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi Babuloni, no guhamagarira ubwoko bw'Imana kubasohokamo. Impamvu zose mushobora gutanga ni ubusa imbere yanjye, kuko Uwiteka yampaye umucyo usobanutse urwanya ubutumwa nk'ubwo ngubwo…Nzi yuko Imana ikunda itorero ryayo. Ntirigomba kuvurungwa ngo ricagagurwemo uduce duto duto twigenga. Icyo gitekerezo nta kuri na guke kukirimo; nta gihamya na kimwe cy'uko icyo kintu kigomba kubaho ».***Evenements des Derniers Jours, pp.45.*** **(1893).**

## IV. 4. BABULONI YO MU BYAHISHUWE 18 NI IYIHE?

***ELLEN G. WHITE, MESSAGES CHOISIS, vol.II, pp.76-78*** **«** Hanyuma y'ibyo mbona Malayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati: 'Iraguye iraguye Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga nawo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi[c] bw'ubutunzi bwawo no kudamarara'. Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti: 'Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya nawo, mwe guhabwa no kubyago byawo…» Ibivugwa mu bice byose bivuga kuri Babuloni yaguye, byerekeje ku matorero azaba yaranze kwakira ubutumwa bw'Abamalayika batatu bwo mu *Byahishuwe 14:6-12.* Bahisemo ibinyoma mu cyimbo cy'ukuri, banze ubutumwa bw'ukuri kugenewe kubarokora *2Abatesalonike 2:1-12.*

Ubutumwa bwo mu Byahishuwe18 buragaragara kandi burasobanutse ngo: 'Kuko yateretse amahanga yose inzoga' Ibyahishuwe 18:3. Birahagije gusoma icyo gice ushishoza kugira ngo utaza kwibeshya. Mbese ni byishimo ki Satani agaragaza iyo abashije kuvangira ubutumwa bw'ijuru, maze akavuga ko ubutumwa buvuga ibya Babuloni bwerekeye ku bwoko bw'Imana yagize ikigega cy'amategeko yayo !

Inzoga ya Babuloni ni ukwigisha no kwerereza isabato y'impimbano (Icyumweru, hamwe n'ikindi kiruhuko kinyuranije n'itegeko rya4), mu cyimbo cy'Isabato Imana Yehova yejeje ikayiha umugisha kugira ngo umuntu ayiruhuke (Itang.2:2,3). Na none n'amahame avuga ibyo kudapfa kwa roho. Ibyo byaha biva inda imwe nk'ibindi bisa n'ibyo, bihindura itorero Babuloni." ***M.C, vol.II, p.77,78.***

Birahagije ko abizera basoma ibyahishuwe igice cya 18 kugira ngo batazibeshya. Inzoga z'i Babuloni zigaragazwa n'ingingo 2:

1) Ni ukwerereza isabato y'impimbano (Itegeko ry'icyumweru) hejuru y'Isabato y'ukuri (y'umunsi wa karindwi ngaruka-cyumweru) Imana yahiriye, yejeje ikayiha umugisha, maze Ikayiha umuntu ngo imwibutse Umuremyi we.

2) Ni ukwizera ukudapfa kwa roho. Iyo abantu bizera ukudapfa kwa roho, kuvugana n'ababo bapfuye, kubasabira no gusabirwa nabo ndetse no kwizera ko abapfuye bakiranuka bahise bajya mu ijuru kwa Jambo (Ko abapfuye bakiranuka ari Abatagatifu), kwizera ko uwapfuye yitabye Imana, ngo aratashye, ngo afashe igare rye n'ibindi bivugwa muri ubwo buryo. Ibyo binyoma byombi iyo bihuriye hamwe: kwizera ko roho idapfa no kuruhuka icyumweru nk'itegeko shingiro ry'idini, ibi binyoma iyo biri kumwe ugashyiraho no kwanga ukuri, nibyo bihindura itorero Babuloni. Noneho twibukiranye ko mu byahishuwe 17:5 havuga indi ngingo yo kumena amaraso y'abera b'Isumbabyose (Akarengane k'abera). Ni hehe kandi ni ryari ibi byahinduwe amahame agenga Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi?Inshingano yacu ni ukugendana n'Imana twiyoroshya …………………..

## IV. 5. ITORERO RY'IMANA SI BABULONI

*Hari abigisha ko itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi, Itorero ryasigaye, Itorero ry'Imana nzima ngoryanze umucyo mu mwaka w'1888 ubwo habwirizwaga ubutumwa bwo Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera i Miniapolisi, ngo nibwo ryaguye maze rihinduka Babuloni. Ababibwiriza batyo baribeshya cyane; kandi Uwiteka si We wabatumye. Mubime amatwi kuko izo nyigisho ntaho zihuriye n'ibi byanditswe byera. Niba itorero ryaraguye mu mwaka w'1888, mu mwaka w'1893 nyuma y'imyaka itanu Ellen G. White akandika ko*

*ritazigera riba Babuloni, we yari muri he? Ese Ellen G. White we yari yararisohotsemo ko ryari ryabaye Babuloni? "Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi si Babuloni" Iki gihamya baragihindanya kuko kibatsinda, bakavuga ngo yavugaga ab'icyo gihe. Ni ikinyoma.*

*Ese ko abahanga muby'ubumenyi bw'ikirere bavuze ngo "isi izenguruka izuba", ni iby'icyo gihe gusa? Ubu bwo ntizenguruka izuba?Hari igihe biteganywa ko izabireka igakora ibindi? Iyi ni indagihe idahinduka.*

***ELLEN G.WHITE, IBIHAMYA BY'ITORERO, Vol.II, p.413 (1893)*** **"**Mu myaka myinshi nigishije ko nihahaguruka abantu bavuga yuko bafite umucyo mushya, bagashaka gusenya ibyo Imana yubakishije abagaragu bayo bakiranuka, abo bantu bazaba bihuta, bazaba bihuta mu buryo bwuzuye; kandi ntabwo bazaba bakorana na Yesu. Abemera ko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni cyangwa se ko bagize uruhare muri Babuloni, ibyiza ni uko baceceka ntibongere kuvuga. Bongere bitonde neza, bamenye ubutumwa bukwiriye kuvugwa muri iyi minsi yacu. *(Ubutumwa bw'inama y'ukuri y'umugabo wo guhamya agira itorero rya Laodokiya ngo yakire imbaraga y'ububyutse n'ivugurura, yihane ihindukire. Ubutumwa bugarura itorero ry'Imana ku rufatiro si ubutumwa busohora abantu mu itorero).* Aho gukorana n'ibikoresho byo mu ijuru kugira ngo bategurire ubwoko bw'Imana gusanganira Umukiza wabo, bagiye mu ruhande rw'umurezi wa bene Se ari we urega abana b'Imana ku manywa na nijoro (Satani). Nubwo mu itorero harimo ibibi ndetse mu itorero ryo mu minsi iheruka, ibyo bibi bizakomeza kwiyongera kugeza ku mperuka y'ibihe. Nyamara itorero ryo rizakomeza kuba umucyo hagati mu isi yangijwe kandi imaze guhindanywa n'icyaha. Nubwo ari irinyantegenke kandi rikaba ridatunganye, rikaba rikeneye gucyahwa, kuburirwa, kugirwa inama, ni cyo gikoresho cyonyine Yesu ahanzeho amaso ye". ***Ellen G.White, Ibihamya by'Itorero, Vol.II, p.413 (1893).***

## IV. 6. "IKINTU KIMWE GUSA YESU AHANZEHO AMASO YE"

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.146.*** **«** Nubwo mu itorero harimo ibibi, ndetse mu itorero ryo mu minsi iheruka, ibyo bibi bizakomeza kwiyongera kugeza ku mperuka y'ibihe. Rizakomeza kuba umucyo hagati mu isi yangirijwe kandi ikomeje guhindanywa n'icyaha. Nubwo ari irinyantege nke, rikaba ridatunganye, rikaba rikeneye gucyahwa, kuburirwa, kugirwa inama, ariko nicyo gikoresho cyonyine Yesu ahanzeho amaso ye. Nta hamagara rizigera ribaho ryo gusohora abantu mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi. Uwiteka yohereje ubutumwa bw'umucyaho n'umuburo kandi bwagize umurimo wabwo, ariko nta butumwa twahawe buvurunga itorero. Nta buhanuzi bwigeze buvuga ko

Abadiventisiti ari Babuloni kandi ko ijwi rirenga rirarikira abana b'Imana kurisohokamo, kuko iyo si yo nama y'Imana kuri Isirayeli y'ubu.

Nta nubwo abizera bakwiriye gushidika ngo bibwire ko umurimo uzatsindwa. Imana iri ku buyobozi bw'umurimo wayo (Inzego z'ubuyobozi bw'itorero zo hejuru: Field, Union, Division, General Conferance).

Byose izabishyira kuri gahunda; Imana nibona hari ikintu gikwiriye gukosorwa mu buyobozi bw'umurimo, Izabitekerezaho kandi Izakosora ibitameze neza byose, abizera tugire ibyiringiro, Imana izayobora ku cyambu ubwato buhetse ubwoko bwayo». ***Ellen G. White et le Don de Prophetie, pp.146.*** **(1893).**

***ELLEN G. WHITE,MANUSCRITS, pp.20,21.*** Uwiteka ntiyagize Ellen G. White umucamanza cyangwa umunyamategeko nka Mose, nta nubwo ari umuyobozi w'ubwami nka Dawidi, ahubwo yari umwigisha ukomeye muri Isirayeli. Yari ameze nka Samweli kandi yari umugorozi ukomeye nka Eliya ; yari intumwa y'Imana ikomeye nka Yohana umubatiza. Atanga ubuhamya ati «Nihaniye muri iri torero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi mfite imyaka17 y'ubukuru. Naje kenshi mu materaniro ya William Miller wari ufite imbaraga nyinshi n'ubushizi bw'amanga. Nemezwa n'Umwuka w'Imana kuva mu itorero ry'Abametodiste. Ariko mbonye gahunda y'iri torero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ndavuga nti «Naho rwaba urupfu cyangwa ikindi kintu cyose, ntacyankura mu itorero ry'Imana (Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi). Ahubwo niteguye kurisinziriramo cyangwa nkarimeneramo amaraso». ***Ellen G. White,Manuscrits, pp.20,21.***

***ELLEN G. WHITE, REVIEW AND HEARALD, FEBRUARY 21, 1902*** « Umuntu wamenye iri torero ahangaye kurivamo aba yigerezaho. Ni uguta ubugingo ugana urupfu. Birumvikana ko mu itorero hashobora kubamo abayobozi gito, nyamara UmwamiYesu atubuza kubacira urubanza no kubatunga urutoki, agira ati 'Mwumve ibyo bababwira mubikurikize, ariko mwirinde imigenzo yabo'. Neretswe ko ku isi tutazahabwa Malayika ngo aduhagarare imbere atubwirize. Tuzabwirizwa n'abanyantege nke n'abakora bimwe nkatwe. Nyamara ijambo ry'ubugingo batubwiriza, nitubasabira aho kubahunga no kwikakaza twigira beza bo tubita babi, rizatwezanya nabo. Naho guhunga umunyabyaha ni umuco w'Umwanzi kugira ngo aducemo icyuho tudahinduka impumuro itera bagenzi bacu gukirizwa mu ijuru.»***Ellen G. White, Review and Hearald, February 21, 1902***

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.182 (1941)*** **« Nyuma y'urupfu rw'umugabo we rwabaye mu mwaka w'1881, Ellen G. White yagiye mu nama nyinshi za Field, n'ibigo ariko ntiyigeze atorwa ngo abe umuyobozi mu bayoboraga itorero**

**ry'Imana. Ntiyarekeyaho no gutanga inama ze ku itorero, ntiyarekeye aho no gushyigikira za Field ndetse n'abayobozi bazo.**

**Umugabane w'icya cumi we wahoraga ushyigikiye ababwiriza bari mu murimo ushyikirizwa abayobozi ba Field ngo ufashe ababwirizabutumwa mu nshingano zabo.** Yabaye umwizera mwiza mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi kugeza igihe yapfiriye ku itariki ya 16 Nyakanga 1915 ». ***Ellen G. White et le Don de Prophetie, p.182 (1941).***

***ELLEN G. WHITE, INAMA ZIGIRWA ITORERO, Vol.I, p.20,21*** "Nyuma y'imyaka ine Madame White asubiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, afite imyaka 63 y'ubukuru, yitaba guhamagara kw'Inteko Nkuru Rusange (General Conferance), afata ubwato ajya muri Ostrariya. Yabayeyo imyaka icyenda afasha mu byo guhanga no gukomeza umurimo, cyane cyane mu by'Uburezi n'Ubuvuzi…'' 'Ubwo Madame White yari amaze imyaka 81 y'ubukuru yahuranije igihugu kinini cya Amerika ubwa nyuma ajya mu iteraniro ry'Inteko Nkuru Rusange mu mwaka w'1909. Imyaka 6 yari isigaye y'ukubaho kwe yayimaze asoza inyandiko ze. Ageze ku musozo w'ubuzima bwe, Madame White yanditse aya magambo, 'Ubugingo bwanjye niburamuka bubayeho cyangwa butabayeho, ibitabo nanditse bizakomeza bivuge, kandi umurimo wabyo uzakomeza ujye mbere kugeza ku mperuka.' Madame White yaguye iwe ku munsi wa 16 Nyakanga 1915, apfa afite ubutwari budacogora kandi yiringiye umucunguzi we, maze ashyingurwa iruhande rw'umugabo we n'abana be mu irimbi ry'i Oak Hill, i Battle Creek, Michigan. **Madame White yashimwaga kandi akubahwa n'abakozi bagenzi be n'itorero, n'abo mu muryango we kuko yari umubyeyi witanze kandi yari umukozi w'umunyamwete, w'inyangamugayo, ukorera idini adacogora. Yerekanye ubwe yuko ari intumwa, ifite ubutumwa bw'Imana bwo kubwira ubwoko bwayo…». *Ellen G. White, Inama Zigirwa Itorero, Vol.I pp.20,21.***

## IV. 7. IBIRANGA ABĀKA

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp. 227.***"Abāka bo mu itorero ntibazatera abo hanze, *(mu yandi madini)* ahubwo bazatera itorero ry'Imana kandi ari cyo gikoresho cy'Imana ku isi yose kizakiza abantu. Uko niko umurimo wa Satani uzakorwa, ari we murezi wa bene Data. Umuntu wese uzinjira muri uwo murimo w'abāka, icyo azakora gusa ni ukurega; ntibazigera baba abubatsi b'itorero, yemwe ntibazigera bakiza n'umukumbi w'Uwiteka (*Abatawukiza barawusenya*)." ***Ellen G. White et le Don de Prophetie, pp. 227.***

***IBYADUKA BYO MU MINSI Y'IMPERUKA pp.59*** *UBUHAMYA*

*BW'UMUHUNGU WA MADAME WHITE YATANZE KU ITARIKI YA 23/05/1915*. "Nabwiye Madame Rinda Scott (uyu ni umugore wavugaga ngo Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi rizagwa basimburwe); uburyo mama yabonagamo inararibonye y'itorero ry'Abasigaye kandi namumenyesheje iby'inyigisho ye mu buryo budakebakeba ihamya ko Imana itari kuzigera yemera ko iryo torero ryagwa mu buhakanyi mu buryo bwuzuye kugeza ubwo havamo irindi torero rishya ryabyutsa umutwe." ***Ibyaduka Byo Mu Minsi y'Imperuka pp.59.***

***N'ABAPASITORO BATEJEJWE BAZAKURWAMO(IBYADUKA BYO MU MINSI Y'IMPERUKA, p.180,181)*** **Babihinduye nabi.** "Igikorwa gikomeye cyegereje ishyirwaho ry'amategeko ahatira abantu kuruhuka ku cyumweru, kizakuramo abo Uwiteka atatoranyije kandi azaba afite umurimo ukorwa n'abakozi baboneye b'ukuri, bejejwe, bateguriwe gusukirwa imvura y'itumba ». ***Ibyaduka Byo mu Minsi y'Imperuka, p.180,181.***

***ELLEN G. WHITE, EVENEMENTS DES DERNIERS JOURS (2004)pp. 136.***

**Titre: «N'abapasitoro batejejwe bazakurwamo ».** "Igihe gikomeye kiri imbere yacu. Agahato ko kuruhuka icyumweru kazakuramo abantu bose Imana itatoranyije, kandi Imana izasigarana umubiri wa Gipasitoro w'ukuri, wejejwe, kandi bazaba biteguye kwakira imvura y'itumba". *Urwango abasohoke banga abapasitoro ruva he kandi bemewe?*

***ELLEN G. WHITE, IBIHAMYA BY'ITORERO, Vol.IV, pp.232-233***« Ariko Imana ntizigera ikuraho ibitera umuntu gushidikanya byose. Abikundira guhora bashidikanya, bakibaza ibibazo bituma batizera, bafite ingorane abandi batifuza kugira. Imana itanga ibyemezo bihagije byo kunganira uwo ari we wese ushaka kwizera. Ariko rero umuntu utemera ibyo byemezo bitewe n'uko hari ibintu bimwe na bimwe adasobanukiwe, ashidikanyaho, azakomeza ashidikanye areke kwizera ». ***4T. pp.232,233.***

***ELLEN G. WHITE, IBAHAMYA BY'ITORERO, Vol.II, pp. 421-422*** "Imana ifite ubwoko bwayo hano ku isi ijuru ryose ryishimira, kandi ibuhozaho imbabazi zayo. Usoma aya magambo wese akwiriye kwitonda; kuko ni mu izina ry'Umucunguzi wacu Yesu nshaka kuyashyira mu mutima wa buri wese. Nihagira umuntu wese nubwo yaba aturutse mu itorero imbere, cyangwa hanze y'itorero, agahagurutswa no kugenda avuga ko………………..

## IV. 8. ESE KOKO IBYIGISHO BY'ISHURI RYO KU ISABATO (AMIGISHO) NI IBIKERI BYO MU EGIPUTA NK'UKO BIVUGWA MU BIREGO BYABO?

*Mu birego abiyise abagorozi barega itorero ry'abadiventisiti b'umunsi wa karindwi basohotsemo, harimo no kuvuga ko "Ibyigisho by'ishuri ryo ku isabato (byahoze bizwi ku izina ry'amigisho), ngo ari ibikeri byo mu Egiputa". Ese ibyo bavuga ni ukuri?*

*Igisubizo ni oya! Baribeshya, bakabeshyera inyandiko za Ellen G. White bazivugisha ibyo atavuze, bitari no mu mugambi w'Imana, bakirengagiza n'indi nk'iyi ivuguruza ibyo binyoma byabo bigisha abatarasomye. Ibyo bibagaragaza koko ko ari abigisha b'ibinyoma badutse.*

***ELLEN G. WHITE, IBIHAMYA BY'ITORERO, vol.II, pp.651*. <u>Titre: ECOLE DU SABBATH</u>:** Handitswe ngo: "Babyeyi, n'abana banyu mukwiriye gutanga igihe mukiga ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato (Amigisho). Mwigomwe niba haje n'abashyitsi kugira ngo muzige bya byigisho. Ababyeyi n'abana bazabona umugisha mu kwiga biriya byigisho; bazafate mu mutwe ibice bya Bibiliya biri mu byigisho by'ishuri ryo ku Isabato (Amigisho) bitari nk'itegeko, ahubwo ni inshingano ya buri mwizera wese."

**<u>Madame White yeretswe ibyo kugura amigisho</u>. *IBIHAMYA BY'ITORERO, vol.II, pp.654*** "Ariya mafaranga akusanywa buri gihembwe muri uriya murimo w'ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato yagize umumaro ukomeye mu murimo w'ivugabutumwa; turashimira Imana ko Ishuri ryo ku Isabato ryatumye umurimo ujya mbere nk'uruganda rukora cyane. Abasore n'abakuru batanze amafaranga yabo, ayo mafaranga amera nk'udusoko dutoya, maze birema uruzi rw'ibyiza. Abana bacu bakwiriye kwigishwa muri ubwo buryo bwo kujya bagura ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato. *(Buri mwizera akore commande ye, iy'uwo bashakanye, iy'umwana we (k'umufite), iy'umubyeyi we, inshuti ye ndetse n'uwo agomba kwigisha iby'iyi nzira ya Gikristo)."*

***MANUSCRITS D'ELLEN G. WHITE pp.18,19*** "Mu mwaka w'1863, neretswe ko hagomba kubaho gahunda ikurikira, ikaba aribwo busobanuro bw'itorero:

- Igicaniro cy'ab'umuryango
- Ubuyobozi bw'ishuri ryo ku Isabato
- Gahunda yo kuramya
- Amateraniro ya nyuma ya saa sita iyo hari ibyigisho byateguwe
- Abadiyakoni n'Abadiyakonikazi
- Abakuru b'Itorero
- Pasitoro w'Itorero rimwe cyangwa menshi werejwe ubugabura

- Field (Filidi) ibumbiye hamwe amatorero menshi
- Yunyoni igizwe n'amafilidi
- Diviziyo igizwe na za Union
- Inteko Nkuru Rusange (General Conferance) igizwe na za Division

Malayika arambwira ati "Izi nzego ni ngombwa mu itorero ry'Imana kandi nta ruri munsi y'urundi kuva ku rwa mbere kugeza ku rwa nyuma, zose zirareshya. Ab'umuryango ntibagomba kugira ubumuga bw'iby'Umwuka, bagomba kuba bazima, kumanywa na nijoro bagasengera Umuremyi mu rugo rwabo.

Imiryango myinshi imeze ityo niyo ihurira ahantu hanoganijwe kugira ngo bahuguzwe ijambo ry'Imana mu by'Umwuka. **Iryo teraniro ry'imiryango myinshi riyoborwa n'umukuru w'ishuri ryo ku isabato** kuva saa 9h30-10h45. Abadiyakoni baba bakubita hirya no hino bareba icyahungabanya iteraniro cyose: Uburwayi, abana barira cyangwa banyaragurika (Kunyuranyuranamo kw'abana), abashyitsi,… no kuboneza aho iteraniro ryo ku sabato n'ikindi gihe ari ngombwa ko ribera."

***ELLEN G. WHITE, THE ACTS OF THE APOSTLES, p.90*** "Ku byerekeranye n'abagabo barindwi batorewe ubudiyakoni mu gihe cy'Intumwa dusoma mu Byakozwe n'Intumwa 6:1-8, tubwirwa ko bamaze gutorwa berejwe gukora imirimo mu itorero. Ariko guhamagarirwa umurimo w'ubudiyakoni, byari birimo n'indi mihango irenze iyakorwaga mu itorero rya Gikristo ryakuraga vuba vuba. Abadiyakoni bashyiriweho kugira uruhare rukomeye mu murimo w'Imana, umurimo usaba ububasha n'ubushake biri munsi ho gato y'ibishakwa ku Mukuru w'itorero (Reba 1Tim.3:8-13). Ku byerekeranye n'uko abo bene Data berejwe umurimo udasanzwe wo kwita ku bakene, ntibyari bikuyeho kujya bigisha abandi kwizera kwabo. Ahubwo bari bakwiriye kwigisha abandi ukuri hamwe n'umurimo bari bafite wo kurinda umutekano mu itorero". ***Ellen G. White, The Acts of the Apostles, p.90***. "Sitefano uwarenganijwe mbere y'abandi bakristo na Filipo waje guhamagarirwa kuba "Umubwirizabutumwa", bari bari muri abo badiyakoni batoranijwe mu itorero rya gikristo (Ibyak.6:5; 8:5-26; 21:8)"***INDONGOZI p. 71***

***ELLEN G. WHITE,THE ACTS OF THE APOSTLES, p.89*** "Iyi gahunda yari iyobowe n'Umwuka w'Imana, yeze imbuto zatumye itorero rijya mbere mu kubaka umurimo w'ubutumwa mu itorero rya mbere. Gutorwa kw'abo bagabo barindwi bagashingwa ibikorwa byo mu Itorero byarizanyemo umugisha ukomeye. Abo bayobozi bitaye cyane kubyo buri mwizera yabaga akeneye kandi bakarinda umutungo w'itorero, kubwo gukorana ubwitonzi

kwabo n'icyitegererezo cyiza batangaga byabaye ubufasha bukomeye ku bayobozi bagenzi babo, bakorera hamwe kandi mu bumwe bwuzuye". ***The Acts of the Apostles, p.89***

***ELLEN G. WHITE,THE ACTS OF THE APOSTLES, p.93*** "Gushyiraho abadiyakoni mu itorero ryo muri iyi minsi binyuze mu matora bizana amahirwe atangaje mu buyobozi bw'itorero bikorohereza abapasitoro, abakuru b'itorero, n'abandi bayobozi b'imirimo itari imwe, ikorwa n'abadiyakoni. Igihe n'imbaraga by'abo bantu babaga batowe kubw'ubushake bw'Imana kuyobora inshingano zimwe mu itorero, bikwiriye gukoranwa ubwitonzi n'ubwitange hamwe n'ubwenge ndetse bigakoranwa umutima w'ubushake. Si imigambi y'Imana yuko izo ntumwa zikora imirimo mito mito mu itorero mu gihe hari abandi bari bakwiriye kuyikora". ***Ellen G. White,The Acts of the Apostles, p.93***

**IBYO UMUDIYAKONI ATEMEREWE GUKORA N'IBYO YEMEREWE GUKORA NI IBIHE?**

**Umudiyakoni ntiyemerewe kuyobora:** Umudiyakoni nta bubasha afite bwo kuyobora umuhango uwo ari wo wose mu itorero, nko gushyingira, … Ntashobora kuyobora umuhango uwo ari wo wose w'itorero, habe no kuba yayobora umuhango wo gutanga no kwakira abizera b'itorero. Aho itorero ridafite ushobora kuba yayobora iyo mihango yose, itorero risaba Filidi ubufasha. Imirimo y'abadiyakoni:

**Inshingano z'Abadiyakoni zigizwe n'izi ngingo zikurikira:**

1. Gufasha mu mirimo yose no mu materaniro:

Mu materaniro yo kubwiriza,abadiyakoni bashinzwe kwakira abizera n'abashyitsi mu gihe binjira mu rusengero, bakababafasha uko bashoboye kose kubabonera ibyicaro. Kandi bahora bari maso, biteguye gufatanya na Pasitoro hamwe n'abakuru b'itorero kurinda umutekano mu rusengero.

2. Gusūra abizera:

Umurimo w'ingenzi kandi ukomeye w'abadiyakoni, ni uwo gusura abizera mu ngo zabo. Mu matorero menshi, ibyo bitegurirwa mu nama yo kugabanya ibihande by'abizera, igihande cyose bakagiha umudiyakoni, biringiye ko azasura urugo rwose nibura nka rimwe mu gihembwe.

3. Gutegura gahunda y'Umubatizo:

Abadiyakoni bakwiriye gukora uruhare rwabo mu gutegura ibikenewe byose muri uyu muhango, aho ntihazaba ubwumvikane buke cyangwa gukereza imirimo.

4. Gufasha mu gihe cy'ifunguro ryera:

Mu gihe cyo kwibuka umuhango wo kwozanya ibirenge, abadiyakoni n'abadiyakonikazi bategura ikintu cyose gikenewe muri uwo muhango, nk'ibitambaro byo kwihanaguza, amasahani yo kogeraho n'amazi (*Ibyo byose bikwiriye kuba bijyanye n'igihe*).

Nyuma y'uwo muhango bakwiriye kureba ko ibikoresho byose n'ibitambaro by'ameza byameshwe bigasubizwa mu bubiko bwabyo. Dukurikije ifunguro ry'Umwami wacu, dukwiriye kwitonda cyane mu gihe tubika umugati cyangwa divayi byasagutse mu gihe buri wese aba amaze gufata kuri icyo kimenyetso. Divayi yose yasagutse bamaze kuyisabira, ikwiriye kumenwa. Umugati wose wasagutse wamaze gusabirwa, ukwiriye gutwikwa.

5. Gusura abarwayi n'abakene:

Undi murimo w'abadiyakoni ukomeye kandi w'agaciro, ni ukwita ku barwayi, kumenya abakene no kwita ku batagira kivurira. Hakwiriye guteganywa amafaranga avuye mu mutungo w'Itoreroyo gukora uwo murimo wo gufasha abakennye. Umubitsi w'itorero, akurikije icyemezo cyafatiwe mu nama y'itorero, akwiriye guha abadiyakoni cyangwa abadiyakonikazi, amafaranga yo kurangiza ibyo bibazo. Uwo murimo ugenewe gusa abadiyakoni n'abadiyakonikazi, ariko n'itorero rigomba kumenyeshwa ubukene buri mu itorero kugira ngo abizera bajye batanga ubufasha.

6. Kurinda umutungo w'itorero:

Mu atorero amwe aho inshingano yo kurinda umutungo w'itorero, itashyizwe mu biganza by'inama y'inyubako, abadiyakoni nibo bagomba guhabwa iyo nshingano. ***Ahandi wabisanga INDONGOZI p.70-75***

## IV. 9.JEUNESSE ADVENTISTE DU SEPTIEME JOUR IZWI KU IZINA RYA J.A (=JIYA) NI IKI ? KOKO NI IGISIRIKARE?

***ELLEN G. WHITE,UBUTUMWA KU BASORE pp.5.*** "Mu mwaka w'1892 no mu mwaka w'1893, niho hatanzwe igitekerezo ko twashyira abasore bacu mu matsinda, kandi tukabashyira mu matsinda akora umurimo. Aho niho havuye ijambo 'Missionere volontaire de la Jeunesse (M.V), ariyo yaje guhinduka nyuma yitwa 'Urubyiruko rw'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi (***Jeunesse Adventiste du Septieme Jour, J.A)***'. Yabaye imbaraga ikomeye, kandi irinze mu bu buryo bukomeye cyane".

***ELLEN G. WHITE,EDUCATION pp.46(54).***Titre: **<u>AMASHURI Y'ABANA B'ABAHANUZI</u>**"Ayo mashuri umugabane wayo, kwari uguhagarikira gukwirakwira kw'inyigisho z'ibinyoma, maze bikazana iby'Umwuka mu itorero, bakazana n'iby'Umwuka mu rubyiruko, kandi hashimwe ko twahaye abasore bacu kuba ba CHEF na ba CHEF GUIDE. Kandi abo ba CHEF GUIDE bazakora mu cyubahiro cy'Imana. Muri uwo mugambi, niho Samweli yahurije urubyiruko rwera kandi rukiranuka rwose".

***ELLEN G. WHITE,RENGERA UBUZIMA pp.519 (Français) "Efeso 6:14-17*** 'Muhagarare mushikamye, mukenyeye ukuri mwambaye gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza mukwese inkweto nizo butumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza, kandi ikigeretse kuri ibyo byose, mutware kwizera nk'ingabo ariko muzashoboza kuzimisha imyambi yawa mubi yaka umuriro.

Mwakire agakiza kabe nk'ingofero,mwakire n'inkota y'umwuka ariyo Jambo ry'Imana.' Abasore n'abakuze bakwiriye kugira imyitozo ngororamubiri (akarasisi…) niba bitabangamiye iby'umwuka. Ntabwo abasore bacu bagomba kumera nk'abasaza, bagomba gukina bakishima bagaseka kuko ni kimwe mu nyigisho zo kwirinda. Hagati y'urugaga rw'abayoboke ba Kristo bateraniye gukina ibikino byo kugarura ubuyanja bwa gikristo, n'inteko y'ab'isi bateraniye kugira ibirori byo kwinezeza, haba itandukaniro rinini. Mu kigwi cyo gusenga no kuvuga ibya Kristo bizera kubirutisha iminwa y'ab'isi n'ibiganiro by'amanjwe. Akarasisi k'abasore bacu bagakorana uburyo bushimishije, nta rusaku, ntibabyina, nta nduru, ntibasengera rimwe nk'abasazi; ibyo bakora usanga bifite gahunda."

***UBUTUMWA KU BASORE pp.379*** **"**Ntidushobora gusaba abasore guhora batuje, bipfumbase nk'abantu bakuru cyangwa ngo umwana atekereze nk'abakuze. Igihe tubuza abasore kwinezeza no gukina nk'ab'isi ababyeyi n'abarezi bereke abasore imikino myiza, no kwinezeza kwiza bidashobora konona imico myiza. Ntimugahambire abasore ku mategeko akakaye no kubavutsa umudendezo. Bituma biyumva nk'abari mu gahato; bishobora gutuma bivumbura bakajya mu bidatunganye bikazabarimbuza. Abasore si abasaza bagomba gukina kandi bakishima." ***Ellen G. White,Ibihamya by'Itorero, pp.549-550.***

### IV. 10. IBIHAMYA BY'UMUSARURO DUSABA ABO TUDAHUJE KWIZERA (C.A.)

***KUVA 3:21-22*** **"**Kandi nzaha ubu bwoko kugirira umugisha ku Banyegiputa. Nimugenda ntimuzagenda ubusa, ahubwo umugore wese azasabe umugore w'umuturanyi we ndetse

n'umugore acumbikiye, ibintu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda mubyambike abahungu banyu n'abakobwa banyu, niko muzanyaga Abanyegiputa".

***KUVA 12:33-36*** **"**Abanyegiputa bagōmēra ubwo bwoko ngo babohereze bave mu gihugu vuba, kuko bavugaga bati "Turapfuye twese".

Ubwo bwoko bujyana amarobe atarotswa y'imitsima yabo, batarayasembura, ibyibo byo kuvugiramo bari babihambiriye mu myenda yabo bikoreye ku ntugu. Abisirayeli bakora ibyo Mose yari yababwiye, basaba Abanyegiputa ibintu by'izahabu n'iby'ifeza n'imyenda.

Uwiteka aha ubwo bwoko kugirira umugisha ku Banyegiputa babaha ibyo babasabye, banyaga Abanyegiputa".

*(Ubwoko bw'Imana ubwo bwavaga mu Misiri, ibi nibyo byababafashije mu rugendo rwabo, kandi nibyo bifashishije bubaka Ubuturo Bwera. Natwe turava mu isi tujya mu ijuru; nk'uko Abisirayeli basaruje ibibafasha mu murimo wari ubakomereye n'urugendo rurerure rwari rutaboroheye bumviye amabwiriza Imana yanyujije mu muyobozi wabo Mose, niko natwe abakumbuye Kanani yo mu ijuru tugomba gusanga abo tudahuje kwizera tukabasaba ku mitungo Uwiteka yabaragije ngo ikore umurimo w'Imana muri iki gihe, ngo uru rugendo rurerure kandi rutatworoheye rurangire twitahire iwacu mu ijuru 'ABAFILIPI 3:20').*

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.155*** **"**Mu ishyirwaho rya Gahunda y'umusaruro habonetse bene Data babirwanya bavuga ko abakristo bonyine aribo bagomba gutanga amafaranga y'umurimo w'Imana, ko ab'isi batagomba kubigiramo uruhare. Madamu White yaranditse ati: 'Igihe mwene Data A.t. Robinson na bagenzi be muri Afurika bahawe ikibanza gihwanye na za hegitari 4,856 aho bagomba kubaka Misiyoni, umwe mu ba Minisitiri ufite ingufu muri Amerika yavuze ko bibeshye bakanakora amafuti kubwo kwemera ibyo, kandi ko icyo kibanza kigomba kwishyurwa cyangwa kigasubizwa nyiracyo. Nuko ubutumwa buturutse mu ijuru bungeraho buvuga ko igihe bene Data bemeraga kuduha uwo murima bari bakoze neza cyane. Ubutaka ni ubw'Imana, kandi yabushyize mu biganza by'abantu bikorera. Iyo abo bantu bumvise baha Uwiteka ku bintu batunze kubwo kubikoresha umurimo w'Imana, tuba dufite ukuri ko kubyakira no kubikoresha umurimo w'Imana'".

## IV. 11. IBIHAMYA BY'AMATERANIRO MAKURU (CAMPS MEETINGS)

***ELLEN G. WHITE,ÉVÉNEMENTS des DÉRNIERS JOURS pp.142*** "Les confocation de l'Église, comme les CAMPS MEETINGS ou les rassemblements à l'Église rocale,…

Amateraniro yahamagajwe n'itorero, nk'amateraniro makuru 'Camps meetings', amateraniro y'iwacu ku itorero, hamwe n'ibihe byose bikorwamo umurimo w'umuntu ku giti cye wo gukiza imitima y'abantu, ni wo mwanya (sont autant de rendez-vous de Dieu) Imana iba yasezeranye guhuriramo natwe kugira ngo itange imvura y'umuhindo n'iy'itumba'' ***(ELLEN G. WHITE,T.M. pp.508 mu mwaka w'1897).***

***ELLEN G. WHITE,INAMA ZIGIRWA ITORERO Vol. I pp.28*** **"**Bamaze gutandukana bava mu iteraniro ryabo bari bibwiye ko ari ryo riheruka, haza inzandiko muri zo *Review and Herald* (Urwibutso n'Integuza). Mu mugabane wandikwamo ingendo hari itangazo rivuga y'uko Umukambwe na Madame White bazaba bari i Bushnell bateranya amateraniro ku munsi wa 20 w'ukwezi kwa Nyakanga mu mwaka w'1867. Ubwo hari hasigaye icyumweru kimwe gusa. Atuma abana guhamagara abantu bari bamaze gutaha bagambiriye yuko hakwiriye umuntu uringaniza ahantu mu gashyamba kandi yuko bose bakwiriye kurarika abaturanyi babo cyane cyane abakristo basubiye inyuma.

Ku Isabato mu gitondo ku munsi wa 20 w'ukwezi kwa Nyakanga, umukambwe na Madame White bagera mu gashyamba aho abantu 60 bari bateraniye".

## IV. 12. ESE KUBAKA INSENGERO ZO GUTERANIRAMO BIREMEWE?

***ELLEN G. WHITE,SERVICE CHRETIEN pp. 420-421*** **«** Igihe umurimo watangijwe mu mujyi, ugomba gukurikiranirwa hafi. Mugomba gukora aho hantu kugeza ubwo HAZUBAKWA URUSENGERO RWIZA RW'INTANGARUGERO ruzaba urwibutso n'igihamya cy'Isabato y'Uwiteka, umucyo umurika mu mwijima w'ibitekerezo. Urwo rwibutso (URUSENGERO) rugomba kuboneka ahantu henshi. Imana mu rukundo rwayo yifuza ko ubutumwa bwiza bwagera mu bihugu byose, mu mahanga yose, amoko yose, indimi zose, kugeza ubwo ukuri kuzashinga ibirenge mu migabane yose y'isi ituwe. **Ahantu hose habonetse agatsiko k'abantu bishyize hamwe b'abizera kandi basenga, hagombye kubakwa urusengero**.

Ababwiriza bahafunguye umurimo ntibakagende batahubatse urusengero. Ahantu henshi ubutumwa bwabwirijwe, ababwakiriye ni abantu b'abakene batari abakungu ku buryo ibyo bashobora gukora ari bike ngo umurimo ujye mbere kandi ngo ukorwe mu buryo bushimishije. Akenshi ibyo bikomerera umurimo kandi bigatuma utāguka. Igihe abantu bashishikariye kumenya ukuri, abapasitoro b'ayandi madini baravuga, nuko n'abayoboke babo bakabyungamo bati : 'Aba bantu ntibagira urusengero, ntibafite aho guteranira, ni abantu b'abakene kandi b'injiji'. Nuko ababwiriza basubirayo ntihagire n'umwe wita ku butumwa bwabo, nuko bakareka inkuru nziza y'Umukiza batyo.

Mbese ntidukwiriye kwibaza ko ibyo ari impamvu y'ukuri kandi ikomeye ituma abantu bari bemejwe n'Umwuka w'Imana ko turi mu kuri banga ubutumwa bwacu? Mu buryo runaka, igihe itorero ridashoboye kwizamurira urusengero ngo rirwuzuze, bene Se bo mu yandi matorero akomeye, bagomba kurigoboka. Binaniranye, ibyiza ni uko ryakwiguriza **(GUFATA INGUZANYO)** aho guhagarika kubaka.

Niba umuyoboke waryo afite amafaranga menshi, yamara gutanga ayo agomba gutanga akabona ashobora kuguriza itorero, atazaryaka inyungu; cyangwa n'ubwo yakwaka inyungu ariko ikaba idakabije, nibafate ayo mafaranga bayakoreshe kugeza ubwo bazamara kuzuza inzu y'Imana (Urusengero). »

***ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA BY'ITORERO Vol.I pp.71-72*** "Bamwe mu bantu Imana yahaye umutungo bibwira ko bagomba kuwukoresha uko bashaka no kwiyubakira amazu yabo y'ibitabashwa (Ahenze cyane), cyangwa amazu meza cyane yo kubamo. Nyamara iyo bababwiye kubaka inzu yo gusengeramo Ihoraho Ituye ahirengeye ho mu Ijuru ikaba yicaye ku ntebe y'iteka, ntibabona ko ari iby'agaciro gusubiza Imana ibyo yababikije.

Mu gihe twagombaga kubakira Imana urusengero rwiza kandi rukomeye, hari benshi bumva ko ntacyo bakora, bavuga yuko ayo mafaranga aba asesaguwe. Nyamara kubw'uwo mutima mubi, amaturo yabo nta gaciro agira mu maso y'Imana. Imana ntiyemera amaturo yabo asanzwe (Batura mu minsi yo guterana). Neretswe ko byaba byiza cyane abantu baramutse bubakiye Imana aho isengerwa inzu nziza kuruta uko biyubakira amazu yabo yo guturamo.

Ibitambo n'amaturo by'abana b'Isirayeli byagombaga kuba bidafite inenge cyangwa ikizinga. Bagombaga gutanga itunganye yo mu bushyo kandi buri muntu yagombaga kwizanira irye tungo. Umurimo w'Imana ugomba kujya mbere ukāguka. Niba mwubakiye Uwiteka inzu ntimuzamucumureho mumuzanira amaturo adashyitse ngo mumwubahuke. Muzanire Uwiteka ibyo mubona bibabereye byiza kandi yishimiye. Aho mwubatse urusengero hagomba kuba hakomeye kandi ari heza. Bamwe bibwira ko ibyo ntacyo bimaze byo gukurikiza amabwiriza yo kubaka, bavuga ngo igihe cy'imperuka kigeze hafi kandi ngo iherezo rya byose riri bugufi. Muri ubwo buryo (Muri iyo mivugire), bagombye gukora batyo no mu mishinga yabo y'isi, no mu mishinga yo kwiyubakira ayabo mazu yo guturamo».

***ELLEN G. WHITE,PROPHETS AND KINGS, p.50*** **«**Nubwo Imana itaba mu nzu zubatswe n'amaboko y'abantu, nyamara yubahisha abantu bayo kubana na bo mu materaniro. Yasezeranye ko igihe cyose bazaba baje bayishaka, bimenyeho ibyaha kandi basabirana, izabana nabo mu buryo bw'Umwuka Wera. Nuko rero abateranijwe no gusenga Imana,

bakwiye kwitandukanya n'igisa n'ikibi cyose. Iyo badateranijwe no gusenga mu mwuka no mu kuri, badateranye guterana kwera, gusenga kwabo kuzababera imfabusa. Kubw'ibyo Uwiteka aravuga ati: «Aba bantu baraza bakansanga bavuga amagambo meza gusa, bakanshimisha iminwa yabo, ariko imitima yabo ikamba kure. (Mat.15:8,9). Abasenga Imana bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri kuko abameze batyo, aribo Data ashaka ko bamusenga. (Yoh.4:23)" ***Ellen G. White,Prophets and Kings, p.50***

***ELLEN G. WHITE,TESTIMONIES FOR THE CHURCH Vol.5 p.491,492*** **"**Ku mwizera wese wicisha bugufi, urusengero rw'Imana hano ku isi ni irembo ry'ijuru. Indirimbo zo gusingiza Imana, amasengesho, amagambo avugwa n'abahagarariye Kristo mu isi, ni ibikoresho biteguriza abantu kwinjira mu rusengero rwo mu ijuru, no muri rya teraniro rikomeye ritazinjirwamo n'abanduye imitima. Uhereye ku cyubahiro cyahabwaga ubuturo bwera bwo mu isi, abakristo bakwiriye kwiga cyane uko bakwiriye kwifata bageze ahantu Uwiteka ahurira n'ubwoko bwe… Imana ubwayo yatanze gahunda ikwiye gukurikizwa mu gihe bari mu rusengero rwayo. Iyo gahunda ikwiriye kubahirizwa kuruta ikindi kintu cyose kibaho.

Inzu tubamo ni urusengero rw'igihe gito ku b'umuryango. Icyumba kimwe gusa, cyangwa mu nsi y'ibiti ni urwiherero rusengerwamo n'umuntu ku giti cye, ariko urusengero ni ubuturo bwo gusengerwamo n'iteraniro ry'abantu bose. Aho hakwiriye kubaho amategeko agenga abarusengeramo, yerekeranye n'igihe, ahantu, n'uburyo bakwiriye kwifata basenga."

"Ikintu cyose gikorerwa mu rusengero rw'Imana, ntigikwiriye gukoranwa urutebwe cyangwa imbeho. Kugira ngo abantu bagaragaze icyubahiro cy'Imana, bakwiriye gutandukanya iby'Imana n'ibitekerezo by'ab'isi." Abafite ubwenge bujijutse, bakagira ibitekerezo byiza hamwe n'ubushake bwo gusenga Imana, ni abemera gushyigikira inyigisho yose ikomoka ku Mana. Hahirwa abafite aho basengera Imana hatuje, nubwo haba mu mudugudu cyangwa mu masenga y'imisozi, mu kazu k'akaruri cyangwa mu butayu. Habaye ari ho hababereye heza kwibonanira n'Umukiza wabo, azahubahisha kuhaba kwe, maze habe ahera h'Uwiteka Nyiringabo". ***Ellen G. White,Testimonies, vol.5, pp.491,492.***

***ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA BY'ITORERO Vol.5, p.494***"Babyeyi nimwerereze icyubahiro cya Kristo mu mitima y'abana banyu; nimubafashe kwakira Yesu no mudukino twabo twa buri munsi mubigisha gutangira icyubahiro gikomeye mu nzu y'Imana no gusobanukirwa n'uko mu gihe binjiye mu nzu y'Imana bakwiriye kwicisha bugufi mu mitima batekereza aya magambo akurikira: "Imana iri hano, iyi ni inzu yayo. Nkwiriye kugira ibitekerezo biboneye n'umugambi utunganye, sinkwiriye gusuzugura, kugira ishyari, inzika,

imigambi mibi, inzangano cyangwa kugubwa nabi mu mutima wanjye, kuko ndi imbere y'Imana y'icyubahiro. Aha niho Imana ihurira n'ubwoko bwayo ikahabuhera imigisha. Imana ikomeye kandi yera, Uhoraho ibihe byose, ampanze amaso kandi agenzura mu muitima wanjye, ndetse agasoma intekerezo z'ibanga ryose ryo mu mutima wanjye n'icyo nkora cyose mu mibereho yanjye". ***Testimonies, vol.5, pp.494.***

*ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA BY'ITORERO Vol.5, p.492* **Ikinyabupfura n'ituza mu Rusengero rw'Imana** "Igihe abizera baje mu rusengero gusenga Imana, bakwiriye kwinjirana ubwitonzi n'ikinyabupfura bajya mu byicaro byabo… Ibiganiro bisanzwe, ibyongorerano, ntibikwiriye kumvikana rwose mu rusengero, ari mbere cyangwa nyuma y'amateraniro. Ubushake, umwete n'amatsiko nibyo byerekana abaje gusenga Imana. Niba habayeho agahe gato ko gutegereza iteraniro ritaratangira, abizera bakwiriye kwicara batuje basengera Imana mu mitima yabo, ngo ayo materaniro aze kubazanira imigisha ubwabo no gutuma abandi biyegurira Imana. Bakwiriye kwibuka ko bateraniye hamwe n'intumwa z'ijuru muri iyo nzu y'Imana. Tujya twibuza umushyikirano wacu n'Imana kubwo kurangara kwacu, ntitwite ku materaniro yo gusenga no gukomezanya".

"Dukwiriye gusuzuma imibereho yacu mu by'Umwuka, tukerekeza imitima yacu kuri zuba ryo gukiranuka. Abantu nibaza mu rusengero, bakinjirana icyubahiro biyumvamo ko bari imbere y'Uwiteka, hazaba ituza mu rusengero no mu mitima yabo. Kongorerana, guseka n'ibiganiro bitakagombye kuba icyaha nko mu byumba rusange by'imirimo, ntibikwiriye kwemerwa mu nzu basengeramo Imana. Imitima ikwiriye gutegurirwa kwakira ijambo ry'Imana, kugira ngo ribashe gusobanuka no kurehereza imitima myinshi kwakira agakiza". ***Ellen G. White,Testimonies, vol.5, 492.***

*(Abarwanya kubaka insengero bitwaje amagambo Yesu yavuze ubwo bamwe mu Bayuda bamwangaga, turaberurira tuti muri mu nzira iyobye kuko mwemera umugabane umwe w'ibyanditswe mugahakana undi. Ubwo Yesu yavugaga ati:* ***"… Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka…" Luka13:31-35,*** *mwibuke ko Atari yakabamwe. Nyuma y'iminsi 50 azutse ubwo yasezeraga ku bigishwa be, dore uko yababwiye ati: "… "Kandi dore ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru". Abajyana hanze, abageza i Betaniya arambura amaboko hejuru, abaha umugisha. Akibaha umugisha atandukanywa nabo, ajyanwa mu ijuru. Na bo baramuramya,* ***<u>basubirana i Yerusalemu umunezero mwinshi, baguma mu rusengero iteka</u> <u>bashima Imana</u>".*** *Luka 24:44-53. Soma n'Ibyakozwe n'Intumwa 3:1 handitswe ngo:* ***"<u>Nuko</u> <u>Petero na Yohana</u>***

***<u>barazamuka bajya mu rusengero</u>*** *mu gihe cyo gusenga, ari cyo sa cyenda".* Woye kwijijisha utanga ubusobanuro butari bwo. Kandi nawe ubwirizwa, genzura inyandiko kuko abigisha b'ibinyoma badutse impande zose, kandi ni ubuhanuzi buri gusohora. Wirinde ko Satani yakwifashisha ngo umugeze ku migambi ye yo kurwanya ingoma y'Imana).

*Umuhati bagira ntuwitiranye n'imbaraga ya Mwuka Wera kuko byarahanuwe ngo*: "Abigisha b'ibinyoma kenshi bagaragara ko ari abanyamuhati mu murimo w'Imana, ndetse bashobora no gutanga mu byo bafite kugira ngo ab'isi n'ab'itorero bababone ko ari intungane; ariko uko barushaho kuvanga ukuri n'ibinyoma, niko n'inyigisho zabo zihinduka ikigeragezo n'ikigusha, maze imitima myinshi ikayoborwa mu nzira z'ibinyoma. Bene abo bagomba guhinyuzwa, si ukubera ko ari abantu babi, ahubwo ni uko ari abigisha b'ibinyoma bagendereye gushyira ikimenyetso cy'ukuri kuri ibyo binyoma byabo". ***ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA KU BAGABURA (T.M.), p.61***

***ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA BY'ITORERO, Vol.6, p.42*** **"**Abafashwa na Satani kuvuga abayobozi nabi cyangwa kuvuga nabi ab'itorero ryasigaye bagirwa inama ngo batekereze aya magambo y'intumwa y'Imana avuga ngo: "Nta cyo Imana yanga cyane nk'igikorwa gikoma mu nkokora abakora umurimo wayo.

Abafasha Satani bose mu murimo we wo guhinyura ***(no kurega)*** no guca intege ibyo bakoze byose, Imana izabibabaza ibishyize ku murongo". ***Testimonies, vol.6, p.42***"Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa, tunegurana kandi turegana. Nuko rero ababa barakoze ibyo ngibyo bakwiriye gupfukamisha amavi yabo bagasaba Imana imbabazi mu masengesho". ***Ellen G. White,Testimonies, vol.8, p.36 Ahandi wabisanga ni mu gitabo cyitwa UMWITEGURO W'IMVURA Y'ITUMBA p.35-36***

## IV. 13. KUZANA UMURAMBO MU RUSENGERO BIREMEWE?

Duhereye ku cyubahiro cyahabwaga ubuturo bwera, dukwiriye kwiga neza uko twifata n'uko twubaha ahantu dusengera. Si byiza kubahuka aho Imana yereje kuyisengera ngo twitware uko dushaka, tuhakorere ibyo dushaka binyuranije n'umugambi watumye hubakwa cyangwa ngo tuhabone nka bimwe mu byumba by'amazu yacu. Hari ahantu henshi duha icyubahiro bitewe n'ibihakorerwa, amateka aharanga, abahateraniye cyangwa indi mpamvu iyo ari yo yose ibidutera. Ariko se ko twumva ifuhe ry'ibikorerwa mu nsengero rigirwa na bamwe mu bigisha n'abizera b'imyemerere itandukanye bavuga ko kuzana umurambo mu rusengero ari ikizira, abandi bakavuga ko nta kizira kirimo ni nde uri mu kuri?

Hamaze kugaragara amatsinda atatu adahuje imyizerere kuri ibyo: itsinda rimwe ryemera ko kuzana umurambo mu rusengero, bakawukoreraho imwe mu mihango y'idini ryabo, bakawusabira ari uburyo bumwe buhesha nyakwigendera kwemerwa n'Imana ndetse ko na roho ye ihita ijya ku Mana. Iyi myizerere yabaye gikwira ku buryo abandi bo bizera ko ababo basinziriye: babasabira ku Mana, babatanze kugera mu ijuru kwa Jambo, ndetse ko baba hagati yabo n'Imana, n'ibindi byinshi. Abatangije iyi myizerere yo kudapfa kwa roho ni Kliziya Gatolika y'i Roma bikozwe na papa Gregoire wa 5. Bisome mu gitabo ***"WOWE NKURIKIRA Nº ya 15 URUHEREREKANE RW'ABAPAPA", p.37***.

Itsinda rya kabiri rihakana iyo myizerere mu buryo bukomeye berekana icyo ijambo ry'Imana ribivugaho ko *"iyo umuntu apfuye ntacyo amenya". Umubwiriza 9:4*-6. Berekana ko Ijambo ry'Imana ryagereranije urupfu n'ibitotsi. Yohana 11:9-26; 1Abakorinto 15:51-55; 1Abatesalonike 4:15-18; Yobu 21:23-26; Zaburi 146:3-4; Yobu 7:9-10; 1Ngoma 29:15; Yobu 14:12,21; Imigani 49:17-21 (16-20).

***ELLEN G. WHITE,*** **TESTIMONIES FOR THE CHURCH, VOL.1, p.110. Chapter: "THE GEATH OF MY HUSBAND". "Igihe James White yapfaga, umurambo we bawuzanye mu rusengero; Ellen G. White nta bubi yabivuzeho kuko nta yerekwa ribivuguruza yahawe.**

**Kuri urwo rupapuro hagaragaza ko Ellen G. White nawe bamuhetse bamuzana mu rusengero ahavugira imibereho ya nyakwigendera nubwo nawe yari arwaye".**

## IV. 14. ITORERO RYASIGAYE NTIRIGOMBA GUCIKAMO IBICE

***ELLEN G. WHITE,MESSAGES CHOISIS, Vol.II, pp.78.*** "Mbisubiyemo, Uwiteka ntiyigeze avugira mu butumwa bugenda buvuga ko Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni. Ni iby'ukuri ko muri ryo harimo imbuto nziza zigiteranye n'umurama. Ariko Kristo yavuze ko 'azohereza Abamalayika be guhambirira urukungu mu miba ngo rutwikwe, maze imbuto nziza bakazishyira mu bigega'. Nzi ko Imana ikunda itorero ryayo; ntirigomba kuvurungana ngo ricikemo ibice byigenga. Nta kintu na kimwe kitwereka ko ibintu bibi kandi bidasobanutse nk'ibyo bigomba kubaho. Abategera amatwi ubwo butumwa bupfuye kandi bakihatira no kubwigisha abandi, baribeshya kandi baba bitegura kongera gushukwa ari nako bazatsindwa. Abagize itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bari mu iroro ry'ibitotsi ku buryo batiteguye kwakira ubutumwa buhwitura Lawodokiya. Ariko nubwo bimeze bityo itorero ntirigomba gucikamo ibice. Nimureke urukungu rukurane n'amasaka kugeza ku isarura.

Nyuma Abamalayika nibo bazakora umurimo wo kurobanura. Ndararikira itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi kwitondera ibyo bita umucyo mushya, inyigisho nshya, n'igitekerezo gishya. Mu buryo bugaragara umurimo w'abantu nk'abo ugenda ari uwo kurega no gusenya mu cyimbo cyo kubaka.

Mwene Data, ntiwongere gutera intambwe n'imwe werekeza muri ibyo bintu; ukwiriye kuba maso. 'Gendera mu mucyo ugifite umucyo'. Yoh.12:35».***Ellen G. White,Messages Choisis, Vol.II, pp.78.***

***ELLEN G. WHITE,IBIHAMYA BY'ITORERO,Vol.VI, p.293*** "Hari uburyo bwinshi bwo kugerageza abo biyita ko badutsweho n'umucyo mushya kandi w'ukuri. Icyafasha buri wese muri twe, ni ukutagira ukuri gushya yemera cyangwa ubusobanuro bushya bw'Ibyanditswe Byera, atabanje gusiganuza abavandimwe b'inararibonye. Bibashyire imbere wicishije bugufi mu bugwaneza wemere kwigishwa, hamwe no gusengana umwete. Abo bavandimwe nibabona ko nta mucyo uri muri ayo mahame, ubyihorere kuko mu bajyanama benshi haturuka amahoro». ***Ellen G. White,Testimonies for the Church, Vol.VI, p.293***

***ELLEN G. WHITE,COUNSELS ON SABBATH SCHOOL WORK, P.34*** "Iyo gahunda niyo yakurikizwaga mu itorero rya mbere. Iyo habaga impaka ku byo abizera batemeranije mu itorero rya Antiyokiya, abizera boherezaga ababhagarariye i Yerusalemu, maze intumwa n'abakuru bakigira hamwe icyo kibazo. Icyemezo cyafatirwaga mu nama z'i Yerusalemu abizera bo muri Antiyokiya bacyakiranaga ibyishimo. Nuko ubumwe bwa kivandimwe bukomeza kurindwa butyo". "Iyo nama yakomotse ku Mukiza ntikwiriye gusa n'aho igize uwo ibangamira ngo imubuze kwiga Ibyanditswe Byera ashyizeho umwete. Ahubwo ni ukurinda inyigisho z'inzaduka n'ibitekerezo biyobya kwinjira mu itorero. Imana ishaka yuko abana bayo bagenzura Ijambo ryayo mu mucyo no mu kuri, ariko ntishaka ko batwarwa umutima n'inyigisho z'ibinyoma". Bibiliya ni ikrombe gicukurwamo ukuri. Ijambo ry'Imana ruzuyemo ukuri kuruta ubwinshi izahabu yuzuye mu birombe byo ku isi. **Ellen G. White, *Counsels on Sabbath School Work, p.34***

## IV. 15. GAHUNDA MU ITORERO RY'IMANA

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.153-155*** « Bibiliya itegeka ko hagomba kubaho gahunda n'ikinyabupfura mu itorero. *"Imana si iy'umuvurungano, ahubwo ni iy'amahoro":* niko intumwa Pawulo yavuze. Nko mu matorero yose y'abera, *"Byose bikorwe neza no muri gahunda". 1Kor.14:33,40.*

Mu myaka icumi ya mbere ya mbere yo kubaho kw'Urugaga rw'Abadiventisiti, ntabwo twari dufite gahunda ihamye kandi gahunda rusange. Amatorero ntiyari afite ubumwe cyangwa ikiyahuza; buri mubwiriza yakoraga uko ashatse kandi yumva atabanje kwerezwa umurimo w'ubugabura (Pasteur), cyangwa ngo ahabwe igihembo.

Umutungo w'itorero waba muke cyangwa mwinshi witirirwaga izina ry'umuyobozi cyangwa umwe mu bayoboke b'itorero. Ku buryo iyo uwo muntu yabaga apfuye, uwo mutungo yawusigiraga umwana we ndetse utari n'umudiventisiti.

Mu mwaka wi 1855, musaza wacu na mushiki wacu James Wihte na Ellen G. White batangira kwandika no kubwiriza kubigendanye na gahunda y'itorero. Bahuye bwa mbere n'ababarwanya bakomeye ndetse n'imyumvire ihumye. Ariko uko iminsi yahitaga, kwica gahunda byariyongeraga cyane mu matorero yose kubw'ababwiriza badashoboye, cyangwa rimwe na rimwe b'abāka, abanebwe n'ibindi nk'ibyo, maze ab'itorero baza kwiyumvisha impamvu yo kugira icyo bakora ku bigendanye na gahunda.

Mu gatsiko k'abantu bakomeza isabato, abenshi barwanyaga ishyirwaho rya gahunda. Ubunararibonye bari baravanye mu madini bahozemo ari yo basohotsemo ubwo ukuri bakugaragarizwaga, bwarabatinyishaga. Bavugaga ko nibashyiraho GAHUNDA bari bube bahindutse Babuloni nk'ayo madini basohotsemo. Muri ubwo buryo nibwo Ellen G. White yanditse ati: *"Uwiteka yanyeretse ko gahunda mu kubwiriza ubutumwa, yaretswe ikanirengagizwa. Tugomba kureka ubunyamihango ariko na none ntitugomba kwibagirwa GAHUNDA. Gahunda ibaho mu ijuru. Yahozeho no mu itorero rya Kristo hano mu isi. Kristo amaze kuzamurwa mu ijuru, gahunda yakomeje kubahirizwa n'intumwa ze. No muri iki gihe ubwo twegereje imperuka y'ibihe gahunda ni ingenzi cyane kuruta byose".* ***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE pp.153-155***

***PREMIERS ECRITS pp.97,100 "***Nabonye ko umuryango Umwanzi yinjiriramo aje kuyobya ubwoko bw'Imana ushobora gukingwa. Mbaza Malayika uko ibyo byakorwa, ambwira ko itorero rigomba kwifashisha ijambo ry'Imana no kugaruka kuri gahunda yo kubwiriza yazimiye ikanirengagizwa; ubwo nibwo buryo rukumbi bw'ingenzi niba dushaka ko ubumwe bwo kwizera bubaho mu itorero." ***Premiers Ecrits, p.97,100.***

***ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE, pp.154-155.*** "Ayo mabwiriza yatumye biga ibigendanye na Gahunda. Mu mwaka w'1859 bene Data b'abayobozi batangiye kwibaza uburyo bakumvira amagambo y'umukozi w'Imana Ellen G. White. Habaye inama nyinshi zo kugenzura uko gahunda yashyirwaho. Ikintu cy'ikubitiro babanje kwigaho ni izina bakwitwa. Bamwe muri bo nka James White, bahitamo izina ryitwa: *"Itorero ry'Imana nzima".* Nyuma

mu materaniro y'inama yabaye ku itariki ya 1/10/1860 bahuriza ku nyito yitwa: ***"ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI"*** bashingiye ku gitabo cya Danieli n'icy'Ibyahishuwe: Dan.8:14; Dan.12:11-12; Ibyah.12:17; Ibyah.10:1-11; Ibyah.14:6-11; Ibyah.14:12; Ibyah.19:10.

Ariko byaje gushimangirwa mu nama yabaye ku itariki ya 04-06/10/1,861, niho bemeje gushyiraho itorero n'Inteko nkuru Rusange (General Conference). Muri ayo materaniro y'ingenzi bahanze ubumwe bw'amatorero (Union) Itorero ndetse n'Inteko Nkuru Rusange, Field (Association). Filidi ya mbere yabaye iy'i MICHIGAN. Mu mwaka w'1862 hahangwa izindi Filidi 6 mu bihugu bitandukanye. Nyuma y'umwaka umwe; ni ukuvuga kuva ku itariki ya 20-23/05/1862 nibwo bahanze "Inteko Nkuru Rusange (General Conference)".***Ellen G. White et le Don de Prophetie, pp.154-155.***

## IV. 16. INDONGOZI Y'ITORERO (INGENGAMIKORERE) IREMEWE?

Mu birego itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi riregwa n'abahoze ari Abizera baryo bakarisohokamo bakiyita Abagorozi, harimo n'icyo bavuga ko «Indongozi (Ingengamikorere) y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi itemewe. Ari Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, ari n'ababavuyemo bakiyita Abagorozi ni nde uri mu kuri? Indongozi yanditswe ryari? Yanditswe na nde? Hari icyo Imana yayivuzeho ikinyujije mu kanwa k'umuhanuzi-kazi Ellen G. White? Indongozi yaba yaranditswe mbere y'urupfu rwa Ellen G. White cyangwa ni nyuma yarwo? Ese iyo Imana ibona ko Indongozi (Ingengamikorere) izaba ikibazo gikomeye mu gusenya Bibiliya (nk'uko babirega) ntiyari kubihishurira ubwoko bwayo, ko yari yarasezeranye ko *«Ntacyo Uwiteka azakora ubwe atabanje kubihishurira abagaragu be b'abahanuzi?» Amosi 3:7* Ariko ubundi Indongozi ni iki?

Mpereye kuri iki kibazo giheruka kivuga ngo Indongozi ni iki? "Indongozi ni Ingengamikorere" ni "GAHUNDA". Iri ni ryo jambo ryakoreshejwe muri bibiliya. Hari icyo ijambo ry'Imana ryavuze kuri gahunda? Soma 1Abakorinto14:33,40 handitswe ngo: "Kuko Imana itari iy'umuvurungano, ahubwo ari iy'amahoro. Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye no ***muri gahunda***". *1Abakorinto14:33,40.* Wasoma n'aya masomo akagufasha kumva neza icyo ijambo ry'Imana ryavuze kuri Gahunda: 1Tes. 5:14; 2Tes.3:6,11,14.

Indongozi yanditswe ryari? *"Mu mwaka w'1863, bahanze Inteko Nkuru RUSANGE, hanyuma Asosiyasiyo zitunze z'amatorero ku rwego rw'ibanze zari zimaze guhangwa zishyirwa hamwe*

*muri urwo rugaga rugize Inteko Nkuru Rusange. Ibyo byatumye Itorero ritangirana gahunda nziza kandi ifite ubuyobozi. Mu mwaka w'1882, Inteko Nkuru Rusange yafashe icyemezo cyo gutegura amabwiriza ahabwa abayobozi b'itorero no kuyatangaza mu Kinyamakuru Review and Herald (Urwibutso n'Integuza) cyangwa agacapwa nk'inyandiko byemezwa mu mwaka 1883".* ***Review and Herald 26, Ukuboza 1882***.

Indongozi y'itorero yanditswe na nde? Indongozi (Ingengamikorere) y'itorero yanditswe na pasitoro J.N Loughborough, mu mwaka w'1907 ifite impapuro 184 kuko Inteko Nkuru rusangeyari yatanze uburenganzira mu mwaka w'1883, yemerwa n'Inteko Nkuru Rusange muri uwo mwaka kandi iki gitabo cyagize uruhare rukomeye cyane igihe kirekire muri urwo rugaga rw'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Bigaragara neza ko Indongozi y'Itorero yanditswe mbere y'urupfu rwa Ellen G. White kuko Ellen G. White yapfuye mu mwaka 1915 hashize imyaka 8 indongozi yanditswe. Ko yari umuhanuzi udahishwa ibizaba ku itorero ry'Imana, ntacyo yabivuzeho?

Ubwo yahishurirwaga iri somo ngo "Malayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza". Zaburi 34:8 (7), yasesenguye akamaro k'Indongozi, ashima uwayanditse, anagaragaza impamvu zatumye yandikwa, abyandika mu gitabo ELLEN WHITE ET LE DON DE PROPHETIES, p.12 no muri ***Messages Choisis, vol.2, p.258*** muri aya magambo ati "Abenshi ni abatubanjirije: Abatangije itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karidwi (Les Pionniers), bakurikiye iyi nzira kandi baturinda ingorane nyinshi. Muri bo twavuga nka 'James White, J.N Andrews, Uriah Smith, J.N Loughborough, George I, Butter. Hanyuma yaho A.G Daniel, W.A Spicer na F.N Wilcox. Ni iki twabigiraho cyakomeza kwizera kwacu no kuba abagenzi b'abanyabwenge? Ni ubuhe butumwa bw'ahashize twakwigiramo muri iyi minsi? Nyuma y'imyaka myinshi y'ubunararibonye, aba bagenzi batacogoye harimo na James White bakomeje kwizera kwabo mu buyobozi bw'ijuru. Iyo nitegereje aho twaciye mu bihe byashize, dutera intambwe mu rugaga (Mouvement) tujya mbere, nshobora kuvuga nti "Imana ishimwe"! iyo ndebye ibyo Uwiteka yadukoreye, numva nuzuye ishimwe n'ibyiringiro mu mutware wacu Yesu Kristo". ***Ellen G. White et le don de Propheties, p.12***

***Messages Choisis, vol.2, p.258*** Handitswe ngo "Ndashimira cyane umupasitoro J.N Loughborough ko yakomeza gukoresha impano ze n'italanto mu murimo w'Imana. Yahagaze ashikamye mu miraba n'ibigeragezo. Hamwe na pasitoro Smith, n'umugabo wanjye na mwene Data Butter, badusanze nyuma, nawe ubwawe S.N Haskell, ashobore kuvuga ati "1Yoh.1:1-3". ***Messages Choisis, vol.2, p.258.***

Uyu mupasitoro J.N Loughborough wateguye indongozi, yashimwe na Ellen G. White. Iyaba Indongozi yari kuzaba ikibazo mu minsi y'imperuka, Imana ntiyari kubihisha ngo birimbure itorero ryayo ifata nk'imboni y'ijisho ryayo. Imana ntiba yarabicecetse ngo ibure kubihishura nk'uko yahishuye n'ibindi byari kuzabangamira amajyambere y'itorero ryayo.

***IBYADUKA BYO MU MINSI Y'IMPERUKA, p.50-51 (Sous titre: "Kubera iki hashyizweho ingengamikorere y'itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi)***

Twibukiranye ko iyo bavuze: "INDANGAKWEMERA baba bavuze AMAHAME", naho "INGENGAMIKORERE ni INDONGOZI cyangwa GAHUNDA". Ibyanditswe mu BYADUKA BYO MU MINSI Y'IMPERUKA, p.50-51 cyahinduwe mu Kinyarwanda n'abiyise ABAGOROZI handitswe ngo:**134.**"Uko umubare w'abizera bacu wiyongeraga, byagengdaga ko hatabayeho ingengamikorere, twari kuzagwa mu rudubi rukomeye, kandi umurimo ntiwari gukorwa uko bikwiye.

Kugira ngo haboneke ibyangombwa byo gushyigikira umurimo, kugira ngo umurimo ugezwe mu birere bishya, kugira ngo dukingire amatorero n'abayobozi be kwangirizwa n'abizera badakwiriye, no gucunga neza umutungo w'itorero, n'umurimo wo kwamamaza ukuri binyuze mu binyamakuru, ndetse no kubw'izindi mpamvu nyinshi, byagaragaye ko ingengamikorere ikenewe..."

**"135.** Umwuka Wera yatweretse ko ari ngombwa ko habaho gahunda nziza n'imitegekere ikomeye mu itorero – <u>kandi ko kubw'ibyo ingengamikorere (Indongozi) yari ikenewe.</u> Ihame ry'ingengamikorere (Indongonzi) na gahunda nziza ni ryo riranga imirimo yose y'Imana ikorera mu isanzure ry'ibyaremwe. <u>Gahunda nziza ni itegeko ry'ijuru, kandi igomba no kuba itegeko ry'ubwoko bw'Imana buri ku isi".</u> **-TM 26 (1902).**

**Ingengamikorere izahora ari ingenzi**

**"136.** Hatabayeho ingengamikorere inoze igamije gushyiraho no gutegeka gahunda nziza, nta byiringiro by'ahazaza amatorero yaba afite". **-1T 270 (1862).**

"**137.** Oh! Mbega ukuntu byashimisha Satani aramutse ashoboye kwinjira muri ubu bwoko maze akazambaguza umurimo mu gihe ingengamikorere ikomeye izaba ikenewe kugira ngo izahinduke ubutware bukomeye bwo kwīmīra imitwe y'ubuhakanyi no kwerekana amafuti ari mu nyigisho z'ibinyoma zitemewe n'ijambo ry'Imana! Twubahirize gahunda nziza nta ruhande tubogamiyemo, kugira ngo tudaca icyuho mu rusobe rw'ingengamikorere yacu no kugira ngo tudasenya gahunda nziza twubakanye ubwenge n'amakenga. Ntitugomba kwemerera abatagira gahunda kuyobora umurimo muri kino gihe ngo bawuzambye".

“**138.** Bamwe bitwaje ko, ubwo twegereje iherezo ry’ibihe, buri mwana w’Imana wese azaba akwiriye gukora yigenga atitaye ku ngengamikorere y’itorero iyo ari yo yose. Nyamara Uwiteka yanyeretse ko muri uyu murimo nta n’umwe ugomba kuba nyamwigendaho”. **9T 257, 258 (1909) –T3, p.483.**

“**139.** Mu gihe twegereje akaga gaheruka, aho kwibwira ko ingengamikorere no gushyira hamwe mu murimo wacu atari ngombwa cyane, ibiri amambu tugomba kurushaho kwerekana ko dufite gahunda iboneye mu kantu kose kuruta mu gihe cyashize”. **3SM 26 (1892).** Nderurira abadashaka kugendera kuri gahunda nti “Ahari abantu barenze umwe haba ingengamikorere uko byamera kose”. Ijambo ry’Imana riti *“Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda”1Abakorinto14:40*. Maze rigatanga ubutegetsi burambuye mu itorero ngo *“Mucyahe abica gahunda” 1Abatesalonike 5:14*

## IV.17.MBESE UWO ARI WE WESE WIZERA YESU KRISTO YABATIZA ABIHANNYE?

***UWIFUZWA IBIHE BYOSE pp.285*** “Arangije kwigisha intumwa ze, Yesu yaziteranirije bugufi bwe araziyegereza, apfukama hagati yazo arambura ibiganza hejuru y’imitwe yazo nuko abejesha isengesho yabasabiye abereza umurimo wera. Uko niko intumwa za Kristo zerejwe umurimo wera”. ***UWIFUZWA IBIHE BYOSE pp.285***

***INYANDIKO Z’IBANZE pp.98-99*** “Abantu Imana itatumye ngo ibatoranye nibo bibwira kandi bakemezwa n’abo bigaruriye ko bahamagawe n’Imana, kandi bavuga ko umurimo wabo ari ingenzi. Bajya mu murimo ariko ibyo bakora iteka byose usanga atari byiza. Muri ubwo buryo, ahantu hamwe babwirije umurimo wabo ugira abayoboke nuko ukajya mbere, ibyo bigatuma bavuga ko nta gushidikanya ko Imana ari yo yabatoranyije. Ariko kujya mbere kw’umurimo wabo no kubona abayoboke si cyo kimenyetso ko Imana yabahamagaye. Nubwo abo bantu batatumwe n’Imana, bajya aho Imana itabatumye bakigisha kandi imitima ikemera ukuri binyuze muri ibyo bibwirizwa byabo, icyo si ikimenyetso cy’uko bahamagawe n’Imana. Abakiriye ubutumwa bwabo bazamenya bakererewe ko abo bantu batishingikirizaga ku nama y’Imana, bo ubwabo bazagerwaho n’ububata n’ibigeragezo.

Nubwo abantu babi bavuga ukuri, bamwe bashobora kukwemera, ariko abo bantu b’ababeshyi ntibyatuma bashimwa n’ijuru. Nibakomeza kuba abagome, kandi urugero bashutsemo abakundwa n’Imana, no kubw’urujijo bazana mu itorero, umunsi umwe bazahembwa ibihano bibakwiriye. Nibazabura guhanirwa ibyaha byabo, umunsi ukomeye w’Uwiteka uzabishyira ku mugaragaro.

Izo ntumwa ubwazo ni umuvumo ku murimo. Abantu bataryarya bazishyiraho ibyiringiro batekereza ko bakurikiza inama z'Imana, kandi bakaba bafitanye ubumwe n'itorero.

Niyo mpamvu abo bizera bemera abo bantu nk'abakozi bagabura iby'Uwiteka, ndetse bakemera kubatizwa nabo. Ariko igihe iyo mitima itaryarya izamurikirwa – kandi ibyo bisohora umunsi umwe cyangwa ku wundi -…………………………………

## IV. 18. ESE GUSENGA DUPFUKAMYE NI YO NYIFATO YONYINE YEMERWA N'IMANA?

Abantu bose bakenera kumenya uko bakwitwara, n'inyifato bagira igihe baje imbere y'Imana yabo kuyiramya, kuyisenga, kuyisaba imigisha no kuyigezaho ibyifuzo byabo byose. Ibyo byerekana icyuho icyaha cyaciye mu isano umuntu yari afitanye n'Imana.

Mu basenga ibigirwamana buri wese agira uko atekereza kwanezeza imana ye, kwayiguyaguya kukayigusha neza igashira uburakari yari imufitiye. Ibi byinjiye no mu basenga Imana Umuremyi wa byose maze bakavuga ngo: "Niwitwara utya, niwifata utya, nibwo urêmerwa imbere y'Imana cyangwa nibwo Irakumva"; ndetse bakabijyaho impaka zishoboka, bamwe ntibave ku izima kugeza ubwo babihindura ihame bashingiraho ukwizera kwabo. Ntitubasha kubahuka Imana Umuremyi wa Byose koko ngo mu misengere yacu twitware uko twishakiye ariko kandi na none twoye kubibona nk'inzira imwe rukumbi umunyabyaha yemererwamo n'Imana Umuremyi, kuko twaba dushyizeho amahame ya Mana twemera Itashyizeho. Twitonde kuba abacamanza ba bagenzi bacu tudahuje imyumvire, kuko umuntu ashobora kujijishwa akagira ngo nibyo byonyine Imana yavuze kuko atasomye byinshi, nyuma akaza gusanga yaribeshye kuko ukuri ntawe ujya akuva imuzi ngo akumareyo. Ese, koko nta yindi nyifato umuntu yagira igihe aje imbere y'Imana kuyisenga? Gusenga upfukamye ni byo byonyine byemerwa n'Imana? Uwasenga ahagaze ntiyakumvwa n'Imana? Ese abatubanjirije nta n'umwe wasenze ahagaze ngo yumvwe n'Imana Umuremyi? Ni ryari gusenga duhagaze bitaba inyifato mbi imbere y'Imana?

Tugishe inama ijambo ry'Imana rituyobore muri uru rugendo rwo kwizera kandi tube twiteguye kureka icyo ari cyo cyose iryo Jambo ritemera, no gushyira mu bikorwa icyo iryo Jambo ryemera, twoye kwishuka dutsimbarara ku bitekerezo byacu bwite ngo twumve ko Itwemera tuyirwanya

**Hari abasenze bahagaze kandi baremerwa:** 2Ngoma 20:5-9 handitswe ngo:"*<u>Yehoshafati ahagarara mu iteraniro ry'Abayuda n'ab'i Yerusalemu yari mu nzu y'Uwiteka imbere y'urugo rushya; arasenga ati:</u> "Uwiteka Mana ya ba sogokuruza bacu, ese si wowe Mana yo mu ijuru,*

*kandi si wowe utegeka abami bose b'abanyamahanga? Mu kuboko kwawe harimo ububasha n'imbaraga, bituma ntawagutanga imbere". 2Ngoma 20:5-
9.*

Mariko 11:24-26 handitswe ngo: *"Nicyo gitumye mbabwira nti 'Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.* ***Kandi nimuhagarara musenga,*** *hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire, kugira ngo So wo mu ijuru na we ababababarire ibyaha byanyu; ariko nimutababarira abandi, na So wo mu ijuru na we ntazababababarira ibyaha byanyu'".Marc.11:24-26*

Luka 18:13-15 handitswe ngo: *"Naho wa mukoresha w'ikoro ahagarara kure, ntiyahangara no kūbura amaso ngo areba mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza ati 'Mana, mbabarira, kuko ndi umunyabyaha'. Ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi; kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru". Luka 18:13-15.*

Nehemiya 9:1-3 handitswe ngo *"Nuko ku munsi wa makumyabiri n'ine wo muri uko kwezi Abisirayeli baraterana biyiriza ubusa, bambara ibigunira, bītēra n'umukungugu. Urubyaro rw'Abisirayeli bitandukanya n'abanyamahanga bose, barahagarara bātura ibyaha byabo no gucumura kwa ba sekuruza. Bahagarara ukwabo, bamara igice cya kane cy'umunsi basoma mu gitabo cy'amategeko y'Uwiteka Imana yabo; n'ikindi gice cya kane bātura ibyaha byabo, basenga Uwiteka Imana yabo".* Mu **2Ngoma 30:27** handitswe ngo *"Maze abatambyi b'Abalewi barahaguruka, basabira abantu umugisha; ijwi ryabo rirumvwa, gusenga kwabo kugera mu buturo bwayo bwera, ari bwo juru".* ***SELECTED MESSAGES, vol.3, p.267,*** handitswe ngo *"Ntabwo ari byiza igihe cyose gusenga dupfukamye. Si ngombwa rwose igihe cyose gusenga upfukamye".*

***SELECTED MESSAGES, Vol.3, p.270*** "Mu ruhame cyangwa se dusenga turi ahiherereye, ni byiza kunama tugapfukama tugakubita amavi yacu hasi mu gihe tuvuganira n'Imana yacu mu isengesho, iyo nyifato iba yerekana ko kubaho kwacu tugukesha Imana. Na none ni ikimenyetso cy'uko twubashye Imana… Ibyo Ellen G. White yerekezagaho yigisha ibyo gusenga abantu bapfukamye, ibyo bintu byashyizwe mu mucyo neza n'amagambo ye bwite ndetse n'urugero yatangaga.

Kuri Mme White nta hantu nta n'umwanya isengesho ritashoboraga gusengerwaho. Umuryango we watanze ubuhamya ko munzu y'iwabo igihe babaga bagiye kurya igaburo ryo ku manywa, basengaga bunitse (bubitse) imitwe gusa ntabwo bapfukamaga. Ellen G White ntabwo yapfukamaga igihe yabaga agiye gusabira iteraniro umugisha gahunda zirangiye.Inama

yumvikanye yo gupfukama biragaragara rwose ko yerekezaga kuri gahunda yo kuramya mu nzu y'Imana cyangwa se mu muryango ahantu umuntu asenga yiherereye mu nzu ye.Mu materaniro rusange (mu materaniro magari) ibihe byinshi Mme White yasengaga ahagaze ku maguru yombi". ***SELECTED MESSAGES, Vol.3, p.270***

***KOMEZA UBISOME MURI SELECTED MESSAGES p.267*** aho yavuze ati "Ntabwo ari byiza igihe cyose gusenga dupfukamye. Si ngombwa rwose igihe cyose gusenga upfukamye".

## IV. 19. ELIYA WA GATATU NI NDE? AZARANGWA N'IKI? AZATANGIRA UMURIMO WE RYARI?

Mbere yo kwibaza kuri Eliya wa gatatu, tubanze tumenye Eliya wa mbere n'uwa kabiri, ibyabarangaga, umurimo bakoze n'igihe bakozemo, uko isi yo mu minsi yabo yari iri n'uko iby'umwuka mub'igihe cyabo byari bihagaze.

1. **Eliya w'i Tishubi**: Umwisirayeli: yagaragarije icyubahiro cy'Imana ku musozi Karumeri ubwo abahanuzi ba Bali bari bishyize hamwe n'aba Ashera bagahamagara n'abafana babo (1Abami17-18)
2. **Eliya wa kabiri**: Yohana umubatiza: Malaki4:23-24. Yagoroye Isirayeli asanganya imitima y'abana n'iya ba se ubwo Satani yari yarayobeje bamwe mu Batambyi, mu banditsi n'Abaroma.
3. **Eliya gatatu**: Ellen G. White cyangwa Inyandiko z'Umwuka w'Ubuhanuzi: Ibya Eliya wa gatatu byahanuwe n'Imana ubwayo muri aya magambo ngo *"Dore nzabohereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera"*. Nk'uko Eliya wa mbere yarwaniye Imana ishyaka rikomeye ayigaragaza, niko na Eliya wa gatatu azakora. Nk'uko abahanuzi ba Bali na Ashera bari bibumbiye hamwe kurwanya Imana bihandagaje, niko no mu gihe cya Eliya wa gatatu bizaba bimeze: abanyamadini bazishyirira hamwe kurwanya Uwera wa Isirayeli n'itorero rye ryasigaye. Nk'uko Eliya w'i Tishubi yagaragaje ukuri kweruye, kudakikiye, ni ko na Eliya wa gatatu azabigenza. Imiburo azatanga izakura abantu mu rungabangabo bitandukanye n'inyamaswa n'igishushanyo cyayo maze bashyirweho ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Nk'uko Eliya w'i Tishubi yiciye abahanuzi ba Bali na Ashera ku kagezi ka Kishoni, ni ko abarwanyije Imana bakabangamira ukujya mbere kw'itorero ryayo bose bazarimbuka ubwo abera bazaba bari kwitahira iwacu mu ijuru.

“Neretswe ko hazabaho akaga ku basoma ibyanditswe byera bayobowe n’umwanzi batabizi. Maze kuko azaba akabakaba irari ry’ibitekerezo byabo bibajyana shishi itabona, bazibwira ko ari bo bafite umucyo mwinshi kuruta abayobozi bemewe n’itorero. Maze kuko hazavuka impaka nyinshi, bazajyanwa na rya rari ryo kugurumana hanze y’itorero.

Umwami Yesu yari abizi ni ko kuvuga ati ***“Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe mutazarucirwa, kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe. Ni iki gituma ubona agatotsi kari mu jisho rya mwene so  ariko ntiwite ku mugogo uri mu jisho ryawe? Cyangwa Wabasha ute kubwira mwene so uti ‘Henga ngutokore agatotsi kari mu jisho ryawe’ kandi ugifite umugogo mu jisho ryawe? Wa ndyarya we, banza wikuremo umugogo uri mu ryawe jisho, kuko ari bwo wabona uko utokora agatotsi kari mu jisho rya mwene so”. Mat.7:1-5.***

***“Nihaniye muri iri torero ry’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi mfite imyaka cumi n’irindwi y’ubukuru. Naje kenshi mu materaniro ya William Miller wari ufite imbaraga nyinshi n’ubushizi bw’amanga. Nemezwa n’Umwuka w’Imana kuva mu itorero ry’Abametodisiti. Ariko mbonye gahunda y’iri torero ndavuga nti “Naho rwaba urupfu cyangwa ikindi kintu cyose ntacyankura mu itorero ry’Imana. Ahubwo niteguye kurisinziriramo cyangwa nkarimeneramo amaraso”. Ellen G. White Manuscript, p.20,21 (1863)***

***“Umuntu wamenye iri torero ahangaye kurivamo aba yigerezaho. Ni uguta ubugingo ugana urupfu. Birumvikana ko mu itorero hashobora kuba abayobozi gito, nyamara Umwami Yesu atubuza kubacira urubanza no kubatunga urutoki agira ati “Mwumve ibyo bababwira mubikurikize, ariko mwirinde imigenzo yabo” Mat.23:3 Neretswe ko ku isi tutazahabwa Malayika ngo aduhagarare imbere atubwirize. Tuzabwirizwa n’abanyantegenke n’abakora bimwe nkatwe. Nyamara ijambo ry’ubugingo batubwiriza nitubasabira aho kubahunga no kwikakaza twigira beza bo tubita babi, rizatwezanya nabo. Guhunga umunyabyaha ni umuco w’Umwanzi kugira ngo aducemo icuho tudahinduka impumuro nziza itera bagenzi bacu gukirizwa mu ijuru”. Review and Herald, 23, October, 1902***

## IV. 20. KUKI ABAGOROZI BA MBERE BASOHOTSE MU ITORERO BARI BARIMO?

“Neretswe ko abibwira kugira ubugorozi ku makosa y’itorero ryemewe n’Imana batagomba kurihunga ahubwo bagomba gukorera ubugorozi imbere muri ryo. Nubwo bakwangwa bakagirirwa nabi kugeza ubwo bamena amaraso, nta n’umwe wemererwa guhunga itorero

ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Ibiri amambu yesu ati "Mfite n'izindi ntama zitari muri uru rugo nazo nkwiriye kuzizana" Yoh.10:17.

Tugomba gushikama mu itorero ry'Imana ntiturisohokemo nubwo twahindurwa ibicibwa ntibazatwirukana mu rusengero. Malayika yansobanuriye impamvu abagorozi b'itorero ba mbere nka LUTHER, WICLIFFE, HUSS, JEROME, n'abandi basohotse mu itorero bari barimo ati "Byari ngombwa ko barivamo kuko Uwiteka ataryitayeho, ahubwo yitaye kuri buri muntu wo muri ryo ku giti cye gusa. Ntibagombaga kurigumamo kandi ari ryo gikoresho cy'umwanzi cyo gutoteza (Kwica) intore z'Imana".

Nyamara itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi urisohotsemo nta handi wabona gahunda ikunyuze, keretse kuba nk'impehe amaherezo ukaba nka za ntama Yesu avuga ko afite mu rundi rwuri zigomba kuza mu rugo rwe ari rwo torero rye". ***Review and Herald, 18, January, 1865***

"Reka umucyo wacu urabagiranire mu itorero ry'Imana ryasigaye. Twemere ukuri kuneshe imitima yacu maze dushikame ku Mana. Igihe kizagera, iri torero rizanyagwa uburenganzira bwo gusenga ku mugaragaro, ubwo leta zo ku isi zizatuvanaho uburinzi nazo zikemera ko umukristo atari inzirakarengane. Ubwo leta izabererekera Satani kwica abataruhuka Icyumweru (Dimanche-Sunday) batayoboka Kiliziya Gatolika. Nibwo abayobozi gito bazagambanira abo bayobora; icyo gihe ni bwo gusa bazaba bagomba kuva mu itorero ry'imigenzo maze bagahungira mu butayu. Nta Sabato (Saturday-Samedi) izaba ikiruhukwa ku mugaragaro; itorero ryose uko ryakabaye rizahungira maze abayobozi gito bifatanye na leta. Ibyo bizasohora mu gihe itegeko ry'ikiruhuko cyo ku munsi wa mbere w'icymuweru (Sunday-Dimanche) rizashyirwa mu bikorwa. Abasohoka ubungubu ni ngombwa ngo bagaruke mu itorero ni rizima, nubwo bamwe mu bayobozi baba ari babi". ***Ellen G. White Manuscript, p.20,21 (1863).***

## Igice cya 5. MBESE BIRAKWIYE KO DUKOMEZA GUTANGA ICYA CUMI MU MINSI Y'IMPERUKA?

### V. 1. ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

*****<u>IGISUBIZO NI YEGO</u>**:** Bibiliya itanga igisubizo cyeruye; nta rujijo rurimo, yewe nta n'ubwo byanditswe mu marenga ngo bisabe ubwenge budasanzwe, erega nta n'ubwo bisaba kubanza kwiga ibarurishamibare ngo ube waraminuje ubone kubisobanukirwa kuko birasobanutse. Soma neza aya masomo ubyumve: **Itangiriro 14:17-20; 28:16-22; Abalewi**

**27:30-33; Guteg.14:22; 16:17; Maraki 3: 8-10; Matayo 23: 23; 1Abakorinto 9:7-14; Abaheburayo 7:2,4-8.**

## V. 2. DORE UKO UMWUKA W'UBUHANUZI UBIVUGA:

"Umuntu ukora mu mutungo w'Uwiteka kugira ngo yitunganyirize ibibazo bye, cyangwa ngo afashe abandi bantu mu bibazo bafite, aba akoze icyaha cya SAKIRIREGO. Abantu bamwe bahindutse abakora ibyaha, kubwo kuvana ku gicaniro cy'Uwiteka icyo yejeje mu buryo budasubirwaho. Buri wese yagombye kwita kuri iki kibazo.

Mu gihe cy'ibibazo bibangamiye umuntu, ntawe ukwiriye gufata amafaranga agomba gukoreshwa mu migambi y'iby'iyobokamana ngo ayikoreshereze mu bibazo bye yifitiye cyangwa ngo yibwire mu mutima we ko azayatanga mu gihe kiri imbere. Ni ngombwa ko umuntu yagabanya ibibazo afite, no kubaho mu buryo ashoboye, aho kugira ngo yikoreshereze amafaranga yeguriwe umurimo w'Uwiteka". **MINISTERE EVANGELIQUE, p.218 (Umurimo wo kubwiriza ubutumwa, p.218)**

"Kimwe mu icumi kirēra; Uwiteka yaracyikubitiye kigomba kuzanwa mu bubiko bwe, kugira ngo gifashe ababwirizabutumwa. Mu gihe kinini Uwiteka yarakajwe n'abantu batumva ko kimwe mu icumi ari umugabane w'Imana. Bamwe ntibabyishimiye; maze bakavuga ngo: "Ntabwo nzatanga kimwe mu icumi kuko ntafite icyizere cy'uko umurimo w'Imana ukorwa". Mwiba Uwiteka kuko mutekereza ko umurimo uyoborwa nabi. Mwohereze ibyifuzo byanyu ku byerekeye icyakosorwa ngo gishyirwe kuri gahunda, ariko ntimuve mu murimo w'Imana kandi ntimube abakiranirwa ngo n'uko abandi batuzuza inshingano yabo. Musome mwitonze igice cya gatatu cya MALAKI murebe icyo IMANA yavuze kuri kimwe mu icumi." **MINISTERE EVANGELIQUE, p.220 (Umurimo wo kubwiriza ubutumwa, p.220)**

"Buri muntu wese ugize itorero agomba kumenya ko bimukwiriye kwishyura akiranutse kimwe mu icumi". ***Ministère Evangélique, p.222 (umurimo wo kubwiriza ubutumwa, p.222)***

"Umuntu wanga gutanga icya cumi ahinduka umukozi wa Satani atabizi, kuko ahwanye n'uhagarara mu nzira nyabagendwa akavuga ngo: 'Umurimo w'Imana ntugakorwe'".***Ministère Evangélique, p.220 (Umurimo wo kubwiri z'ubutumwa, p.220)*** "Numwise yuko wamamaza hose ngo: "Ntukwiriye gutanga icya cumi". Mwene Data; iyambure inkweto yawe uyikure mu kirenge cyawe, kuko aho uhagaze ari ahera. Uwiteka yavuze ibyerekeye gutanga umugabane wa kimwe mu icumi ati: "Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse, muyishyire mu bubiko inzu yanjye ibemo ibyo kurya. **IBIHAMYA KU BABWIRIZA, p.60; Inama z'Ubusonga, p.83,84 (C.S, p.83,84)**

## V. 3. KWIBA IMANA NI ICYAHA CYICISHA!!!

"N'ikintu kibi bikabije kwiba Uwiteka ibye. Gukomeza ukimenyereza kwiba Imana, gukomeza utyo kandi ubizi bivamo kononekara gukomeye umutima ukanangirwa". **R.&.H. January 22,1895. (C.S. p.86).**

**"**Guhenda Imana uyiba ni igicumuro kibi kibasha kwicisha umuntu, kandi iki cyaha kibi cyane cyabaye gikwira." **R.&.H. October 13,1896 (C.S 86**).

## V.4. KWIBA IMANA BIGUHOMBYA N'IBYARI BISIGA

**"**Uwiha iby'Imana yitoranyirije mu bindi akabigira ibye akabyikoreshereza, ni igisonga kidakiranuka. Ntazabura ibyo yambuye Imana akabyita ibye gusa, ahubwo abura n'ibyo yari asanganywe. **Urwibutso ni integuza Febr.4,1902.**

## V.5. GUKORESHA ICYA CUMI MU YINDI MIRIMO Y'ITORERO NTIBYEMEWE

"Icya cumi ni icy'Uwiteka, abagikoresha ibindi kitagenewe bazahanirwa kwangiza ubutunzi bw'ijuru baramutse batihannye. Ntabwo umurimo ukwiriye kuzitirwa nuko icya cumi cyakoreshejwe mu bundi buryo butari ubwo Uwiteka yategetse ko gikoreshwamo. Indi mirimo yo mu itorero ikwiriye gushakirwa imari yo kuyikora ivuye mu bundi buryo butari ubw'icya cumi. Iyo mirimo ikwiriye gukorwa ariko ntikorwe n'icya cumi. Ntabwo Imana yahindutse; na n'ubu icya cumi gikwiriye gukoreshwa umurimo w'ivugabutumwa". **Ibihamya by'Itorero, Vol. I, p.249,250, (1T. p.249,250); Inama z'Ubusonga, p.102,103.(C.S, p.102,103**

"Neretswe yuko ari ifuti rikomeye gukoresha icya cumi mu mishinga y'itorero. Ubwo rero niba byarakozwe, byaba byarakozwe mu buryo budakwiye. Ibyari byiza ni ukutagira ibikorwa, cyangwa se kwemera kwibabaza, abantu bakagira icyo batanga kugira ngo iyo mishinga ikorwe. Muramutse mukoze mutyo mwazasanga muri mu mahoro. Ariko muba mwiba Imana mugihe cyose mukora mu bubiko bw'Imana ngo mubone icyo mukoresha mu mishinga y'itorero". **INAMA Z' UBUSONGA P.103 (C.S, p.103)**

## V. 6. NTABWO ICYA CUMI GIKORESHWA MU NYUBAKO IZO ARI ZO ZOSE.

"Abashizwe inyubako z'Insengero zacu bakwiriye gukoresha andi mafaranga aturutse mu bundi buryo. Ntibakwiriye gukoresha amafaranga y'icya cumi mu nyubako. Ntigikwiriye gukoreshwa kubaka urusengero cyangwa ibindi bizira". **M.s. (Ellen G. White Manuscripts), p82, (1904).**

## V. 7. MURI IKI GIHE CYACU, ICYA CUMI NTICYAGENEWE GUFASHISHWA ABAKENE, IMFUBYI N'ABAPFAKAZI?

"Icya cumi cyerejwe umurimo umwe. Ntabwo gikwiriye gukoreshwa mu gufasha abakene. Icyo gikwiriye gukora gusa ni ugutunga abajyana ubutumwa mu isi, ntabwo gikwiriye gukora undi murimo." **Urwibutso n'integuza, tariki ya 1 Ukuboza 1896. (R.& H. Dec.1,1896).**

***<u>Gutegeka kwa kabiri 14:22-29</u> "…Uko imyaka itatu ishize, uzajye ukuraho kimwe mu icumi cy'imyaka yose wejeje muri uwo mwaka, ubibike iwanyu. Maze Umulewi kuko adafite umugabane cyangwa gakondo muri mwe, n'umusuhuke w'umunyamahanga, n'imfubyi n'umupfakazi bari iwanyu bazaze barye bahage, kugira ngo Uwiteka Imana yawe iguhere umugisha imirimo ukora yose."***

Iki cyari icya cumi cya kabiri. Ni ugufata imigisha wabonye ugakuraho icya cumi, icyenda mu icumi bisigaye ukabikuramo ikindi cya cyumi cya kabiri.

**Urugero:** 1000-100= 900, aya 900 niyo yatangirwaga icya cumi cya kabiri cyafashishwaga Umulewi, umukene, umupfakazi n'imfubyi: 900-90=810. Aya 90 niyo kimwe mu icumi bagendaga babika imyaka itatu igashira. Nyamara hari n'indi migabane bari baragenewe nk'uko turi buyibone mu nyandiko y'Umwuka w'Ubuhanuzi. Bityo rero abigisha ko icya cumi cyagenewe Umulewi, imfubyi n'umupfakazi, nyuma bati: "Nta Mulewi tugira," kandi icya cumi bakacyīrīra, cyangwa bakagikoresha uko babyumva; ntibasobanukiwe n'inyandiko basoma; cyangwa ikaba ari indi mpamvu y'abigisha babo maze abayoboke b'ayo madini bo bakaba bari mu kigare batazi iyo kizabageza. Dore uko Umwuka w'Ubuhanuzi wabisobanuye).

## V. 8. IMANA YABISOBANUYE NEZA, NTA RUJIJO RURIMO

"*Kugira ngo abantu bitabire imirimo yo gusenga Imana, kandi abakene bafashwe, byari ngombwa ko hatangwa icya cumi cya kabiri cy'inyungu yose. Uwiteka avuga icya cumi cya mbere, yagize ati:* ***"Abalewi dore mbahaye kimwe mu icumi cya byose, kizatangwa n'Abisiraheli,…" Kubara18:21.*** *Naho icya cumi cya kabiri cyo bagombaga kukizana ku ihema ry'ibonaniro kumara igihe cy'imyaka ibiri. Nyuma yo guha Imana ituro ry'ishimwe no guha umutambyi umugabane we, abatangaga bagombaga gukoresha ibyari bisigaye mu birori byerekeranye n'imihango yo gusenga, kandi ibyo birori byagombaga kubamo Umulewi, umusuhuke w'umunyamahanga, imfubyi n'umupfakazi.*"

"Mu mwaka wa gatatu hose, icyo cya cumi cyagombaga gukoreshwa mu rugo, baha Umulewi n'umukene. Icyo cya cumi cyavagamo umutungo wo gufasha no kuzimanira abantu. Kandi hari n'ibindi byateganyirizwaga abakene. Nyuma yo kumenya ibyo Imana ishaka, nta kindi

cyashyiraga hejuru amategeko yatanzwe na Mose kurusha umutima wo kwishyira no kwizana, kwakira abantu, n'ubugwaneza. N'ubwo Imana yari yarasezeranye guha ubwoko bwayo imigisha, yanavuze y'uko abakene badakwiriye gushira mu gihugu.  Muri icyo gihe, nk'uko bimeze n'ubu, abantu bagira ibyago, uburwayi, no kubura ibintu; nyamara igihe cyose bakurikizaga amabwiriza yatanzwe n'Imana muri bo, nta wasabirizaga, nta n'uwaburaga ibyo kurya.

"Itegeko ry'Imana ryahaga uburenganzira abakene bwo kugira umugabane bahabwa w'ibyeraga mu butaka. Umuntu wabaga ashonje, yari afite uburenganzira bwo kujya mu murima w'umuturanyi we, mu murima w'ibiti by'amatunda, cyangwa mu ruzabibu, akarya agahaga. Ibihumbano byasigaye mu murima bamaze gusarura, byari iby'abakene nk'uko byanditswe ngo: *"Nusarura umurima wawe ukibagirwa umuganda muri wo, ntuzasubireyo kuwenda,…Nukubitira Umwelayo wawe kugusha imbuto zawo, ntuzasubire kwakura amashami yawo ubwa kabiri,…Nusoroma imbuto z'Uruzabibu rwawe, ntuzasubiremo guhumba: izisigaye zizaba iz'umusuhuke w'umunyamahanga n'iz'imfubyi n'iz'umupfakazi. Kandi ujye wibuka ko wari umuretwa mu gihugu cy'Egiputa."* ***Gutegeka kwa kabiri 24:1922; Abalewi 19:9-10.*** **ABAKURAMBERE N'ABAHANUZI, p.257 (2004 Kinyarw.).**

## V. 9. IBISIGAYE (ICYENDA MU ICUMI: 9/10) BIKORESHWA BITE?

"Umuntu wese akwiriye guhora asuzuma urwunguko rwe, ari rwo migisha ituruka ku Mana, maze agakuramo icya cumi, kikerezwa Uwiteka. Icya cumi ntigikwiriye gukoreshwa undi murimo, ahubwo gikwiye gukoreshwa mu murimo w'Ububwirizabutumwa. Umuntu namara gukuraho icya cumi, mu bisigaye akureho ibyo atangaho impano n'amaturo; mubikore mukurikije uko Imana yabahaye umugisha". **R.& H. May.1,1903; Inama z'Ubusonga, p.81. (C.S,81).**

## V. 10. MBESE AMASENGESHO ASIMBURA GUTANGA ICYA CUMI?

**"**Ntabwo amasengesho agenewe kugira icyo ahindura ku Mana, ahubwo atuma tugirana umushyikirano nayo. Ntabwo amasengesho ajya mu mwanya w'icyo twari dukwiriye gukora. Ntabwo guhora dusenga hato na hato tudacogora byakwemerwa n'Imana ngo ibishyire mu mwanya w'icya cumi twari gutanga. Ntabwo amasengesho yakwishyura imyenda tubereyemo Imana". **Ubutumwa ku basore, p.248 (MYP, p.248); Inama z'ubusonga, p.99. (C.S,99).**

## V. 11. KUGARURA ICYA CUMI MBERE Y'UKO UMWAKA URANGIRA

"Icya cumi cyose cyirengejwe (Icya cumi wirengagije gutanga) gikwiriye kuzanwa. Umwaka mushya ukwiriye kubasanga mumanze kwikiranura n'Imana mu bubyo mwakiraniwemo.

Abihamaniye icya cumi bakwiriye kugitanga umwaka utarashira kugira ngo babe bikiranuye n'Imana, kandi ntibazongere na hato gushaka kwikururira umuvumo w'Imana. Bayobozi ba za Conference (Field) nimukore umurimo wanyu, ntimukavuge amagambo yanyu, ahubwo mujye muvuga muti: "Niko Uwiteka avuga." Bakuru b'amatorero nimukore umurimo wanyu. Nimutangirire iwanyu mu ngo zanyu, ntabwo abantu b'Imana bakwiriye kwirengagiza ikintu gikomeye, gishobora kuzana umugisha cyangwa umuvumo". **Ibihamya ku Bagabura, p.306 (T.M.306).**

## V. 12. GUTANGA ICYA CUMI NI INYUNGU Z'ŪGITANGA

"Inama yerekeye umuhango wo gutanga icya cumi, Imana yawushyiriyeho kugira ngo bigire icyo bimarira umuntu ufite kamere yo kwikunda anangira umutima we ngo ye kugira ubuntu. Uwiteka ashaka yuko umuntu atanga impano mu bihe bikwiriye, ngo nagenza atyo bizamubemo akamenyero n'ingeso yo kugira ubuntu, kandi yiyumvemo ko iyo ari yo nshingano y'umukristo. Umutima wugururiwe gutanga impano imwe, ntubona umwanya wo kugira ubugugu bwo gutanga iya kabiri. Isōko irakomeza ikadudubiza umugezi w'ubuntu ugatemba, nuko ubuntu bugakomeza kuba bwishi. Dukurikije ibyo Imana ishaka dusanga yarikubitiye icya cumi cy'inyungu yose. Abafite Umutima uhana bakurikije kugira ubuntu, kandi bakwiriye gutanga umugabane wa cumi. Umutima uhana numara kubyemera, hari inama ihagije kuri bose. Nta gahato kariho". **Ibihamya by'Itorero vol. III, p.393,394; (3T.393,394).**

***"Mu migambi yerekeye umurimo w'Imana, uramenye ujye urwanira gutsinda no gukomeza kujya mbere mu by'inshingano zawe za ngombwa mu by'ivugabutumwa.*** *Tekereza umugabane w'amaturo uturwa uwo ari wo. Gutanga ayo maturo kuzatuma kwifuza guhunga, kwiruke ubure aho kwari kuri".* **Ibihamya by'Itorero, vol. IV, p.385; (4T. 385)**

"Inama yo gutanga kimwe mu icumi iroroshye ntiruhije kandi ni iy'ukuri mu buryo Imana yayiringanijemo. Bose bakwiriye kubikorana kwizera n'ubutwari kuko byakomotse ku Mana. Muri iyo nama harimo gahunda n'uburyo bwiza bwo gukora, kandi ntibugomba uwize cyane ngo aminuze, cyangwa ngo abe yarageze ku rugero rwo hejuru mu bumenyi ngo abe ari we ushobora gusobanukirwa uburyo bwo gutanga icya cumi kandi ngo abe ari we ushobora

kubikora”. **Ibihamya by’Itorero, Vol. IV, p.388; (4T.388); Inama z’Ubusonga, p.73; (C.S,73)**

“Muri Bibiriya umugenzo wo gutanga kimwe mu icumi n’amaturo bitangwa n’abantu batari bamwe, ibitangwa bizakomeza kudahwana rwose; umuntu natanga akurikije uko yungutse, iby’umukene yatanze bya kimwe mu icumi bizaba bitangana n’iby’umukire kandi amaturo ye azakurikiza uko ari nuko ashoboye.

Uwo Imana yahaye byinshi, we ntazatanga nk’iby’umukene niba akunda Imana kandi ayubaha. Ntazabona ko bimubereye umutwaro cyangwa imvune gukora ibyo Imana ishaka. Umukire azageragezwa no kwikunda no kuba gito kwe, hamwe no kwima Uwiteka ibye ku bwo kubikunda.”

**Ibihamya by’Itorero, Vol.III, p.388,389; (3T.388,389); R.&H. May 16,1893; Inama z’ubusonga, p.73,74.**

**“**Umuhango wo gutanga umugabane wa kimwe mu icumi Aburahamu na Yakobo batangaga **(Itang.14:17-20; 28:16-22),** wari waramenyerewe mu bakera n’abahanuzi mbere yo guhanga ubwoko bw’Abisiraeli. Ariko igihe Abisiraeli bari bamaze kuba ubwoko bwatoranyijwe, Uwiteka yabahaye amategeko yerekeye uyu muhango. Yarababwiye ati: “Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka imeze mu butaka cyangwa imbuto z’ibiti, kimwe mu icumi ni icy’Uwiteka ni icyera cy’Uwiteka.” **Abalewi 27:30**. Iri tegeko ntiryigeze rikurwaho ngo rijyane n’imihango yo gutamba ibitambo n’amaturo byakorwaga kera kubwo gushushanya Kristo. Mu gihe cyose Imana izaba igifite abantu ku isi, kimwe mu icumi kizahoraho.” **R.& H. May 16,1882; Inama z’Ubusonga 67, (C.S,67).**

“Umugabane w’igihe cyacu nawo ni uko, Isabato nayo yatoranyirijwe kuba iyo gusengerwaho Umuremyi wacu. Umugabane wa cumi w’inyungu ni Uwera k’Uwiteka. Isezerano rishya ntiryongera gutegeka ibyerekeye itegeko rya kimwe mu icumi nk’uko ritongera gutegeka iby’Isabato; kuko ibyo byombi byashinze umuzi bihamye rwose, kuko ubusobanuro bwabyo bw’Umwuka bwasobanuwe neza.

**Urwibutso n’Integuza, May 16, 1882; (C.S.66)**

“Mbese mwakwima Imana ibyayo? Mbese mwakwisubiraho mugahindura imigambi mukorera gushyira mu bubiko umugabane wa kimwe mw’icumi Uwiteka yatoranyije ngo kibe icye? Niba mubigenza mutyo muriba Imana, kandi buri faranga mwiba ribanditsweho mu bitabo byo mu ijuru.”

**Urwibutso n’integuza, December 23,1890; Inama ku Busonga, p.86; (C.S, 86)**

“Abantu bararimbukira mu byaha; ibihumbi byinshi birazimira. Twahamagariwe gukora uburyo bwose bwo kubaburira hakoreshejwe kwitanga no gutanga ubutunzi bwacu. Nyamara ni bake mu biyita abizera bafite uwo mutwaro ku mitima yabo.

Abavuga ko bakurikira Kristo bari ku munzani imbere y’ibyaremwe byose, nyamara gucogora kwabo ni ubwigande (Kwiganda, Itimwe, Gusīgāna) mu murimo w’Imana byamaze kubabera umushinja wo kutaba abiringirwa mu murimo wo kuburira isi.” **Ibyigisho bya kristo P.303**

*“…Harya Databuja akwishyuza iki?”* ***Luka 16:5*** Ntibishoboka rwose kuvuga ibyo dufite byose biva ku Mana. Ishyira amaboko yayo kubyo dutunze ikavuga iti: “Nijye nyiri isi n’ijuru. Ibintu byose ni ibyanjye. Mpa imigabane n’amaturo. Numpa ibyo bintu bikaba ikimenyetso cy’ubuyoboke bwawe kigaragaza ko wiyeguriye mu butegetsi bwanjye, imigisha yanjye izatera ubutunzi bwawe kugwira, kandi uzagira ibintu byinshi”. **Ibihamya by’Itorero, vol. IX, p.245; (9T, p.245).**

“Ndavuga ibyerekeye gutanga icya cumi; nyamara yemwe uko mu bwenge bwanjye ari akantu gatoya cyane ugereranyije n’igitambo cya Kristo! Mbega ngo umugabane w’icya cumi uraba ubusa busa! Mbega ngo kugira umuhati no gutanga ibihe n’amafaranga biraba ubusa busa mu buryo utabasha kubigereranya n’urukundo rwo gutanga igitambo kitabasha kugerwa no kugira ibyo cyagereranywaho! Imigabane y’icya cumi ihabwa Kristo ntabwo twayigereranya n’icyo gitambo cye! Mbega ngo icya cumi dutanga kiraba impano ntoya uyigereranyije n’impano twaherewe i Kalvari! **Ibihamya by’Itorero, vol. IV, p.119,120; (4T, 119,120); Inama ku Busonga, p.78; (C.S.p.78).**

“Icya cumi ni icyēra, cyagenewe Imana yonyine. Kigomba kuzanwa mu bubiko bwayo kugira ngo gikoreshwe mu kugoboka abagabura mu murimo wabo… Musome neza igice cya gatatu cya Malaki maze murebe icyo Uwiteka avuga ku ngingo ya kimwe mu icumi.” **Evénements des Derniers Jours, p.63 (2004);Ibihamya by’Itorero, vol.IX p.249 (9T 249, (1909).**

“Muri iki gihe Imana irahamagarira Abadiventisiti b’umunsi wa Karindwi b’ahantu hose ngo bayīyegurire kandi bakore uko bashoboye bashyigikire umurimo wayo bitewe n’ibihe barimo. Binyuze mu buntu bwabo, impano n’amaturo. Imana yifuza ko bagaragaza uko bahaye agaciro imigisha yayo, bakananyurwa n’imbabazi zayo”. **Evénements des Derniers Jours, p.63 (2004); 9T 249 (1909); (9T, 132/ T3, p.418).**

«Uko turushaho kwegereza iherezo ry’ibihe niko amakene y’umurimo nayo azarushaho kwiyongera» **Evénements des Derniers Jours, p.64 (2004); 9T 249 (1909) - 5T, p.156.**

Iyi si niyo dusuzumirwamo, kugira ngo hagaragazwe ubushobozi bwo kuzabaho mu bugingo bw'iteka. Ntawe ushobora kwinjira mu ijuru agifite ingeso zo kwikubiraho (ibintu). Ku bw'ibyo Imana idusuzumira muri iyi si, mu kuturagiza ubutunzi bw'iyi si, kugira ngo uburyo tuzabukoreshamo (ubwo butunzi) buzagaragaze niba bishoboka ko twashingwa n'ubutunzi bw'iteka ryose ». **Evénements des Derniers Jours, p.64 (2004); 9T 249 (1909); (C.S, p.22 (1893)-C.E.c, 24)**

"Uwiteka yatoranije icya cumi cy'ibyo utunze n'ibyo ufite byose maze aravuga ati "Ni ibyanjye. Impano zawe n'amaturo yawe bikwiriye kuzanwa mu bubiko bigakoreshwa umurimo wanjye. Umubwirizabutumwa akoherezwa ahandi akajya kubwiriza ubutumwa mu mwijima". **Ubutumwa ku Basore (M.Y.P. p.308**)

"Umuhango wo gutanga icya cumi wejejwe n'Imana kandi wakoreshwaga mu bihe bya kera". **D.A, p.616**

"Imana yikubitiye icya cumi cy'inyungu yose" **3T, p.394**. "Nkuko Aburahamu yagenje, abizera bakwiriye gutanga icya cumi cy'ibyo bafite byose, na kimwe mu icumi cy'ibyo bahabwaho impano byose. Kimwe mu icumi gitanganywe gukiranuka ni icy'Uwiteka; kucyimana ni ukwiba Imana". **Imana z'Ubusonga p.66,67**

Icya cumi cy'inyungu yose Uwiteka aragishaka ni icye cyo gukora umurimo (mu rusengero). Uwimanye icya cumi yitwaga igisambo. Iyi nama niyo yafashije umurimo Pawulo yari yerekejeho ubwo yavugaga ati: "N'Umwami wacu niko yategetse ko abavuga ubutumwa batungwa n'ubutumwa". **1Abakorinto9:14; Ibyakozwe n'Intumwa, p.336; (C.S, p.70,71).**

"Imana ntiyishimira abiyita abayoboke bayo nyamara bagatuma abakozi bayo batoranyirijwe gukora umurimo wayo bababara kubera kubura ibyo bakeneye mu mibereho yabo igihe bari gukora umurimo wayo. Abo banyabugugu bazabibazwa, atari uko bakoresheje umutungo w'Uwiteka gusa ahubwo ni uko baciye intege kandi imikorere yabo igatera agahinda abagaragu b'Imana bakiranuka. Abahamagariwe gukora umurimo w'ivugabutumwa, maze mu kwitaba iryo rarika bakareka byose kugira ngo birundurire mu murimo w'Imana (Les Pasteurs), bakwiriye kubona ibihembo bihagije byo kwitanga kwabo kugira ngo bashobore kwitunga kandi batunge n'imiryango yabo.

Mu mirimo itandukanye ikorwa ku isi, yaba iy'ubwenge cyangwa iy'amaboko, abakozi badahemuka bashobora kubona ibihembo byiza. Mbese umurimo wo kwamamaza ukuri no kuyobora abantu kuri Kristo ntufite agaciro kanini kurusha undi murimo wose usanzwe? Ese abiyeguriye gukora uyu murimo ntibakwiriye kugenerwa ibihembo bikwiriye? Iyo

tugereranyije ibyiza biba ku bwenge no ku mubiri bikomoka ku murimo dukora, dusanga ko iby'ijuru bifite agaciro gahabanye n'ak'iby'isi.

Kugira ngo mu bubiko habemo umutungo wo kunganira umurimo w'ivugabutumwa, ndetse no kugira ngo ibikenewe mu gufasha uyu murimo bigerweho, ni ngombwa ko abantu b'Imana batanga banezerewe kandi badahatwa.

Abagabura b'ijambo ry'Imana bafite inshingano ikomeye yo guhora bereka amatorero ibikenewe mu murimo w'Imana kandi bayigisha gutangana ubuntu kandi badahatwa. Igihe ibi byirengagijwe kandi amatorero ntashobore gutanga kugira ngo afashe abandi, ntabwo bituma umurimo w'Uwiteka uhazaharira gusa; ahubwo n'abizera bavutswa imigisha bari kubona". **Ibyakozwe n'Intumwa, p.210,211 (2010 Kiny.)**

"Kugira ubuntu butikanyiza byashyize itorero rya mbere mu byishimo; kuko abizera bari bazi ko imihati yabo yafashaga mu gutuma ubutumwa bwiza bugera ku bakiri mu mwijima. Gutangana ubuntu kwabo kwahamije ko bataherewe ubuntu bw'Imana ubusa. Ni iki cyashoboraga gutuma bagira ubwo buntu bwo gutanga kitari ukwezwa na Mwuka? Mu maso y'abizera n'abatize cyari igitangaza cy'ubuntu.

Kugubwa neza mu by'Umwuka byomatanye no gutangana ubuntu kwa Gikristo. Abayoboke ba Kristo bakwiriye kunezezwa n'amahirwe bafite yo kugaragariza mu mibereho yabo ineza y'Umucunguzi wabo. Uko baha Uwiteka, bagira icyizere ko ubutunzi bwabo bubabanziriza mu bikari byo mu ijuru. Mbese abantu bashobora gutuma umutungo wabo ugira umutekano? Reka bawushyire mu biganza by'Uwabambwe. Mbese bashobora kunezezwa n'ubutunzi bwabo? Reka babukoreshe mu guhesha imigisha abakene n'abababaye. Mbese bifuza kongera umutungo wabo? Reka bumvire icyo ijuru ribategeka riti: *"Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe n'umuganura w'ibyo wunguka byose. Nibwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe. (Imigani: 9-10).* Reka bifuze kugundira ubutunzi bwabo bitewe n'ubugugu, ibyo bizaba igihombo cy'iteka ryose. Nyamara reka umutungo wabo uhabwe Imana bityo kuva icyo gihe uzahabwa ikimenyetso cyayo. Ushyirwaho ikimenyetso cyo kudahinduka kwayo.

Imana iravuga iti: *"Murahirwa mwa babiba mu nkuka z'amazi yose mwe" (Yesaya32:20).* Gukomeza gutanga impano z'Imana aho ari ho hose mu murimo w'Imana cyangwa gukemura ubukene bw'inyoko-muntu ntabwo bikenesha. *"Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka; kandi hariho uwimana birenze urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa." (Imigani 11:24).* Umubibyi yongera imbuto ze mu gihe abiba. Ni nako bimeze ku bantu b'indahemuka mu gutanga impano z'Imana. Iyo batanga biyongerera imigisha. Imana yatanze

isezerano iti: *"Mutange namwe muzahabwa, urugero rwiza rutsindagiye,rucugushije, rusesekaye nirwo muzagererwamo." (Luka 6:38)*. **Ibyakozwe n'intumwa, p.213 (2010 Kiny.**

"Mu bihe byinshi hari abantu batabasha kugarurira Uwiteka icya cumi buri cyumweru. Uko bagenda babisuzugura ni nako umwenda wabo ugenda uba munini, bikageza igihe batakibashije kuwishyura.

Icyo bagombaga gutanga bagikoresheje mu nyungu zabo, ariko bibuke ko ari umutungo w'Imana bakoresheje, banze kuwuyisubiza." **Urwibutso n'Integuza 23,Ukuboza,1899.(R.&H. Dec.23,1893).(Prepared by Pr. KIGUNDU NDWIGA ECD)**

## V. 13. KUGARURA ICYA CUMI CYANYEREJWE (CYARIGISHIJWE)

"Icyaha cyo kwiba Imana kimaze kwigaragaza, abantu bahawe inyigisho zumvikana zigaragaza uko bagomba kuzuza inshingano zabo. Umusore umwe yavuze ko yari amaze imyaka ibiri adatanga icya cumi, ariko yahoranaga kwiheba. Amaze kumva ubutumwa bwiza yarihannye, yatangiye kumva ibyiringiro bigarutse muri we. Noneho aza kumbaza ati: "Nkore iki?" Namugiriye inama yo gusanga umubitsi w'itorero akamugezaho icyo kibazo cye. Ubwo bavuganaga, yibajije ku migisha myinshi ahabwa n'Imana, maze amasha kuzajya atanga icya cumi cy'ibyo azajya yunguka byose, maze ataha afite amahoro mu mutima we. ***Ku byo atagaruriye Imana, yiyemeza gutanga amadorari 571 (331,180 Frs).*** Nyuma yaho, yahaye itorero impano y'umunsi mukuru ingana n'amadorari 125 (72,500 Frs)." **Urwibutso n'Integuza 23,Ukuboza,1899.(R.&H.Dec.23,1893). (By Pr. KIGUNDU NDWIGA E.C.D)**

"Umusore umwe wagaragaraga ko ari imfura, yari mu ntumwa zari zivuye muri Tasmanie yarambwiye ati: "Nshimishijwe n'uko wigishije icyigisho cy'icya cumi. Nari narabisuzuguye, none niyemeje gutanga icya cumi ntatanze mu myaka makumyabiri. Maze avuga ko atazongera gukora ikosa nk'iryo, ritazandikwa mu bitabo byo mu ijuru bikazamugeza mu rubanza."

"Umukobwa wo mu itorero rya Melborne yatanze ama Pawundi 5,400 ho icya cumi atari yaratanze, bitewe no kutabisobanukirwa. Benshi uko bagiye basobanukirwa icya cumi icyo ari cyo, bagiye bihana kutazongera kwiba Imana. **Ndabagira inama yuko igihe cyose wumva ko hari icyo wariganyije kandi ari icy'Imana, ukwiriye kwihutira gusanga umubitsi ukandika amasezerano yo kuzakigarura bidatinze…" Ubuhamya bwatoranijwe 4,1893. (By Pr. KIGUNDU NDWIGA ECD).**

"Aho ari ho hose haba harabaye abataragaruriye Imana ibyayo nk'uko biri, hamwe n'abatabyitaho, hari hakwiriye kubaho kwihana kuvuye ku mutima nta gushidikanya, maze hakabaho kugarurira Imana ibyayo, kugira ngo umuvumo w'Imana utabazaho.

Mu gihe urangije uruhare rwawe, usabe Imana igushoboze kwamamaza ku isi yose uku kuri umaze kumenya." **Urwibutso n'Integuza rwo kuwa 20 Gashyantare, 1885. (R.&H. Jan.20,1885).**

## V. 14. KUDATANGA ICYA CUMI BITEWE NO KWIBWIRA IBY'IMIKORERE MIBI Y'ABAYOBOZI

"Muri twe habamo abatanezezwa n'ubuyobozi maze bagafata umwanzuro wo kudatanga icya cumi ngo ni uko batazi uko gikoreshwa; ese uziba Imana ngo ni uko ukeka ko hari abadakoresha neza ibyo Imana yabashinze? Sobanura neza ibyo ushidikanyaho witonze, kandi usengere icyo kibazo, ubinyuze mu nzira zikwiriye, ariko ntiwivane mu murimo w'Imana kuko si uw'umuntu nubwo ari we ubyakira. Soma ***Abaheburayo 7:8,*** noneho ngo ugaragaze ko utari umwizerwa bitewe n'uko hari abo utekereza ko batuzuza inshingano zabo". **Ibihamya by'Itorero, vol.9, p.249 (9T,249).**

## V.15.UFITE ICYA CUMI UGAHURA N'UKENEYE UBUFASHA BYIHUSE WABIGENZA UTE?

Ufite icya cumi ugahura n'ukomeretse asaba kujyanwa kwa muganga, uwaburaye, cyangwa ukaba usabwa gutanga mu kimīna (ho baraguhana) wabigenza ute? Ese umupfakazi, imfubyi, umukene ntiwamutabara wifashishije icyacumi nk'uko twumva zimwe mu nyigisho? Imana y'urukundo, ivubira imvura ababi n'abeza, ikaba izi neza abo yabaremye kandi ko ibakunda, yabivuzeho iki?

"Imana yari yarerekanye uburyo icya cumi gikwiriye gukoreshwa. Ntiyashatse kwerekana yuko umurimo wayo uzadindizwa no kubura amikoro. Kugira ngo he kuzabaho imirimo ikorwa ku mahirwe gusa cyangwa ku mafuti, yadushakiye ibyo dukora kubw'uwo mugambi. Umugabane wa cumi w'Imana ubwayo ntugomba gukoreshwa mu zindi gahunda uretse izo yivugiye ubwayo. Ntihazagire urushya atekereza gufata icya cumi ngo agikoreshe akurikije uko atekereza.Ntigikwiriye gukoreshwa no mu mirimo yihutirwa y'ubutabazi,cyangwa kunoganya aho babonye ko ari ho icya cumi cyakoreshwa, nubwo baba bibwiye ko nawo ari umurimo w'Imana." **Ibihamya by'Itorero, Vol.9, p.74; (9T, 74)**

"Iri si itegeko ry'umuntu, ni rimwe mu mabwiriza y'Imana, kugira ngo umurimo wayo ushyigikirwe kandi ujye mbere ku isi yose. Nta rwitwazo umuntu yabona rwo kutagarurira Imana icya cumi n'amaturo." **IBIHAMYA KU BAGABURA, p.307,**

**(Testimonies to the Ministers, p.307).**

"Icyatoranyijwe n'Imana nk'uko ibyanditswe byera bivuga, kiba kibaye icyo kwamamaza ubutumwa bwiza ntikiba kikiri icyacu.

Nta kintu kibi kibaho nk'umuntu ushora ukuboko kwe mu mafaranga y'Imana, byaba kuyikoreshereza ku giti cye, cyangwa ari n'abandi ayahaye mu bikorwa byabo."***IBIHAMYA BY'ITORERO, vol.9, p.246,247, (9T, 246,247)***

"Imana yabonye ko ivugabutumwa rizashyigikirwa n'abakozi, n'impano zitangwa n'abantu bayo. Amaturo y'ubushake, n'imigabane nibyo biteza imbere umurimo w'Imana. Ku butunzi umuntu yaragijwe, harimo umugabane umwe Imana imubaza kuyigarurira. Uwo mugabane ni icya cumi. Yabarekeye uburenganzira bwose bwo kuba batanga ibiruse ibyo." **Ibyakozwe n'Intumwa, p. 50[3], (Acts of the Apostles p.74).**

"Neretswe y'uko mu Badiventisiti bakomeza Isabato ntacyo babuze cyerekeye amafaranga. Muri iki gihe akaga kabo gakomeye ni ukurundanya ubutunzi. Bamwe bitaye (cg bashishikajwe) ku bintu byabo n'imirimo yabo; nta kanya babona bararemerewe. Ingaruka y'ibyo, ni uko muri bene abo bapfuye mu by'Umwuka rwose." **IBIHAMYA BY'ITORERO, vol.4 p492 (Amigisho yitwa "Ubusonga", Igihembwe cya 1/1974, p.24).**

"Amatorero atanga kandi akagira ubuntu bwo gufasha umurimo w'Imana, niyo ahirwa cyane mu by'Umwuka. Gutangana ubuntu kw'ukuri kw'umuyoboke wa Kristo, kwerekana ko akunze Umukiza we cyane." **Ibihamya by'Itorero, vol.3, p.405; (3T,405). Amigisho yitwa "Ubusonga," Igihembwe cya 1/1974, p.14**

Abagabura bibagiwe kugira umwete mu byo kwamamaza ubutumwa bwiza bwerekeranye "n'icyigisho cy'icya cumi." Nimutyo abakuru b'amatorero n'abafite imirimo bakora mu itorero banyure inzira ikurikije kwera kw'ijambo ry'Imana, kandi bingingire abizera babo gukomeza gukiranuka uko bikwiriye mu gutanga ibyo basezeranye bya kimwe mu icumi n'amaturo.**" Inama z'Ubusonga, p107. (C,S, p.107); Amigisho yitwa "Ubusonga", Igihembwe cya 1/1974, p.14**

"Hano dusanga yuko gutangira ubuntu bijyana no Kwizera, Urukundo n'Umwete w'umukristo. Abatekereza ko bashobora kuba abakristo beza, ariko bakaziba amatwi yabo, bagakinga n'imitima yabo ngo batagira icyo baha Imana cy'ubuntu, bari mu buhenzi buteye ubwoba bwa Satani. Hari abakunda cyane ukuri, amagambo yabo n'uko bagenza bikagaragaza ko bakunze ukuri, kandi bagashaka kubona kwa kuri kujya mbere ariko ntibagire icyo bakora

gituma kwa kuri kujya mbere. Kwizera kumeze gutyo kurapfuye. Ntawe ubasha gutunganywa n'imirimo.

Ntabwo Uwiteka yigeze agira iryo futi ngo ahindure umutima kandi ngo awusige mu mbaraga yo kwifuza ubutunzi." I**bihamya by'Itorero, vol.3, p.393; (3T, p.393). Amigisho yitwa "Ubusonga", Igihembwe cya 1/1974, p.14**

"Nabonye yuko mu byerekeye gutanga, imitima imwe izageragezwa ikavugutirwa. Ni ikigeragezo gikomeye. Uku gutanga gutuma umuntu amenya uko umutima we umeze, yuko urimo ukuri n'urukundo cyangwa ko watwawe no gukunda iby'isi, ari byo biwutegeka. Icyo ni ikigeragezo kigaragaza kwikunda no kwifuza. Ibyo bizatera ubutunzi bwawe kugwa hasi cyane." **Ibihamya by'Itorero, vol.3, p.393-396; (3T,p.393-396); Amigisho yitwa "Ubusonga," igihembwe cya 1/1974, p.14.**

## V. 16. UMWANZURO: BIKORE UTARAKERERWA!

"Ntabwo bizatwara ig ihe kirekire kugira ngo urugi rw'imbabazi rukingwe. Niba muri iki gihe turimo tudakoreye Imana dushyizeho umwete kandi turi abizerwa, tuzakira dute imimuriko mibi itwereka ko tutabaye abizerwa n'abanyakuri? Nta gihe gisigaye, nta gihe kirekire gisigaye kugira ngo ibitaratunganyijwe bishyirwe ahagaragara. None ni mwenda ki ubereyemo Imana? Niba ubona bidashoboka kuwishyura, saba Imana binyuze mu kwizera Yesu Kristo, akubabarire ibyaha byawe bikomeye, maze uhereye none ukore nk'umukristo mwiza. Ntabwo urakererwa gusaba imbabazi, ariko igihe ni iki. ***"Uyu munsi nimwumva ijwi ryayo ntimwinangire umutima."*****(Abaheburayo 3:15). Urwibutso n'Integuza, rwo kuwa 1 Ukuboza 1986; (R&H, Dec.1,1896).**

Dushobora kuba igisubizo cy'ibyo umusaraba usaba kubo tubana nubwo twaba tudahuje kwizera kuko twashyiriweho kuba "umucyo w'isi". Yesu ati: "***Hahirwa abakiranura, kuko ari bo bazitwa abana b'Imana". Matayo 5:9.***


Duhiniye aha twifuriza buri wese kuzatinyuka kubona mu maso ha **Yesu** nta bwoba,no kwakira ikimenyetso cy'Imana azamura ibendera ryayo ryo kunesha kwa Yesu Kristo yitondera **ukwera kw'Isabato** nk'uko kwagaragajwe muri Bibiliya. ***Amahoro y'umutima unesha n'umunezero uzanwa no kwera bibane n'ubugingo bwawe*** kugira ngo uzaboneke mu maso ha Yesu Kristo uri umuneshi.

Yesu ati: **"Namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri niko kuzababatura" Yohana 8:32 VI. IBITABO BYIFASHISHIJWE**


1. BIBLIYA YERA (edition en 1993)
2. BIBILIYA NTAGATIFU (4ème édition 2002)

3. LE CORAN (Maison Tunisienne de l'Edition)
4. QOROAN TAKATIFU (Kiswahili 2ème édition en 1990 Tanzania)
5. QOROAN NTAGATIFU Y'IKINYARWANDA (2011)
6. ISEZERANO RISHYA MU KINYARWANDA CY'IKI GIHE (1989)
7. GATIGISIMU ISOBANUYE (Igitabo Cyigisha Amahame ya Kiliziya Gatolika: 1ère édition Kabgayi, 2Mata1952)
8. WOWE NKURIKIRA: IBISUBIZO KU BIBAZO BIKOMEYE ABAKRISTU BIBAZA
9. WOWE NKURIKIRA Nº 15; URUHEREREKANE RW'ABAPAPA
10. WOWE NKURIKIRA Nº 11 AMATEGEKO TUGOMBA GUKURIKIZA 11. ENCICLOPEDIA OF CATHECHISM, (By Cardinal Thomas Chanselier)
12. OUR SUNDAY VISITOR / Aplir, 18, 1915.
13. UMUGENZI (4ème édition 1980 by John BUNYAN)
14. INDIRIMBO YA TEO-BOSEBABIREBA
15. NEW BEGINNINGS (Prepared by A.S.I)
16. ELLEN G. WHITE; ABAKURAMBERE N'ABAHANUZI (2004)
17. ELLEN G. WHITE, COUNSELS ON STEWARDSHIP
18. ELLEN G. WHITE, COUNSELS ON SABBATH SCHOOL WORK
19. ELLEN G. WHITE, EDUCATION
20. ELLEN G. WHITE; EVENEMENTS DES DERNIERS JOURS (2004)
21. ELLEN G. WHITE; IBYAKOZWE N'INTUMWA (2010)
22. ELLEN G. WHITE; IBYADUKA BYO MU MINSI Y'IMPERUKA
23. ELLEN G. WHITE; INAMA ZIGIRWA ITORERO, VOL. I (1998)
24. ELLEN G. WHITE; INTAMBARA IKOMEYE (1ère édition en 2007 Kinyarwanda)
25. ELLEN G. WHITE, REVIEW AND HERALD
26. ELLEN G. WHITE; LA TRAGEDIE DES SIECLES (1998)
27. ELLEN G. WHITE, THE ACTS OF THE APOSTLES
28. ELLEN G. WHITE; PREMIERS ECRITS (1962)
29. ELLEN G. WHITE; LE MINISTERE EVANGELIQUE (1951)
30. ELLEN G. WHITE; UMWITEGURO W'IMVURA Y'ITUMBA
31. ELLEN G. WHITE; TEMOIGNAGE POUR L'EGLISE, 1,2,3
32. ELLEN G. WHITE; TESTIMONIES FOR THE CHURCH,1-9
33. ELLEN G. WHITE, TESTIMONIES TO MINISTERS AND GOSPEL WORKERS
34. ELLEN G. WHITE ET LE DON DE PROPHETIE
35. ELLEN G. WHITE, MESSAGES CHOISIS, 1,2
36. ELLEN G. WHITE, SELECTED MESSAGES,3
37. ELLEN G. WHITE, MESSAGES A LA JEUNESSES
38. ELLEN G. WHITE, MESSAGES TO YOUNG PEOPLE
39. ELLEN G. WHITE, MANUSCRITS
40. ELLEN G. WHITE, SERVICE CHRETIEN
41. ELLEN G. WHITE, PROPHETS AND KINGS,
42. GENERAL CONFERENCE; IBYO ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BIZERA (2010)
43. GENERAL CONFERENCE; INDONGOZI Y'ITORERO 44. GENERAL CONFERENCE; AMIGISHO YITWA **"UBUSONGA",** IGIHEMBWE CYA 1/1974.

## AMATEKA Y'UMWANDITSI



Pr. MUNYAZIRINDA Juvénal

## UKURI NAKUMENYE NTE?

Navukiye mu Karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru y'u Rwanda. Iyobokamana rya mbere naryigishijwe n'Umubyeyi wanjye w'umugabo wabyirukiye muri Uganda akurikije uko nawe yari yarabyize, antegurira kuzaba umupadiri; ibyo ntibyamaze ubukene bw'iby'Umwuka nari mfite. Amashuri abanza nayize mu kigo cy'amashuri cya Gakoro cyo mu Karere ka Musanze. Amashuri yisumbuye nayize mu kigo cy'Abihaye Imana b'Abagatolika i Bukavu muri R.D.C. Ninjiye igisirikari cya RPF Inkotanyi; muri iyo ntambara yo kubohora igihugu niho nagiriye amahirwe yo kumenya ibya Yesu Kristo ubwo natoraguraga igitabo cyitwa **"Intambara Ikomeye"** cyanditswe na Ellen G. White ari na cyo cyampishuriye Kristo Yesu Umwami n'Umukiza wanjye ntari nzi. Iyo nkuru nziza y'agakiza ntabwo nashoboye kuyiceceka, nihutiye kuyimenyekanisha aho nari nshoboye kugera hose, kandi n'ubu ni wo murimo wanjye. Mu mwaka wa 2002 nasubiye mu buzima busanzwe nkomeza kwamamaza iyo Nkuru nziza y'agakiza, mbwiririsha Ubutumwa Ibitabo (Colporteur Ministry), nkora n'amavuna (Ivugabutumwa rusange). Kuva mu mwaka wa 2002 kugeza 2012 N.K nakoze amavuna 127 yabatijwemo abizera bashya 9,913; ntangiza n'amatorero mashya (Company) umunani. Muri Mutarama 2012 nahamagariwe umurimo w'Ubugabura (Pastor) muri East Rwanda Field (ERF) aho nkomereje umurimo wo gutangiza amatorero mashya no kuyobora itorero ku rwego rw'Akarere (District Leader).

Muri iyi myaka y'umuhamagaro w'ubugabura, maze gutangiza amatorero mashya ane (Kuva 2012 kugeza 2015 ubwo nandikaga iki gitabo), yiyongera ku munani ya mbere y'uko mpamagarirwa ubugabura; umurimo ndawukomeje nk'uko Imana yabimpamagariye.

Ndashimira umuyobozi wa Field y'Iburasirazuba (ERF President Dan NGAMIJE) wambaye hafi cyane ntahweme kumpa inama. Ndashimira madame wanjye ku nkunga ikomeye yampaye. Ndashimira abayobozi b'itorero mu nzego zose bakomeje kumba hafi bampa inama, uruhare rukomeye mu kunoza no gukosora iyi nyandiko, amahugurwa n'ibyigisho bimfasha kunoza umurimo nahamagariwe, Imana izabibibukire. Ndashimira abankosoye bakamfasha kunoza neza iki gitabo, bose ndakibatuye. Imana ibahe umugisha!

**Hari igitekerezo watwungura? Duhamagare kuri iyi nimero: 0788605503 / 0727190018**
**Cyangwa utwandikire kuri iyi adress: e-mal: munyazirindaj@yahoo.com Byateguwe na**